



**REPUBLIC OF RWANDA**  
SUPREME COURT  
P.o. Box. 2197 KIGALI  
[www.judiciary.gov.rw](http://www.judiciary.gov.rw)



# ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 3 - 2023  
Nyakanga, 2023



## RWANDA LAW REPORTS

Law Reports V. 3 - 2023  
July, 2023





# ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 3 - 2023  
Nyakanga, 2023



## RWANDA LAW REPORTS

Law Reports V. 3 - 2023  
July, 2023



# ISHAKIRO

ABAGIZE KOMITE Y’UBWANDITSI.....	iii
I. ITSINDA RY’ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA.....	iii
II. KOMITE YEMEZA IMANZA.....	v
IRIBURIRO .....	ix
IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO.....	xi
INYITO.....	xi
AMATEGEKO YASHINGIWEHO.....	xiii
IMANZA ZIFASHISHIJE .....	xv
AMAGAMBO MPINE.....	xxi
Re NGENDAHAYO KABUYE (ADD).....	1
Re NGENDAHAYO KABUYE (Fond).....	11
SIKUBWABO v RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) N’ABANDI (ADD 1) .....	95
SIKUBWABO v RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) N’ABANDI (ADD 2) .....	141
TWAGIRAYEZU N’ABANDI v TWAGIRAYEZU N’UNDI (ADD).....	163
TWAGIRAYEZU N’ABANDI v TWAGIRAYEZU N’UNDI (Fond).....	185
NSENGIYUMVA v BANKI YA KIGALI PLC (BK).....	219



# **ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI**

## **I. ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA**

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

NZAYISENGA Daniel

UWINKINDI Angelique

UWIMANA Jean Marie Vianney



## II. KOMITE YEMEZA IMANZA

- Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse** : Perezida wa Komite,  
Umucamanza mu Rukiko  
rw'Ubujurire
- Dr. MUHIRE G. Yves** : Visi Perezida wa Komite,  
Umwari mu  
Kaminuza y'u Rwanda
- NSENGIYUMVA Jean Claude** : Umwanditsi wa Komite,  
Umugenzuzi w'Inkiko
- RUKUNDAKUVUGA F. Regis** : Perezida w'Urukiko  
rw'Ubujurire
- Dr. KARIMUNDA M. Aimé** : Umucamanza mu Rukiko  
rw'Ikirenga
- NDAHAYO Xavier** : Perezida w'Urukiko Rukuru
- RUTAZANA Angeline** : Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko
- KALIWABO Charles** : Umucamanza w'  
Urukiko rw'Ubujurire
- Dr. SEZIRAHIGA Yves** : Umuyobozi wa ILPD
- BURAYOBERA UMUZAYIRE  
Bibiane** : Visi Perezida wa Komisiyo  
y'u Rwanda ishinze  
Ivugururwa ry'Amategeko

- BWIZA N. Blanche** : Umugenzuzi w'Inkiko
- KIBUKA Jean Luc** : Umucamanza w'Urukiko  
Rukuru rw'Ubucuruzi
- HABARUREMA Jean Pierre** : Umushinjacyaha ku  
Rwego rw'Igihugu
- BUNYOYE Grace** : Umushinjacyaha ku  
Rwego rw'Igihugu
- KABIBI Specioza** : Intumwa ya Leta
- MUREREREHE Saouda** : Umucamanza mu Rukiko  
Rukuru
- Lt. col. MADUDU A. Charles** : Umucamanza mu Rukiko  
rwa Gisirikare
- Dr. NSHIMIYIMANA Didace** : Perezida w'Urukiko  
Rwisumbuye
- GIRANEZA Clémentine** : Umucamanza mu Rukiko  
Rwisumbuye
- Dr MBONIGABA Callixte** : Umwarimu muri INES  
- Ruhengeri

- BAGABO Faustin** : Avoka mu Rugaga  
rw'Abavoka
- Dr ZIKAMABAHARI Jean de Dieu** : Umwarimu muri University  
Of Kigali
- Dr. SHEMA Pierre** : Umwarimu muri ULK
- KARAKE Canisius** : Umwarimu muri UNILAK
- HABIMANA Pie** : Avoka mu Rugaga rw'Abavoka
- UMUTESI Vestine** : Umucamanza mu Rukiko  
rw'Ubucuruzi
- YANKURIJE Dorothée** : Perezida w'Urukiko  
rw'Ibanze



## IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Tunejewe no kubagezaho icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko, Volime 3 [2023]. Nk'uko mubizi, tubahitiramo imanza zikubiyemo bimwe mu bisubizo by'ibibazo muhura nabyo kenshi, haba mu mirimo yanyu ndetse no mu buzima bwa buri muni.

Muri iyi numero murasangamo imanza umunani (8) zikurikira: imanza ebyiri (2) zerekeranye n'ibirego bisaba kwemeza ko Itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga, urubanza rumwe (1) rw'imbenezamubano, urubanza rumwe (1) rw'ubucuruzi, n'imanza enye (4) zerekeranye n'imiburamunishirize y'imanza.

Nk'uko mumaze kubimenyera imanza ziri muri iki cyegeranyo ziboneka no ku rubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga: <http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do>.

Dr NTEZILYAYO Faustin  
Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na  
Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza



## **IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO**

Iki Cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga, n’Urukiko rw’Ubujurire.

### **INYITO**

Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo:

**[2023] 3 RLR**



# AMATEGEKO YASHINGIWEHO

## a. Amategeko akoreshwa ubu

<i>Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015; ingingo ya 10, 15, 16, 17, 18 n'ya 34...</i>	15
<i>Itangazo mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu ryo mu mwaka wa 1948, ingingo ya 7 n'ya 17.....</i>	15
<i>Protocol n° 1 to the European Convention on Human Rights, article 1.....</i>	15
<i>Amasezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'Abaturage yemejwe ku wa 27/06/1981, ingingo ya 3 n'ya 14.....</i>	15
<i>The National Civil (Code) Act (Nepal), 2017 (2074), article 239.....</i>	15
<i>Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 190.....</i>	120
<i>Itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko,</i>	
<i>ingingo ya 72.....</i>	3
<i>ingingo ya 54 kugeza kuya 63.....</i>	120
<i>ingingo ya 94 na 100.....</i>	145
<i>ingingo ya 52.....</i>	166
<i>ingingo ya 52, 62, n'ya 63.....</i>	191
<i>Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi,</i>	
<i>ingingo ya 260.....</i>	99

<i>ingingo ya 111</i> .....	191
<i>Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, ingingo ya 2</i> .....	15
<i>Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 8, 49, 51, 52, 55, 56, 57, 59, 73, 75, 76, 83-87, n'ya 94-99</i> .....	16

**b. Amategeko yakuweho ariko yakoreshwaga igihe ikibazo cyavukaga**

<i>Itegeko Ngenga N° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, ingingo ya 5</i> .....	191
<i>Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 64 n'ya 113</i> .....	191
<i>ingingo ya 60</i> .....	221
<i>Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 3</i> .....	191
<i>Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12 Ugushyingo 1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura</i> .....	16

## IMANZA ZIFASHISHIJE

<i>African Commission on Human and Peoples' Rights v. Kenya, Application n° 006/2012, African Court on Human and Peoples' Rights, May 26, 2017</i> .....	17
<i>Application 001/2014 - APDH v. Republic of Cote d'Ivoire, par.146, Application 022/2017 Harold Muthali v. Malawi, par.81</i> .....	17
<i>Application n° 28369/95, Bourimi v. the Netherlands, (2000), Para.35</i> .....	17
<i>Application n° Greece (Strasbourg 6 April 2000, para 72</i> .....	17
<i>Application n° 35014/97, Hutten-Czapska v Poland [GC] ECHR 2006-VIII, para 165</i> .....	17
<i>Application 6833/74, Marckx v. Belgium, 13 June 1979, para.48</i> .....	17
<i>Application n° 69498/01, Pla et Puncernau c. Andorre (2004), Para 26</i> .....	17
<i>Application n°. 9540/07, Murat Vural v. Turkey, of 21/01/2015, para. 64</i> .....	17
<i>Application 011/2011, Rev.Christopher Mtikila v. United Republic of Tanzania, par. 119 13, para 106.1</i> .....	17
<i>Bank of Kigali Ltd na Mulisa Kana Martin, RCOMAA 0038/16/CS-RCOMAA 0033/2016/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/4/2017</i> .....	166

<i>Busoro Gervais na Busoro Mugunga Désiré n'abandi, RS/INJUST/RC 00022/2018/SC, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 28/06/2019.....</i>	<i>119</i>
<i>Center for Minority Rights in Development (Kenya) and Minority Rights Group International on behalf of Endorois Welfare Council v. Kenya, Communication No. 276/2003.....</i>	<i>17</i>
<i>Cojocarú v. B.C. Women's Hosp. &amp; Health Ctr., No. 34304, 2013 SCC 30 (Can. May 24, 2013).....</i>	<i>166</i>
<i>Democratic Green Party of Rwanda, RS/SPEC/0002/15/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 09/09/2015.....</i>	<i>3</i>
<i>DiLeo v. Ernst &amp; Young 901 F.2d 624 (7th Cir. 1990).....</i>	<i>167</i>
<i>HRC, Muller and Engelhard v Namibia (Communication n° 1919/00), para 6.7.....</i>	<i>16</i>
<i>Gahire Athanase na Mukarushakiro Gloriose na bagenzi be, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 12/11/2021.....</i>	<i>192</i>
<i>Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro na SECAM Ltd RCOMAA 0051/14/CS rwaciwe ku wa 04/12/2015.....</i>	<i>166</i>
<i>Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro na SODAR Ltd RCOMAA, 0048/16/CS hagati rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/05/2017.....</i>	<i>167</i>
<i>Itangishaka Leonidas na Nyiramahane Rachel n'undi, RS/REV/INJUST/RC 00038/2017/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 22/06/2018.....</i>	<i>192</i>
<i>Ichter Bronstein case vs Perou, Inter-American Court of Human Rights of February 6, 2001 (Merits, Reparations and Costs) para. 122.....</i>	<i>17</i>

<i>Marckx v Belgique, arrêt du 13 juin 1979, Série A n° 31, op.cit, para 49</i> .....	17
<i>Mayagna (Sumo) Awas Tingni Community v. Nicaragua, Series C N° 79, Inter-American Court of Human Rights, August 31, 2001</i> .....	17
<i>Morarjee Rajkotia &amp; Ors vs Union of India &amp; Ors case n° 46 of 1965, on 4 February, 1966, para 8</i> .....	17
<i>Mukagatare Grace na Succession Bwanakeye Francois, RS/REV/INJUST/CIV 0003/14/CS, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 03/03/2017</i> .....	191
<i>Urubanza RCAA 00045/2016/SC Kold v Nyirahabimana rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 24/05/2019</i> .....	191
<i>RCAA 0018/13/CS Harerimana et al v. Sebukayire rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 24/12/2014</i> .....	191
<i>RS/SPEC/0001/16/CS, Re Akagera Business Group, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku itariki ya 23/09/2016</i> .....	16
<i>N° RS/INCONST/SPEC 00002/2021/SC, Re BYANSI rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 24/12/2021</i> .....	3
<i>RS/INCONST/SPEC 0003/2021/SC, Re Byansi Samuel Baker, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 10/12/2021</i> .....	3
<i>RS/INCONST/SPEC 00001/2019/SC, Re Murangwa Edward rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 29/11/2019, igika cya 32</i> .....	16
<i>Requête n° 76639/11, Denisov c. Ukraine, (25 septembre 2018), para. 137 63 Requête n° 44912/98, Kopecky c. Slovaquie, (28 septembre 2004), para.49</i> .....	18

<i>Requête no 1513/03, Draon c. France, (6 octobre 2005), para. 68</i> .....	17
<i>Requête n° 10465/83, Olsson c. Suède, (24 Novembre 1988) n° 130 (A), para. 68</i> .....	17
<i>Requête n° 8919/80, Van der Mussele, (23 novembre 1983), para. 48</i> .....	17
<i>Road Solution Pavement Products na MAILCO Ltd, RS/INJUST/RCOM 00002/2020/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/09/2020</i> .....	167
<i>RS/INJUST/RC 00008/2019/SC Gahire v Mukarushako n'abandi rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 12/11/2021</i> .....	192
<i>RS/INJUST/RC 00011/2018/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 09/06/2021</i> .....	191
<i>RS/INJUST/RC 00022/2018/SC Busoro Gervais na Busoro Mugunga rwaciwen'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/6/2019</i> ...	110
<i>RS/INJUST/RC 00024/2018/SC; Ngizweninshuti Albert na Muhima Giovanni, rwaciwe ku wa 21/02/2020</i> .....	120
<i>RS/INJUST/RP 00004/2018/SC; Ubushinjacyaha v Mbarushimana n'abandi rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 28/02/2019</i> .....	120
<i>State v. McDermott, 810 N.W.2d 237 (Wis. Ct. App. 2012) para 25</i> .....	167
<i>Stone v. City of Kiowa, 950 P.2d 1305 (Kan. 1997)</i> .....	167
<i>RS/INCONST/PEN 0005/12/CS, Ubushinjacyaha na Uwinkindi Jean, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 22/02/2013, igika cya 16</i> .....	16

*Urubanza N° RS/INJUST/RC 00023/2018/SC; IBYISI v. KALISA RIBAKARE N’abandi rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenge ku wa 31/01/2020*.....99

*Urubanza Ishyaka Riharanira Demokarasi no Kurengera Ibidukikije mu Rwanda (DGPR) v. Leta y’u Rwanda RS/SPEC/0002/15/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 09/09/2015*.....3

*Urubanza Re MUGISHA; N° RS/INCONST/SPEC 00002/2018/SC rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 18/01/2019*.....3

*Urubanza n° 22744, John O. Miron and Jocelyne Valliere v. Richard Trudel, William James Mc Isaac and the Economical Mutual Insurance Companye vs. The Attorney General of Canada, the Attorney General for Ontario, the Attorney General of Quebec and the Attorney General of Manitoba, decided by the Supreme Court of Canada, on 25/05/1995*.....16

*Urubanza n° 75-6289, Moore v. City of East Cleveland, U.S. Supreme Court, 431 U.S. 494 (1977), decided on May 31, 1977*.....16

*Urubanza N° RS/INJUST/RCOM 00005/2019/SC, haburanamo Kigali Ceramica & Furniture Ltd na Guaranty Trust Bank (Rwanda) Plc*.....146

*Urubanza RCOMAA0051/14/CS rw’Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro v SECAM Ltd rwaciwe ku wa 04/12/2015, igika cya 22*.....166

*Urubanza, RCOMAA0038/16/CS-RCOMAA 0033/2016/SC rwa Bank of Kigali Ltd v Mulisa Kana Martin rwaciwe ku wa 21/4/2017, igika cya 21*.....167

*Urubanza RCOMAA0048/16/CS rw’Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro v SODAR Ltd rwaciwe ku wa 19/05/2017, igika cya 17, 18*.....167

*Urubanza Ndayambaje na Ecobank; RCOMA 0044/12/CS  
rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 07/11/2014.....222*

*Urubanza Nditiribambe Samuel c/ Gatera Jason et Crts;  
N°RS/INJUST/RC 00007/2018/SC rwaciwe n'Urukiko  
rw'Ikirenga ku wa 13/03/2020.....222*

*Urubanza Tabaruka Dieudonné v Akarere ka Gicumbi;  
N°RS/INJUST/RAD 00003/2021/SC rwaciwe n'Urukiko  
rw'Ikirenga ku wa 20/05/2022*

*Urubanza Umutesi Kaberuka Espérance na I&M Rwanda Ltd;  
N°RCOM A 0166/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa  
28/04/2017.....222*

*Urubanza Ukwibishaka Alexis na Banki y'Abaturage y'u Rwanda  
N°RS/INJUST/RSOC 00001/2018/SC rwaciwe n'Urukiko  
rw'Ikirenga ku wa 02/07/2021.....222*

## AMAGAMBO MPINE

- 1. Amategeko agenga amasezerano** – Kugurisha ikintu cy’undi  
– Inkurikizi zo kugurisha ikintu cy’undi – Umuguzi uvukijwe ibyo yaguze asubizwa n’uwamugurishije agaciro kabyo ku munsu abivukijweho, ni ukuvuga ku munsu icyemezo kiwumuvutsa cyafatiweho; ibyo kandi ntibivanaho ko ashobora gusaba uwamugurishije indishyi zo kuba atarubahirije inshingano ze zo kwishingira ko adahungabanywa mu burenganzira yari afite ku mutungo yaguze cyangwa gusaba ko nyir’umutungo nyakuri, uwusubiranye, yishyura agaciro k’ibyongereweho n’uwari uwutunze.

**TWAGIRAYEZU N’ABANDI v TWAGIRAYEZU N’UNDI (Fond).....185**

- 2. Amategeko agenga imanza mbonezamubano** – Amasezerano y’ubugure – Umutungo utimukanwa – Kuregera kugaruza umutungo wagurishijwe n’utari nyirawo – Iyo ikibazo gisuzumwa gikomoka ku masezerano y’ubugure bw’umutungo utimukanwa, nyir’umutungo afite uburenganzira bwo kuwukurikirana kuwo awusanganye, atabanje gusaba ko amasezerano y’ubugure yabaye hagati y’uwo awusanganye n’uwawugurishije ateshwa agaciro kuko nta ruhare aba yaragize muri ayo masezerano

**TWAGIRAYEZU N’ABANDI v TWAGIRAYEZU N’UNDI (Fond).....185**

Umutungo utimukanwa – Inkomoko y’umutungo utimukanwa – Uregwa kugurisha ibitari ibye ntashobora gutsimbarara gusa ku kuba afite ibyangombwa

by'umutungo atabanje kwerekana uburyo umutungo wageze mu maboko ye.

**TWAGIRAYEZU N'ABANDI v TWAGIRAYEZU N'UNDI (Fond).....185**

Umutungo utimukanwa – Amasezerano y'ubugure – Igurisha ry'umutungo uhuriweho ryakozwe n'umwe mu bawusangiye – Iyo uwagurishije adahakana amasezerano y'ubugure kandi akaba yemera ko yagurishije umutungo azi ko usangiye, igurisha rigira agaciro ku bireba igipande kigize umugabane we gusa.

**TWAGIRAYEZU N'ABANDI v TWAGIRAYEZU N'UNDI (Fond).....185**

- 3. Amategeko agenga imanza z'ubucuruzi** – Inguzanyo ya banki – Inyungu – Inyungu ku nguzanyo banki ziha abakiliya bazo zikomeza kubarwa kugeza umwenda wose wishyuwe zipfa kutarenga umwenda shingiro wagaragajwe igihe inguzanyo yageraga mu rwego rwo kutishyurwa  
**NSENGIYUMVA v BANKI YA KIGALI PLC (BK).....219**

Amasezerano y'inguzanyo – Gusesa amasezerano y'inguzanyo (résiliation du contrat) ntabwo bikuraho inshingano y'uwahawe umwenda ko igihe cyose atarishyura inyungu zikomeza kubarwa hubahirizwa ihame ry'uko inyungu zitagomba kurenga umwenda shingiro usigaye kwishyurwa (in duplum rule)

**NSENGIYUMVA v BANKI YA KIGALI PLC (BK).....219**

- 4. Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza zasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane** – Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane –

Ubujurire – Iyo urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z’akarengane ari urubanza rushingiye ku kuba Urukiko rwaranze kwakira ubujurire hirengagijwe amategeko, Urukiko ruburanisha urubanza rwasabiwe gusubirishwamo rusuzuma iyo mpamvu rwasanga ifite ishingiro rugaca urubanza rubanziriza urundi rukemeza ko hirengagijwe amategeko cyangwa kwakira ubujurire maze rukemeza ko iburanisha rikomeza hasuzumwa ingingo z’ubujurire yari yatanze muri urwo Rukiko

**SIKUBWABO v RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) N’ABANDI (ADD 1).....95**

Ubusobekerane bw’imanza – Urubanza rwaregewe mu rwego rw’akarengane – Urubanza rwaregewe binyuze mu nzira zisanzwe – Guhuza urubanza rwaregewe mu rwego rwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane n’urubanza rwaregewe binyuze mu nzira zisanzwe – Urubanza rwaregewe mu rwego rw’akarengane ari urubanza ruba rwararangije inzira z’ubujurire, rushobora no kuba rwararangijwe, rukaba rudashobora guhuzwa n’urubanza rugifite inzira zisanzwe z’ubujurire – Inkiko zaregewe mu nzira zisanzwe zitegereza icyemezo cy’inkiko zaregewe mu rwego rw’akarengane

**SIKUBWABO v RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) N’ABANDI (ADD 2).....141**

Imbibi z’ikiburanwa – Ibitari mu mbibi z’icyaburanyweho urubanza rugitangira ntibisuzumwa mu rubanza rusubirishwamo ku mpamvu z’akarengane.

**NSENGIYUMVA v BANKI YA KIGALI PLC (BK).....**

**5. Amategeko agenga imiburanishirije y'imanza z'imbonezamubano** – Gutsindwa ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri ku mpamvu zimwe – Amakosa yo gukoporora ijambo ku rindi inyandiko z'ababuranyi cyangwa ibisobanuro biri mu rundi rubanza (judicial plagiarism) – Ubujurire bwa kabiri – Iyo Urukiko rwajuririwe rukoporoye imyanzuro y'ababuranyi uko yakabaye cyangwa imikirize y'urubanza rwajuririwe ntirunagaragaze aho rwabikuye, ni amakosa yo kwiyitirira cyangwa gukoporora iby'abandi (judicial plagiarism) – Ntibyafatwa ko umuntu yatsinzwe ku mpamvu zimwe mu gihe urukiko rwajuririwe rwakoporoye ijambo ku rindi icyemezo cy'urukiko rubanza kandi ntaho rwabanje kuvuga ko rwemeranya narwo – icyakora gukoporora ijambo ku rindi ntibyakwitiranywa n'impamvu (motivation par référence), kuko yo ibanzirizwa no gusuzuma niba ababuranyi nta bisobanuro bishya batanze mu myanzuro y'ubujurire hanyuma Urukiko rukemeranywa n'impamvu zatanze mu rubanza rwajuririwe mu gihe zisa n'izo Urukiko rwajuririwe rwashingiraho

**TWAGIRAYEZU N'ABANDI v TWAGIRAYEZU N'UNDI (ADD).....163**

**6. Amategeko agenga imiburanishirize z'imanza z'ubucuruzi** – Ibarwa ry'ibihe byo gutanga ibirego bisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hashingiwe ku cyemezo cyo kugurisha ingwate cyatanze n'umwanditsi mukuru – Ingingo ya 260, igika cya 6, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu – Ibihe bivugwa mu gika cya 6 cy'ingingo ya 260 bireba by'umwihariko ibirego bisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro

cyamunara ku mitungo igurishwa hashingiwe ku cyemezo cyo kugurisha ingwate cyatanzwe n’Umwanditsi Mukuru – Ibihe bivugwa mu gika cya 6 bitandukanye n’ibihe bivugwa mu gika cya 4, bijyanye no gusaba gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hadashingiwe ku cyemezo cyatanzwe n’Umwanditsi Mukuru

**SIKUBWABO v RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) N’ABANDI (ADD 1).....95**

Ububasha bw’inkiko – Ubusobekerane bw’imanza – Ingingo za 94, 98, 100 z’Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw’inkiko – Ibiteganyijwe mu ngingo ya 100 y’ Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw’inkiko ku bireba uburegeke, ni nabyo byakoreshwa ku bireba ubusobekerane.

**SIKUBWABO v RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) N’ABANDI (ADD 2).....141**

Ububasha bw’inkiko – Ubusobekerane bw’imanza – Mu gihe hari ubusobekerane bw’imanza ziburanishwa mu nkiko zitandukanye zitari ku rwego rumwe, urukiko ruri ku rwego rwo hasi nirwo rugomba koherereza urubanza ururi ku rwego rwo hejuru – Umuburanyi usaba ko imanza zihuzwa, ashidikiriza ubusabe bwe urukiko ruri ku rwego rwo hasi rugomba koherereza urubanza.

**SIKUBWABO v RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) N’ABANDI (ADD 2).....141**

7. **Amategeko agenga umuryango** – Izungura – Itangira ry’izungura – Izungura ry’abashyingiranywe bakavanga umutungo ritangira ari uko bombi bapfuye cyangwa uwapfakaye yongeye gushyingirwa –Uburenganzira bw’abazungura busobanuka neza iyo izungura ritangiye,

hakamenyekana abazungura nyakuri n'uburyo bazakurikirana.

**Re NGENDA HAYO KABUYE (Fond).....11**

**8. Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane –**

Uwemerewe gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane. – Inzira y'akarengane ni inzira idasanzwe yemerewe umuburanyi warenganyijwe ku buryo bugaragarira buri wese, abisabye mu buryo no mu nzira biteganywa n'amategeko, byemejwe n'inzego zibifitiye ububasha zimaze kubisuzuma, binyuranye nibikorwa muzindi nzira z'ubujurire. Ababuranyi bataciye muri izo nzira ntibashobora guhabwa uburenganzira bwo kuririra ku isubirwamo ryasabwe n'abandi rikemerwa, ngo bagire ibyo basaba ko bihinduka ku rubanza batasabye ko rusubirwamo kuko ubwo burenganzira baba barabwibujije

**UBUSHINJACYAHA v MAGARA N'ABANDI.....115**

Guhindura icyemezo cyafatiwe abatarasabye gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane. – Icyemezo cyafatiwe abatarasabye gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane, bakuririra ku busabe bw'abandi, gishobora guhinduka gusa iyo urukiko rusanze hari ubusobekerane ku byerekeye imikorere y'icyaha bahuriyeho n'abasabye gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane, ku buryo icyemezo cyafatirwa abareze cyabagiraho ingaruka mu buryo bubafitiye inyungu

**UBUSHINJACYAHA v MAGARA N'ABANDI.....115**

Ihinduka ry'icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga – Kuba Perezida yemeje ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ntibibuza inteko iburanisha gusuzuma ibibazo bidasanzwe, byumvikana nk'ibibazo ndemyagihugu, ikabifataho icyemezo

**UBUSHINJACYAHA v MAGARA N’ABANDI.....115**

Imbibi z’ikiburanwa –Imbibi z’ikiburanwa mu rubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z’akarengane, zigenwa n’icyaburanywe mu rwego rwa mbere, icyaburanywe mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z’akarengane, n’imyanzuro y’abasabye ko urubanza rusubirwamo bamaze kubyemererwa na Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga

**UBUSHINJACYAHA v MAGARA N’ABANDI.....115**

- 9. Itegeko Nshinga** – Amategeko anyuranyije n’Itegeko Nshinga – Inyungu zo gutanga ikirego – Nubwo inyungu mu birego bijyanye n’Itegeko Nshinga igomba kumvikana mu buryo bwagutse ariko uwatanze ikirego afite n’inshingano zo kugaragaza umwihariko w’inyungu we ku giti cye aharanira mu rubanza – Avoka nk’ umunyamwuga mu mategeko ashobora gutanga ikirego gisaba kwemeza ko itegeko rinyuranyije n’Itegeko Nshinga akabikora atari kubwe ahubwo mu nyungu z’ubutabera.

**Re NGENDAHAYO KABUYE (ADD).....1**

Ikirego kigamije kvanaho itegeko cyangwa ingingo inyuranyije n’Itegeko Nshinga – Inshuti y’urukiko – Usaba kuba inshuti y’urukiko agomba kuba adasubiramo gusa imvugo z’ababuranyi ahubwo agomba kuba afite ubunararibonye buhagije hamwe no kuba akora ubushakashatsi ku bibazo bijyanye n’ikirimo kuburanwa.

**Re NGENDAHAYO KABUYE (Fond).....11**

Ihame ryo kureshya imbere y’amategeko n’iryo kutavangura – Kuba uwapfakaye adakwiye kugereranywa n’abandi bazungura, ntibyakitwa ko ari ivangura cyangwa kutareshya imbere y’amategeko kuko aba yabuze

uwo bari bafatanyije urugo, basangiye inshingano zarwo, akaba agomba kuzikomeza wenyine ndetse akaba yaragize uruhare mu gushaka umutungo, mu gihe abandi nta ruhare baba barabigizemo

**Re NGENDAHAYO KABUYE (Fond).....11**

Uburenganzira ku mutungo – Uburenganzira umuntu afite ku mutungo bugomba kubahwa na buri wese, nyiri umutungo akaba awugiraho uburenganzira busesuye, kandi akaba ari ntawe ushobora kuwumuvutsa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hubahirijwe amategeko – Ntawakwemeza ko afite uburenganzira ku mutungo atarabona kubera ko ubwo burenganzira bujyanye n'ibintu umuntu atunze, atari byo yizera kuzabona mu gihe kizaza.

**Re NGENDAHAYO KABUYE (Fond).....11**





**IBIREGO BYIHARIYE**



**IBIREGO BISABA KWEMEZA KO  
ITEGEKO RINYURANYE N'ITEGEKO  
NSHINGA**



## Re NGENDAHAYO KABUYE (ADD)

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INCONST/SPEC 00004/2021/SC (Mukamulisa, P.J., Cyanzayire, Nyirinkwaya, Muhumuza na Karimunda, J., 18 Gashyantare 2022)]

*Itegeko Nshinga – Amategeko anyuranyije n'Itegeko Nshinga – Inyungu zo gutanga ikirego – Nubwo inyungu mu birego bijyanye n'Itegeko Nshinga igomba kumvikana mu buryo bwagutse ariko uwatanze ikirego afite n'inshingano zo kugaragaza umwihariko w'inyungu we ku giti cye aharanira mu rubanza – Avoka nk'umunyamwuga mu mategeko ashobora gutanga ikirego gisaba kwemeza ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga akabikora atari kubwe ahubwo mu nyungu z'ubutabera.*

**Incamake y'ikibazo:** Me Ngendahayo Kabuye yatanze ikirego asaba kwemeza ko ingingo ya 8 igika cya 2, iya 52, igika cya 3, iya 75 n'iya 76 (1o) z'Itegeko n° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura zinyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'iya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015, kubera ko uwapfakaye ahabwa uburenganzira bwo kwikubira umutungo wenyine yitwaje ko yasezeranye ivangamutungo rusange, hakirengagizwa uburenganzira bw'abandi bazungura b'uwapfuye cyane cyane abana batabyawe n'uwapfakaye.

Avuga ko impamvu asanga izo ngingo zifite ikibazo ari uko byagaragaye ko iyo umwe mu bashyingiranywe apfuye, hakaboneka abandi bana abo babyeyi badahuriyeho ndetse n'abandi bazungura muri rusange, umubyeyi usigaye yishingikiriza izo ngingo maze akikubira imitungo wenyine

akigizayo abo bazungura cyane cyane iyo atabafiteho inshingano zo kubarera, hakaba n'igihe aba afite izo nshingano ariko ntazuzuze nk'uko bikwiriye bigateza amakimbirane mu muryango ndetse hakavuka imanza za hato na hato.

Ababuranyi babanze kujya impaka ku kibazo cyo kumenya niba urega afite inyungu zo gutanga ikirego, aho avuga ko nka Avoka afite inshingano zo guteza imbere amategeko kandi nk'umunyarwanda, abona ingingo aregera zibangamiye sosiyete n'ubwo we ku giti cye zitaramugiraho ingaruka, ariko ko hari abantu batandukanye bagiye bahura n'ibibazo bizishingiyeho bigateza amakimbirane, cyane cyane ko ibyo bihura n'ibyemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza no RS/INCONST/SPEC 00002/2018/SC.

Leta y'u Rwanda nayo ivuga ko ikurikije umurongo watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza no RS/INCONST/SPEC 00002/2018/SC, isanga urega afite inyungu zo gutanga ikirego.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Nubwo inyungu mu birego bijyanye n'Itegeko Nshinga igomba kumvikana mu buryo bwagutse ariko uwatanze ikirego afite n'inshingano zo kugaragaza umwihariko w'inyungu we ku giti cye aharanira mu rubanza.

2. Avoka nk' umunyamwuga mu mategeko ashobora gutanga ikirego gisaba kwemeza ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga akabikora atari kubwe ahubwo mu nyungu z'ubutabera

**Urega afite inyungu yo gutanga ikirego gisaba kwemeza ko ingingo z'itegeko zinyuranyije n'Itegeko Nshinga. Iburanisha ry'urubanza rizakomeza mu mizi.**

**Amategeko yashingiweho:**

Itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo ya 72.

**Imanza zifashishijwe:**

Urubanza Ishyaka Riharanira Demokarasi no Kurengera Ibidukikije mu Rwanda (DGPR) v. Leta y'u Rwanda RS/SPEC/0002/15/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 09/09/2015

Urubanza Re MUGISHA; N° RS/INCONST/SPEC 00002/2018/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 18/01/2019.

Re BYANSI N° RS/INCONST/SPEC 00002/2021/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 24/12/2021,

Re Byansi Samuel Baker, RS/INCONST/SPEC 0003/2021/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 10/12/2021

## Urubanza

### I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Me Ngendahayo Kabuye yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga asaba kwemeza ko ingingo ya 8 igika cya 2, iya 52, igika cya 3, iya 75 n'iya 76 (1o) z'Itegeko n° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura zinyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'iya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015, kubera ko uwafakaye ahabwa uburenganzira bwo kwikubira umutungo wenyine yitwaje ko yasezeranye ivangamutungo rusange,

hakirengagizwa uburenganzira bw'abandi bazungura b'uwapfuye cyane cyane abana batabyawe n'uwapfakaye.

[2] Izo ngingo 4 urega asaba Urukiko rw'Ikirenga kwemeza ko zinyuranije n'itegeko Nshinga, ziteye zitya:

- Ingingo ya 8 igika cya 2 iteganya ko” Iyo uburyo bw’ivangamutungo rusange ku bashakanye busheshwe kubera urupfu rw’umwe mu bari barashyingiranywe, umutungo wegukanwa n’uwapfakaye kugeza igihe izungura rikorewe”;
- Iya 52, igika cya 3 iteganya ko “izungura ry’abashyingiranywe ritangira ari uko bombi bapfuye cyangwa umwe yongeye gushyingirwa, keretse iyo itegeko ribiteganya ukundi”;
- Iya 75 igateganya ko “Uwapfakaye afite uburenganzira bwo kugira uruhare mu izungura ry’umutungo wasizwe n’uwo bari barashyingiranywe; Uwapfakaye uhamagawe mu izungura, azungurana mu buryo bungana n’abazungura bo ku rwego rwa mbere”;
- N’ingingo ya 76 (1<sup>o</sup>) iteganya ko “Abashyingiranywe bafitanye amasezerano y’ivangamutungo rusange bazungurwa mu buryo bukurikira: iyo umwe apfuye usigaye yegukana umutungo wose akubahiriza inshingano yo kurera abana babo n’ab’uwapfuye bemewe n’amategeko”.

[3] Me Ngendahayo Kabuye avuga ko akurikije ibiteganywa n’izo ngingo zisobanuwe haruguru, abona zinyuranije n’ingingo

ya 15, iya 18 n'ya 34 z'itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015<sup>1</sup>, kuko zibangamiye ishyirwa mu bikorwa ry'izindi ngingo z'itegeko zirebana no kuzungura ndetse n'andi mategeko arebana n'uburenganzira ku mutungo. Avuga ko impamvu asanga izo ngingo zifite ikibazo ari uko byagaragaye ko iyo umwe mu bashyingiranywe apfuye, hakaboneka abandi bana abo babyeyi badahuriyeho ndetse n'abandi bazungura muri rusange, umubyeyi usigaye yishingikiriza izo ngingo maze akikubira imitungo wenyine akigizayo abo bazungura cyane cyane iyo atabafiteho inshingano zo kubarera, hakaba n'igihe aba afite izo nshingano ariko ntazuzuze nk'uko bikwiriye bigateza amakimbirane mu muryango ndetse hakavuka imanza za hato na hato.

[4] Avuga kandi ko mu manza zitandukanye abo bazungura bagiye batsindwa, umupfakazi akikubira umutungo wenyine, kandi ihame ari uko abantu bareshya imbere y'amategeko, ndetse Leta akaba ariyo igomba kurengera abana, bakagira uburenganzira ku mutungo wasizwe n'umubyeyi wabo no gukumira amakimbirane mu muryango.

---

<sup>1</sup> Ingingo ya 15 iteganya ko "abantu bose bareshya imbere y'amategeko kandi barengerwa ku buryo bungana", iya 18 yo ikavuga ko "umuryango ari wo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta". Mu gika cya gatatu ikavuga ko "Leta ishyiraho amategeko n'inzego bikwiye bishinzwe kurengera umuryango, by'umwihariko umwana na nyina, kugira ngo umuryango ugire ubwisanzure", naho iya 34 igateganya ko "buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi. Umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi utavogerwa. Uburenganzira ku mutungo ntibuhungabanywa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko",

[5] Iburanisha ry'uru rubanza ryabaye ku wa 13/01/2022, Me Ngedahayo Kabuye, yunganiwe na Me Umulisa Kayigamba Alice afatanyije na Me Serugo Jean Baptiste, naho Leta y'u Rwanda ihagarariwe n'intumwa zayo, Me Kayitesi Petronille hamwe na Me Ntwali Emile.

[6] Iburanisha ritangiye Urukiko rwabanje gufata icyemezo ku busabe rwashyikirijwe n'Umuryango Nyarwanda uharanira uburenganzira bw'umwana n'umugore (HAGURUKA) uhagarariwe na Umuhoza Ninette, ukaba warasabye kwemererwa kuba inshuti y'Urukiko (Amicus Curiae) muri uru rubanza. Urukiko rwasanze nta kintu gishya kivugwa n'uwo Muryango gitandukanye n'ibyagaragajwe n'umwe mu baburanyi cyatuma wemererwa kuba inshuti y'Urukiko kugira ngo uzarwunganire mu guca urubanza. Rwabishingiye ku murongo rwatanze ku kibazo nk'iki, aho rwasobanuye ko kugira ngo umuntu cyangwa umuryango bemererwa kuba Inshuti y'Urukiko, hagomba kuba hari icyo bagaragaza ko barwunganira kandi gitandukanye n'ibivugwa n'ababuranyi<sup>2</sup>. Rwanzuye ko Umuryango HAGURUKA utemerewe kuba Inshuti y'Urukiko muri uru rubanza.

[7] Iburanisha ryarakomeje, ababuranyi bajya impaka ku kibazo cyo kumenya niba Me Ngedahayo Kabuye afite inyungu zo gutanga ikirego kirebana no kwemeza ko ingingo ya 8 igika cya 2, iya 52 igika cya 3, iya 75 n'iya 76 (1°) z'Itegeko n° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe impano n'izungura zinyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'iya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

---

<sup>2</sup> Reba urubanza RS/SPEC/0002/15/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 09/09/2015 haburana Democratic Green Party of Rwanda, igika cya 5.

## **II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N’ISESENGURA RYACYO**

### **Kumenya niba Me Ngendahayo Kabuye afite inyungu zo gutanga ikirego**

[8] Me Ngendahayo Kabuye yahawe umwanya wo gusobanura inyungu afite muri uru rubanza, avuga ko nka Avoka afite inshingano zo guteza imbere amategeko kandi nk’umunyarwanda, abona ingingo aregera zibangamiye sosiyete n’ubwo we ku giti cye zitaramugiraho ingaruka, ariko ko hari abantu batandukanye bagiye bahura n’ibibazo bizishingiyeho bigateza amakimbirane. Abishingiraho avuga ko afite inyungu yo gusaba ko ingingo z’itegeko ryavuzwe haruguru zihindurwa, cyane cyane ko ibyo avuga bihura n’ibyemejwe n’Urukiko rw’Ikirenga mu rubanza no RS/INCONST/SPEC 00002/2018/SC, aho mu gika cya 26 rwavuze ko inyungu ya Avoka ireberwa ku mwuga we kandi ko itagarukira k’uwatanze ikirego gusa ahubwo ko ireba abarebwa n’itegeko bese.

[9] Me Kayitesi Petronille na Me Ntwali Emile bahagarariye Leta y’u Rwanda nabo bavuze ko bakurikije umurongo watanzwe n’Urukiko rw’Ikirenga mu rubanza no RS/INCONST/SPEC 00002/2018/SC, mu gika cya 30 n’icya 31, babona Me Ngendahayo Kabuye afite inyungu zo gutanga ikirego.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[10] Ingingo ya 72 igika cya mbere y’Itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw’inkiko iteganya ko: “Umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi

bashobora kuregera Urukiko rw'Ikirenga basaba kwemeza ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga iyo babifitemo inyungu .

[11] Ikibazo cy'inyungu z'utanga ikirego gisaba kwemeza ko ingingo z'Itegeko runaka zinyuranye n'Itegeko Nshinga uru Rukiko rwagisuzumye mu manza zitandukanye harimo n'urwa Me Mugisha Richard rwanagarutsweho n'ababuranyi bombi mu iburanisha, aho rwasanze inyungu mu rubanza zigamije kwerekana ko uwatanze ikirego hari uburenganzira ashaka guheshwa n'icyemezo cy'Urukiko, cyangwa akaba ashaka ko Urukiko hari ibyo rwemeza bimufitiye akamaro. Rwanasobanuye ko urega asabwa kuba afite inyungu mu kirego yatanze kugira ngo bikumire abashobora gutanga ibirego bagamije kwimenyekanisha cyangwa kumenyekanisha ibikorwa byabo ndetse n'abashobora gushaka guheshwa uburenganzira bugenewe abandi<sup>3</sup>.

[12] Urukiko rw'Ikirenga rwakomeje ruvuga ko ku bireba ibirego bijyanye n'Itegeko Nshinga, inyungu igomba kumvikana mu buryo bwagutse, cyane cyane mu gihugu nk'u Rwanda kikiri mu nzira y'iterambere aho abaturage batarasobanukirwa uburenganzira bwabo bagenerwa n'Itegeko Nshinga, bakaba bakeneye gufashwa kubugeraho hifashishijwe inkiko<sup>4</sup>.

[13] Uyu murongo ni nawo wagarutsweho mu manza za BYANSI Samuel Baker, ariko Urukiko rwongeraho ko mu rwego rwo kwirinda ibirego bitari ngombwa bishobora kubangamira imikorere y'inkiko, uwatanze ikirego afite inshingano zo

---

<sup>3</sup> Reba urubanza n° RS/INCONST/SPEC 00002/2018/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 18/01/2019, igika cya 19.

<sup>4</sup> Reba urubanza n° RS/INCONST/SPEC 00002/2018/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 18/01/2019, igika cya 21.

kugaragaza umwihariko w'inyungu we ku giti cye aharanira mu rubanza<sup>5</sup>, akerekana inyungu bwite afite cyangwa yavutswa mu buryo butaziguye n'itegeko asaba ko ryakurwaho<sup>6</sup>.

[14] Muri uru rubanza, Me NGENDAHAYO KABUYE, asaba Urukiko rw'Ikirenga kwemeza ko ingingo zavuzwe haruguru hari uburenganzira zishobora kuba zibangamiye burimo ubwo kuba abana basizwe n'umwe mu bashakanye babuzwa uburenganzira ku mutungo n'umubyeyi utarababyaye, bakavutswa uburenganzira bwo kuzungura umubyeyi wabo akimara kwitaba Imana, ndetse hakaba hari ubwo umwe mu bashakanye wasigaye atubahiriza inshingano zo kwita kuri abo bana, ko ibyo bigaragaza ko abo bantu batareshya imbere y'amategeko, kandi itegeko riteganywa ko bagomba kureshya .

[15] Urukiko rushingiye ku kuba Itegeko n°27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura ari itegeko rireba umuntu wese uba muri sosiyete nyarwanda, kubera ko ishyingiranwa, izungura ndetse n'uburenganzira ku mutungo ntawe bikumira, bivuze ko buri munyarwanda wese ashobora kurikoresha kandi rigakurikizwa na buri wese mu byo ryateganyije, bikaba byumvikana ko uretse kuba iryo tegeko rireba abanyarwanda muri rusange, rinareba Me NGENDAHAYO KABUYE watanze iki kirego.

[16] Urukiko rusanga rero Me NGENDAHAYO KABUYE afite inyungu zo gusaba kwemeza ko zimwe mu ngingo z'itegeko

---

<sup>5</sup> Reba urubanza n° RS/INCONST/SPEC 0002/2021/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 24/12/2021, igika cya 14.

<sup>6</sup>Reba urubanza n° RS/INCONST/SPEC 0003/2021/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 10/12/2021, igika cya 14.

ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe impano n'izungura zinyuranyije n'Itegeko Nshinga nk'umwe mu bo rireba kuko nawe ashobora kuryifashisha kabone n'ubwo yaba atarahura n'ikibazo ngo zimubangamire.

[17] Byongeye kandi, Urukiko rusanga Me NGEHAYO KABUYE nka Avoka ufite uruhare muri sosiyete rwo guteza imbere amategeko, afite inyungu zo gutanga ikirego gisaba kwemeza ko zimwe mu ngingo z'Itegeko n°27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe impano n'izungura zinyuranyije n'itegeko Nshinga kabone n'ubwo byaba bigaragara ko nta nyungu zihariye agifitemo. Uyu murongo ni nawo wemejwe mu rubanza rwa MUGISHA Richard.<sup>7</sup>

### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[18] Rwemeje ko Me Ngendahayo Kabuye afite inyungu yo gutanga ikirego gisaba kwemeza ko ingingo z'itegeko zinyuranyije n'Itegeko Nshinga.

[19] Rutegetse ko iburanisha ry'urubanza rizasubukurwa kuwa 12/04/2022 saa mbili n'igice za mu gitondo.

---

<sup>7</sup> Reba urubanza n° RS/INCONST/SPEC 00002/2018/SC rwavuzwe haruguru.

## **Re NGENDA HAYO KABUYE (Fond)**

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INCONST/SPEC 00004/2021/SC – (Mukamulisa, P.J., Cyanzayire, Nyirinkwaya, Hitiyaremye na Karimunda, J.) 10 Gashyantare 2023]

*Itegeko Nshinga – Ikirego kigamije kuvanaho itegeko cyangwa ingingo inyuranyije n'Itegeko Nshinga – Inshuti y'urukiko – Usaba kuba inshuti y'urukiko agomba kuba adasubiramo gusa imvugo z'abaturanyi ahubwo agomba kuba afite ubunararibonye buhagije hamwe no kuba akora ubushakashatsi ku bibazo bijyanye n'ikirimo kuburanwa.*

*Itegeko Nshinga – Ihame ryo kureshya imbere y'amategeko n'iryo kutavangura – Kuba uwapfakaye adakwiye kugereranywa n'abandi bazungura, ntibyakwitwa ko ari ivangura cyangwa kutareshya imbere y'amategeko kuko aba yabuze uwo bari bafatanyije urugo, basangiye inshingano zarwo, akaba agomba kukomeza wenyine ndetse akaba yaragize uruhare mu gushaka umutungo, mu gihe abandi nta ruhare baba barabigizemo.*

*Itegeko Nshinga – Uburenganzira ku mutungo – Uburenganzira umuntu afite ku mutungo bugomba kubahwa na buri wese, nyiri umutungo akaba awugiraho uburenganzira busesuye, kandi akaba ari ntawe ushobora kuwumuvutsa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hubahirijwe amategeko – Ntawakwemeza ko afite uburenganzira ku mutungo atarabona kubera ko ubwo burenganzira bujyanye n'ibintu umuntu atunze, atari byo yizera kuzabona mu gihe kizaza.*

*Amategeko agenga umuryango – Izungura – Itangira ry'izungura – Izungura ry'abashyingiranywe bakavanga umutungo ritangira ari uko bombi bapfuye cyangwa uwapfakaye yongeye*

*gushyingirwa –Uburenganzira bw'abazungura busobanuka neza iyo izungura ritangiye, hakamenyekana abazungura nyakuri n'uburyo bazakurikirana.*

**Incamake y'ikibazo:** Me Ngendahayo Kabuye yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga arusaba kwemeza ko ingingo ya 8, igika cya 2, iya 52, igika cya 3, iya 75 n'iya 76 (1<sup>o</sup>) z'Itegeko N<sup>o</sup> 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura zinyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'iya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 nk'uko ryavugururwe mu 2015 kubera ko iyo umwe mu bashyingiranywe apfuye, hakaboneka abandi bana abo babyeyi badahuriyeho ndetse n'abandi bazungura muri rusange, umubyeyi usigaye yishingikiriza izo ngingo maze akikubira imitungo wenyine, akigizayo abo bazungura cyane cyane iyo atabafiteho inshingano zo kubarera, akavuga ko binyuranyije n'ihame ry'uko abantu bose bareshya imbere y'amategeko nk'uko riteganywa n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryavuzwe haruguru.

Asobanura ko ingingo zavuzwe haruguru zinyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryavuzwe haruguru, kubera ko zateje amakimbirane mu muryango ashobora no kuba intandaro y'ibindi byaha bikomeye nk'ubwicanyi aho kuwurengera kuko ziha uburenganzira umupfakazi bwo kugumana umutungo wose, izungura rikazaba ari uko apfuye cyangwa yongeye gushaka kandi akanemererwa kuzungura nyakwigendera.

Asoza avuga ko izo ngingo zinyuranyije n'ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, kubera ko uwapfakaye ahabwa uburenganzira bwo kwikubira umutungo

wenyine yitwaje ko yasezeranye ivangamutungo rusange, hakirengagizwa uburenganzira bw'abandi bazungura b'uwapfuye cyane cyane abana batabyawe n'uwapfakaye kandi kuzungura ari uguhabwa uburenganzira n'inshingano ku mutungo n'imyenda by'uwapfuye, akanavuga ko kwambura bamwe uburenganzira bwo kuzungura, asanga ari ukubambura uburenganzira ku mutungo kandi kuzungura ari bumwe mu burenganzira bw'ibanze.

Abahagarariye Leta y'u Rwanda bavuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'iya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryavuzwe haruguru zitanyuranye n' ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga kuko zidasumbanya abazungura. Uwapfakaye ntasigarana imitungo y'uwo bari barashyingiranywe wapfuye nk'umuzungura, ahubwo ayisigarana nka nyirayo kuko izungura riba ritarafunguka. Ikindi ni uko iyo ngingo ya 76 (1°) nta vangura iryo ariryo ryose iteza kubera ko iyo umwe mu bashakanye apfuye, uwapfakaye ahabwa n'iyo ngingo ishingano zo kurera abana yabyaranye n'uwo bari barashyingiranywe ndetse n'abo batabyaranye.

Basoza bavuga ko umushingamategeko washyizeho itegeko ryavuzwe yari agamije kurengera cyane cyane uwapfakaye, bitewe n'uko iyo umwe mu bashakanye yapfaga, usigaye cyane cyane umugore yahitaga aterwa hejuru, akavanwa mu mitungo yashakanye na nyakwigendera nyamara bari barasezeranye ivangamutungo. Kuba hari abana batavutse ku bashyingiranywe bashobora guhemukirwa n'uwapfakaye, nabyo umushingamategeko yabitekerejeho, aho amuha izo nshingano zo kurera abana be n'ab'uwapfuye bemewe n'amategeko.

Abahagarariye Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda ryaje mu rubanza nk'Inshuti y'Urukiko, bavuga ko iyo usesenguye izo ngingo zavuzwe haruguru usanga bivuguruzwa

ihame ryo kugira uburenganzira n'ububasha bungana ku bashyingiranywe bahisemo ivangamutungo rusange nk'uburyo bw'imicungire y'umutungo wabo kuko muri iryo vangamutungo bumvikana gushyira hamwe umutungo wabo wose, ko kandi buri wese aba afite uburenganzira kuri kimwe cya kabiri cy'umutungo basangiye bombi.

Basoza bavuga ko ingingo ebyiri zaregewe ko zinyuranye n'Itegeko Nshinga, zifite ikibazo kuko iyo uwapfakaye yegukanye umutungo wose akawukoresha uko ashatse kandi hari abandi bazungura, bibangamira ihame ryo kureshya imbere y'amategeko rivugwa mu ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Usaba kuba inshuti y'urukiko agomba kuba adasubiramo gusa imvugo z'ababuranyi ahubwo agomba kuba afite ubunararibonye buhagije hamwe no kuba akora ubushakashatsi ku bibazo bijyanye n'ikirimo kuburanwa.

2. Kuba uwapfakaye adakwiye kugereranywa n'abandi bazungura, ntibyakwitwa ko ari ivangura cyangwa kutareshya imbere y'amategeko kuko aba yabuze uwo bari bafatanyije urugo, basangiye inshingano zarwo, akaba agomba kuzikomeza wenyine ndetse akaba yaragize uruhare mu gushaka umutungo, mu gihe abandi nta ruhare baba barabigizemo.

3. Uburenganzira umuntu afite ku mutungo bugomba kubahwa na buri wese, nyiri umutungo akaba awugiraho uburenganzira busesuye, kandi akaba ari ntawe ushobora kuwumuvutsa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hubahirijwe amategeko. Ntawakwemeza ko afite uburenganzira ku mutungo atarabona kubera ko ubwo burenganzira bujyanye n'ibintu umuntu atunze, atari byo yizera kuzabona mu gihe kizaza.

4. Uwapfakaye asigarana umutungo wose, izungura rigatangira iyo yongeye gushaka cyangwa apfuye, ateganyirizwa ingano y'umutungo atemerewe gutanga cyangwa kuraga, agahabwa ibihano iyo atuzuza inshingano yahawe zo kurera abana yasigiwe na nyakwigendera mu rwego rwo gukumira no kugabanya amakimbirane ashingiye ku izungura.

5. Izungura ry'abashyingiranywe bakavanga umutungo ritangira ari uko bombi bapfuye cyangwa uwapfakaye yongeye gushyingirwa. Uburenganzira bw'abazungura busobanuka neza iyo izungura ritangiye, hakamenyekana abazungura nyakuri n'uburyo bazakurikirana.

**Ikirego gisaba kwemeza ko ingingo z'itegeko zinyuranyije  
n'Itegeko Nshinga, nta shingiro gifite.**

**Amategeko yashingiweho:**

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa  
4/06/2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 10,  
15, 16, 17, 18 n'iya 34.

Itangazo mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu  
ryo mu mwaka wa 1948, ingingo ya 7 n'iya 17.

Article 1 of Protocol n° 1 to the European Convention on  
Human Rights.

Article 239, the National Civil (Code) Act, 2017 (2074).

Amasezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu  
n'Abaturage yemejwe ku wa 27/06/1981, ingingo ya 3  
n'iya 14.

Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu  
n'umuryango, ingingo ya 2.

Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire  
y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura,

ingingo ya 8, 49, 51, 52, 55, 56, 57, 59, 73, 75, 76, 83-87, n'iya 94-99.

Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12 Ugushyingo 1999 ryuzuzwa Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyiranywe, impano n'izungura.

### **Imanza zifashishijwe:**

Re Murangwa Edward, RS/INCONST/SPEC 00001/2019/SC, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 29/11/2019, igika cya 32.

Re Akagera Business Group, RS/SPEC/0001/16/CS, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku itariki ya 23/09/2016.

Democratic Green Party of Rwanda, RS/SPEC/0002/15/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 09/09/2015.

Ubushinjacyaha na Uwinkindi Jean, RS/INCONST/PEN 0005/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 22/02/2013, igika cya 16.

HRC, Muller and Engelhard v Namibia (Communication n° 919/00), para 6.7.

Morarjee Rajkotia & Ors vs Union of India & Ors case n° 46 of 1965, on 4 February, 1966, para 8.

Urubanza n° 22744, John O. Miron and Jocelyne Valliere v. Richard Trudel, William James Mc Isaac and the Economical Mutual Insurance Companye vs. The Attorney General of Canada, the Attorney General for Ontario, the Attorney General of Quebec and the Attorney General of Manitoba, decided by the Supreme Court of Canada, on 25/05/1995.

Urubanza n° 75-6289, Moore v. City of East Cleveland, U.S. Supreme Court, 431 U.S. 494 (1977), decided on May 31, 1977.

- Ivcher Bronstein case vs Perou, Inter-American Court of Human Rights of February 6, 2001 (Merits, Reparations and Costs) para. 122.
- Application 6833/74, Marckx v. Belgium, 13 June 1979, para.48.
- Marckx c. Belgique, arrêt du 13 juin 1979, Série A n° 31, op.cit, para 49.
- Application no. 34369/97), Thlimmenos v. Greece (Strasbourg 6 April 2000, para 72.
- Application n° 69498/01, Pla et Puncernau c. Andorre (2004), Para 26.
- Application n° 28369/95, Bourimi v. the Netherlands, (2000), Para.35
- Application 011/2011, Rev.Christopher Mtikila v. United Republic of Tanzania, par. 119 13, para 106.1.
- Application 001/2014 - APDH v. Republic of Cote d'Ivoire, par.146, Application 022/2017 Harold Muthali v. Malawi, par.81.
- Application n°. 9540/07, Murat Vural v. Turkey, of 21/01/2015, para. 64.
- Requête n° 10465/83, Olsson c. Suède, (24 Novembre 1988) n° 130 (A), para. 68.
- Requête n° 8919/80, Van der Mussele, (23 novembre 1983), para .48.
- Application n° 35014/97, Hutten-Czapska v Poland [GC] ECHR 2006-VIII, para 165.
- Mayagna (Sumo) Awas Tingni Community v. Nicaragua, Series C N° 79, Inter-American Court of Human Rights, August 31, 2001.
- African Commission on Human and Peoples' Rights v. Kenya, Application n° 006/2012, African Court on Human and Peoples' Rights, May 26, 2017.

Center for Minority Rights in Development (Kenya) and Minority Rights Group International on behalf of Endorois Welfare Council v. Kenya, Communication No. 276/2003.

Requête n° 76639/11, Denisov c. Ukraine, (25 septembre 2018), para. 137 63 Requête n° 44912/98, Kopecky c. Slovaquie, (28 septembre 2004), para.49.

Requête no 1513/03, Draon c. France, (6 octobre 2005), para. 68.

**Inyandiko z'abahanga zifashishijwe:**

Chemerinsky, Erwin, In defense of equality: A reply to Professor Westen, Mich. L. Rev. 81 (1982): 575.

Thomas M. Featherston, Jr. Separate Property or community Property: An introduction to marital property law in community property States, Texas: Baylor, University, School of Law, 2016, P.4.

Assembly, UN General, Universal declaration of human rights, UN General Assembly 302.2 (1948): 14-25.

Dictionnaire des droits de l'Homme, sous la direction de Joël Andriantsimbazovina, Hélène Gaudin, Jean-Pierre Maguénaud, Stéphane Rials et Frédéric Sudre, Presses Universitaires de France, 2008, p.284 10.

Dictionnaire de Droit International Public, sous la direction de Jean Salmon, Bruylant, Bruxelles, 2001, p.344.

Human Rights Committee, General Comment 18, Non-discrimination (Thirty-seventh session, 1989), Compilation of General Comments and General Recommendations adopted by Human Rights Treaty Bodies, U.N. Doc.HRI/GEN/1/Rev.1 at 26 (1994).

I-A Court H.R, Proposed Amendment to the Naturalization Provision of the Constitution of Costa Rica, Advisory

- Opinion OC 4/84 of Jan 19, 1984, series A N° 4, p.104-106 paras 56-57.
- Andrews c. Law Society of British Columbia - [1989] 1 RCS 143 - 1989-02-02, para. 52.
- Danièle Lochak, Les minorités et le droit public français. Du refus des différences à la gestion des différences. Alain Fenet; Gérard Soulier. Les minorités et leurs droits depuis 1789, L'Harmattan, pp.111-189, 1989.
- Jouanjan, Olivier, Logiques de l'égalité, Titre VII 1 (2020): 1-8.
- Viola, André, La loi doit être la même pour tous: vers la fin d'un principe républicain (2005): 601-618.
- Barrois de Sarigny, Cécile, Le principe d'égalité dans la jurisprudence du Conseil constitutionnel et du Conseil d'État, Titre VII 4.1 (2020): 18-25.
- Buffelan-Lanore, Yvaine, and Virginie Larribau-Terneyre, Droit civil. Introduction Biens Personnes Famille, Sirey, 2013, p.737.
- Beignier, Bernard, and Sarah Torricelli-Chrifi, Libéralités et successions. Montchrestien, ed. Lextenso, 2015, p.223.
- Walker, Lara, The impact of The Hague Abduction Convention on the rights of the family in the case-law of the European Court of Human Rights and the UN Human Rights Committee: the danger of Neulinger, Journal of private international law 6.3 (2010): 649-682.
- Roagna, Ivana, Protecting the right to respect for private and family life under the European Convention on Human Rights, (2012), p.6.
- Guide sur l'article 1 du Protocole n° 1 à la Convention Européenne des droits de l'homme: Protection de la propriété, 2022, P.7.
- Burke, D. Barlow, and Joseph A. Snoe, Property: Examples & Explanations, Wolters Kluwer, 2008, p 5.

- Sprankling, John G., Understanding property law, LexisNexis, 2012, p. 4.
- Mariana Karadjova, la protection du droit de propriété au niveau européen et son importance pour l'harmonisation des pratiques des cours constitutionnelles, Bulgarie, p.4, para 1.
- Carss-Frisk, Monica, The right to property: A guide to the implementation of Article 1 of Protocol n° 1 to the European Convention on Human Rights. Council of Europe, 2001.
- Urs, Ilie, The inheritance rights of the surviving spouse provided by the Romanian law, Revista de derecho (Valparaíso) XXXII (2009): 209-220.
- Miriam Anderson and Esther Arroyo i Amayuelas, The Law of Succession: Testamentary Freedom: European Perspectives, op.cit, p.11.

## **Urubanza**

### **I. IMITERERE Y'URUBANZA**

[1] Me Ngendahayo Kabuye yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga asaba kwemeza ko ingingo ya 8, igika cya 2, iya 52, igika cya 3, iya 75 n'iya 76 (1o) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyiranywe, impano n'izungura zinyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'iya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015, kubera ko uwapfakaye ahabwa uburenganzira bwo kwikubira umutungo wenyine yitwaje ko yasezeranye ivangamutungo

rusange, hakirengagizwa uburenganzira bw'abandi bazungura b'uwapfuye cyane cyane abana batabyawe n'uwapfakaye.

[2] Izo ngingo enye (4) urega asaba Urukiko rw'Ikirenga kwemeza ko zinyuranyije n'Itegeko Nshinga, zikubiye mu byiciro bibiri bikurikira:

- icyiciro cya mbere kigizwe n'ingingo ya 8, igika cya 2 hamwe n'ingingo ya 76 (1°). Ingingo ya 8, igika cya 2 iteganya ko iyo uburyo bw'ivangamutungo rusange ku bashakanye busheshwe kubera urupfu rw'umwe mu bari barashyiranywe, umutungo wegukanwa n'uwapfakaye kugeza igihe izungura rikorewe. Iya 76 (1°) yo iteganya ko abashyiranywe bafitanye amasezerano y'ivangamutungo rusange bazungurwa mu buryo bukurikira: iyo umwe apfuye usigaye yegukana umutungo wose akubahiriza inshingano yo kurera abana babo n'ab'uwapfuye bemewe n'amategeko.
- icyiciro cya kabiri kigizwe n'ingingo ya 52, igika cya 3 hamwe n'ingingo ya 75. Ingingo ya 52, igika cya 3 iteganya ko izungura ry'abashyiranywe ritangira ari uko bombi bapfuye cyangwa umwe yongeye gushyirirwa, keretse iyo itegeko ribiteganya ukundi. Iya 75 iteganya ko uwapfakaye afite uburenganzira bwo kugira uruhare mu izungura ry'umutungo wasizwe n'uwo bari barashyiranywe; Uwapfakaye uhamagawe mu izungura, azungurana mu buryo bungana n'abazungura bo ku rwego rwa mbere.

[3] Me Ngendahayo Kabuye avuga ko akurikije ibiteganywa n'izo ngingo zavuzwe haruguru, abona zinyuranyije n'ingingo ya

15, iya 18 n'ya 34 z'ItegekoNshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04/06/2003 ryavuguruwe mu 2015<sup>1</sup>, kuko byagaragaye ko iyo umwe mu bashyingiranywe apfuye, hakaboneka abandi bana abo babyeyi badahuriyeho ndetse n'abandi bazungura muri rusange, umubyeyi usigaye yishingikiriza izo ngingo maze akikubira imitungo wenyine, akigizayo abo bazungura cyane cyane iyo atabafiteho inshingano zo kubarera. Avuga ko hari n'igihe aba afite izo nshingano ariko ntazuzuze nk'uko bikwiriye, bigateza amakimbirane mu muryango ndetse hakavuka imanza za hatu na hatu.

[4] Avuga kandi ko mu manza zitandukanye abo bazungura bagiye batsindwa, umupfakazi akikubira umutungo wenyine, kandi ihame ari uko abantu bose bareshya imbere y'amategeko, ndetse Leta ikaba ariyo igomba kurengera abana, bakagira uburenganzira ku mutungo wasizwe n'umubyeyi wabo no gukumira amakimbirane mu muryango.

[5] Iburanisha ry'uru rubanza ryabaye ku wa 13/01/2022, Me Ngendahayo Kabuye, yunganiwe na Me Umulisa Kayigamba Alice afatanyije na Me Serugo Jean-Baptiste, naho Leta y'u Rwanda ihagarariwe n'intumwa zayo, Me Kayitesi Petronille hamwe na Me Ntwali Emile.

---

<sup>1</sup> Ingingo ya 15 iteganya ko abantu bose barareshya imbere y'amategeko kandi barengerwa ku buryo bungana. Iya 18 yo ivuga ko umuryango niwo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta. Mu gika cya gatatu ikavuga ko Leta ishyiraho amategeko n'inzego bikwiye bishinzwe kurengera umuryango, by'umwihariko umwana na nyina, kugira ngo umuryango ugire ubwisanzure.

Iya 34 iteganya ko buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi. Umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi utavogerwa. Uburenganzira ku mutungo ntibuhungabanywa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

[6] Iburanisha ritangiye, Urukiko rwabanje gufata icyemezo ku busabe rwashyikirijwe n’Umuryango Nyarwanda uharanira uburenganzira bw’umwana n’umugore (HAGURUKA) uhagarariwe na Umuhoza Ninette, ukaba warasabye kwemererwa kuba Inshuti y’Urukiko (*Amicus Curiae*) muri uru rubanza. Urukiko rwasanze nta kintu gishya kivugwa n’uwo Muryango gitandukanye n’ibyagaragajwe n’umwe mu baburanyi cyatuma wemererwa kuba Inshuti y’Urukiko kugira ngo uzarwunganire mu guca urubanza. Rwabishingiye ku murongo rwatanze ku kibazo nk’iki mu rubanza rwa *Democratic Green Party of Rwanda*, aho rwasobanuye ko kugira ngo umuntu cyangwa umuryango bemerewe kuba Inshuti y’Urukiko, hagomba kuba hari icyo bagaragaza ko barwunganira kandi gitandukanye n’ibivugwa n’ababuranyi<sup>2</sup>. Rwanzuye ko umuryango Haguruka utemerewe kuba Inshuti y’Urukiko muri uru rubanza.

[7] Iburanisha ryarakomeje, ababuranyi bajya impaka ku kibazo cyo kumenya niba Ngendahayo Kabuye afite inyungu zo gutanga ikirego kirebana no kwemeza ko ingingo ya 8, igika cya 2, iya 52, igika cya 3, iya 75 n’iya 76 (1o) z’Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y’umutungo w’abashyiranywe, impano n’izungura, zinyuranyije n’ingingo ya 15, iya 18 n’iya 34 z’Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda.

[8] Mu rubanza rubanziriza urundi rwaciwe ku wa 18/02/2022, Urukiko rushingiye ku murongo rwatanze mu rubanza RS/INCONST/SPEC 00002/2018/SC rwa Mugisha Richard, rwasanze Ngendahayo Kabuye nk’Avoka ufite uruhare muri sosiyete rwo guteza imbere amategeko, kandi

---

<sup>2</sup> Reba urubanza RS/SPEC/0002/15/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 09/09/2015 haburana Democratic Green Party of Rwanda, igika cya 5.

nk'umunyarwanda urebwa n'ibiteganywa n'itegeko aregera, afite inyungu zo gutanga ikirego gisaba kwemeza ko zimwe mu ngingo z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, zinyuranyije n'Itegeko Nshinga, kabone n'ubwo byaba bigaragara ko nta nyungu zihariye agifitemo.

[9] Ku wa 12/04/2022, iburanisha ryarakomeje Ngendahayo Kabuye yunganiwe na Me Umulisa Kayigamba Alice na Me Serugo Jean-Baptiste, Leta y'u Rwanda ihagarariwe n'intumwa zayo: Me Kayitesi Petronille na Me Kabibi Spéciose; naho Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda ryaje mu rubanza nk'Inshuti y'Urukiko) rihagarariwe na Uwineza Odette na Dr Turamwishimiye Marie Rose.

[10] Kuri uwo munsu, hasuzumwe ubusabe bw'Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda bukubiye mu nyandiko yo ku wa 08/04/2022, bwo kuba inshuti y'urukiko muri uru rubanza. Urukiko rwasanze iryo shuri ryujuje ibisabwa, byatuma ryemererwa kuba Inshuti yarwo muri uru rubanza birimo kuba usaba kuba inshuti y'urukiko adasubiramo gusa imvugo z'ababuranyi ahubwo agomba kuba afite ubunararibonye buhagije, hamwe no kuba akora ubushakashatsi ku bibazo bijyanye n'ikirimo kuburanwa, bityo rwemeza ko Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda riguma mu rubanza nk'inshuti y'urukiko.

[11] Me Kabibi Spéciose, uhagarariye Leta y'u Rwanda, yasabye ko iburanisha risubikwa kugira ngo babanze basesengure neza imyanzuro ivuguruye yatanzwe n'abahagarariye Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda, kuko bayibonye bakererewe. Urukiko rwimuye iburanisha, ababuranyi bamenyeshwako rizasubukurwa ku wa 19/09/2022, ariko uwo

munsi ntirwaburanishwa kubera ko abahagarariye Leta y'u Rwanda bari mu mahugurwa, iburanisha ryimurirwa ku wa 22/11/2022.

[12] Kuri iyo tariki, iburanisha ryakomeje Me Ngendahayo Kabuye yunganiwe na Me Umulisa Kayigamba Alice, Leta y'u Rwanda ihagarariwe n'intumwa zayo: Me Kayitesi Petronille na Me Kabibi Spéciose, Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda rihagarariwe na Uwineza Odette na Dr Turamwishimiye Marie Rose.

[13] Ababuranyi bagiye impaka ku kibazo cyo kumenya niba ingingo enye (4) zavuzwe haruguru zinyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'iya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Naho ku bijyanye n'ikibazo cyo kumenya niba ingingo ya 8, igika cya 2; iya 52, igika cya 3; iya 75 n'iya 76 (1o) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryibukijwe haruguru zibangamiye ishyirwa mu bikorwa ry'izindi ngingo zirebana n'izungura ndetse n'andi mategeko mboneza mubano, Urukiko rwemeje ko kitasuzumwa kubera ko atari ikibazo gisaba Urukiko kwemeza ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga<sup>3</sup>.

---

<sup>3</sup> Iyi ngingo iteganya ko Urukiko rw'Ikirenga ari rwo rufite ububasha bwo kuburanisha ibirego byerekeranye no kwemeza ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko nshinga, ikanasobanura uburyo bene ibyo birego bitangwa.

## II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

- 1. Kumenya niba ingingo ya 8, igika cya 2 n'iya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, zinyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015**

[14] Ngendahayo Kabuye avuga ko ingingo ya 8, igika cya 2, y'Itegeko n° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura n'iya 76 (1°) zinyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04/06/2003 ryavuguruwe mu 2015, kuko zisumbanya abafite uburenganzira ku mutungo w'uwapfuye.

[15] Akomeza asobanura ko ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga ivuga ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko kandi itegeko rikabarengera kimwe, nyamara Umushingamategeko akaba yarafashe uburenganzira bufitwe n'abantu benshi akabwegurira uwafakaye, akaba yaramurengeye ariko akibagirwa abandi, kubera ko afite uburenganzira ahabwa n'itegeko bwo kuzungura, akagira n'uburenganzira ku mutungo yari asangiye n'uwo bashyingiranywe wafuye.

[16] Avuga kandi ko izo ngingo zibangamiye uburenganzira bwo kureshya imbere y'amategeko buteganywa mu ngingo 15 y'Itegeko Nshinga, kuko zitanga uburenganzira bw'umurenge ku mupfakazi kuko afite uburenganzira akomora ku masezerano yagiranye na nyakwigendera mu ishyingirwa, ko niba ari amasezerano y'ivangamutungo rusange, uwafakaye afite 50%

y'umutungo wose, niba ari ivangamutungo w'umuhahano, uwapfakaye afite umutungo we bwite akongera akagira 50% y'umutungo w'umuhahano, byaba ivanguramutungo risesuye, uwapfakaye akaba afite umutungo we bwite kuko aribyo yahisemo. Asanga kongera kumugira umuzungura w'uwo bari barashyingiranywe ari ukumuha uburenganzira bw'umurengera ugereranyije n'abandi bazungura.

[17] Ngendahayo Kabuye anavuga ko uko gusumbanya abantu ari byo byatumye atanga ikirego kugira ngo agaragarize Urukiko rw'Ikirenga ko ingingo zavuzwe haruguru zinyuranye n'Itegeko Nshinga cyane cyane mu ngingo yaryo ya 15 kuko n'ingingo ya 10, agace ka 5°, y'iryio Tegeko Nshinga iteganya ko Leta y'u Rwanda yiyemeje ... kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo, naho ingingo ya 16 yaryo ikavuga ko abanyarwanda bavuka kandi bagakomeza kugira uburenganzira n'ubwisanzure bungana, nta vangura iryo ari ryo ryose.

[18] Avuga kandi ko ihame ryo kureshya imbere y'amategeko risobanura ko amategeko akurikizwa kimwe ku bantu bose kandi ku buryo bumwe, ko kubahiriza amategeko bidashobora gukorwa ku buryo bunyuranye ku bintu bisa, ibyo bikavuga ko mu gihe hari abantu batandukanye bafite uburenganzira bahabwa n'itegeko, bidashoboka ko bamwe babuhabwa abandi bakabubuzwa.

[19] Yongeraho ko iri hame ridateganyijwe mu Itegeko Nshinga gusa, kuko riboneka no mu ngingo ya 7 y'Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu, mu ngingo ya 2 (1) y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbenezamubano no mu bya politiki, mu ngingo ya 2

y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco, ndetse no mu ngingo ya 2 y'Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage. Avuga kandi ko uwitwa Erwin Chemerinsky asobanura iryo hamwe mu magambo akurikira: *"Things that are alike should be treated alike, and things that are unlike should be treated unlike in proportion to their unalikehood"*<sup>4</sup>. Mu kinyarwanda bikaba bivuze ko ibintu bimeze kimwe bifatwa kimwe, naho ibintu bitandukanye bigafatwa ku buryo butandukanye hakurikijwe itandukaniro ryabyo.

[20] Me Umulisa Kayigamba Alice, wunganira Ngendahayo Kabuye, avuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryavuzwe haruguru, ziha uwapfakaye uburenganzira bwo gusigarana umutungo wose ariko ko byagaragaye ko uwapfakaye awukoresha uko ashaka, akawugurisha, cyangwa akabeshaho neza abana be yabyaranye na nyakwigendera, naho abo nyakwigendera yabyaye hanze ntabiteho.

[21] Me Kayitesi Petronille, uhagarariye Leta y'u Rwanda, avuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryibukijwe haruguru zitanyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda kuko zidasumbanya abazungura. Avuga ko kureshya imbere y'amategeko bivuze gufata kimwe abantu bari mu buryo no mu bihe bimwe, ko kandi hashingiwe ku ngingo ya 8, igika cya 2 yavuzwe haruguru, uwapfakaye adasigarana imitungo y'uwo bari barashyiringanywe wapfuye

---

<sup>4</sup> Chemerinsky, Erwin, In defense of equality: A reply to Professor Westen, Mich. L. Rev. 81 (1982): 575.

nk'umuzungura, ahubwo ayisigarana nka nyirayo kuko izungura riba ritarafunguka.

[22] Avuga kandi ko n'ingingo ya 76 (1°) y'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryamaze kuvugwa itanyuranye n'iya 15 y'Itegeko Nshinga kuko nta vangura iryoariryo ryose iteza kubera ko iyo umwe mu bashakanye apfuye, uwapfakaye ahabwa n'iyi ngingo ishingano zo kurera abana yabyaranye n'uwo bari barashyingiranywe ndetse n'abo batabyaranye.

[23] Me Kabibi Speciose, nawe uhagarariye Leta y'u Rwanda, ashimangira ko ingingo ebyiri zimaze kuvugwa zitanyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga, kuko abantu batari mu bihe bimwe badashobora kureshyeshywa, ko kandi nta wigeze wamburwa uburenganzira bwo kuzungura. Yongeraho ko umushingamategeko washyizeho itegeko ryavuzwe yari agamije kurengera cyane cyane uwapfakaye, bitewe n'uko iyo umwe mu bashakanye yapfuye, usigaye cyane cyane umugore yahitaga aterwa hejuru, akavanwa mu mitungo yashakanye na nyakwigendera nyamara bari barasezeranye ivangamutungo. Akomeza avuga ko kuba hari abana batavutse ku bashyingiranywe bashobora guhemukirwa n'uwapfakaye, nabyo umushingamategeko yabitekerejeho, ariyo mpamvu yahaye uwapfakaye inshingano zo kurera abana be n'ab'uwapfuye bemewe n'amategeko.

[24] Uwineza Odette na Dr Turamwishimiye Rose, bahagarariye Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda ryaje mu rubanza nk'Inshuti y'Urukiko, bavuga ko iyo usesenguye igika cya 2 cy'ingingo ya 8 y'Itegeko N° 27/2016 ryagarutsweho haruguru n'ingingo ya 76 (1°), usanga bivuguruzwa ihame ryo kugira uburenganzira n'ububasha bungana ku bashyingiranywe bahisemo ivangamutungo rusange nk'uburyo

bw'imicungire y'umutungo wabo kuko muri iryo vangamutungo bumvikana gushyira hamwe umutungo wabo wose, ko kandiburi wese aba afite uburenganzira kuri kimwe cya kabiri cy'umutungo basangiyebombi (*Undivided half interest*).<sup>5</sup>

[25] Bakomeza bavuga ko ihame ryo kungana k'uburenganzira n'ububasha abashyingiranywe bagira mu gihe bahisemo ivangamutungo rusange, rigira inkurikizi ku ruhare buri wese agomba kubona igihe habaye iseswa ry'amasezerano yo gushyingirwa ku mpamvu zitandukanye harimo n'urupfu. Basoza bavuga ko ingingo ebyiri zaregewe ko zinyuranye n'Itegeko Nshinga zifite ikibazo kuko iyo uwapfakaye yegukanye umutungo wose akawukoresha uko ashatse kandi hari abandi bazungura, bibangamira ihame ryo kureshya imbere y'amategeko rivugwa mu ngingo ya 15 y'Itegeko Nshinga.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[26] Mbere yo gusuzuma niba ingingo ya 8, igika cya 2 n'iya 76, (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo kuwa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura zinyuranyije n'Itegeko Nshinga nk'uko urega abivuga, ni byiza kubanza gusobanura amwe mu mahame ashimangirwa muri iryo Tegeko Nshinga kandi ajyanye n'uru rubanza, ni ukuvuga ihame ryo kureshya imbere y'amategeko n'iryo kutavangura.

---

<sup>5</sup> Thomas M. Featherston, Jr. *Separate Property or community Property: An introduction to marital property law in community property States*, Texas: Baylor University, School of Law, 2016, P.4.

**i. Ihame ryo kureshya imbere y'amategeko n'iryo kutavangura**

[27] Ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 ryavuguruwe mu 2015, iteganya ko abantu bose barashya imbere y'amategeko. Itegeko ribarengera ku buryo bumwe. Ibikubiye muri iyi ngingo biraza guhinwa mu bice bikurikira, hakoreshwe ihame ryo kureshya imbere y'amategeko.

[28] Ingingo ya 16 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 ryavuguruwe mu 2015 ivuga ko abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira uburenganzira n'ubwisanzure bingana. Ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa kurikwirakwiza byaba bishingiye ku bwoko, ku muryango cyangwa ku gisekuru, ku nzu, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'ubukungu, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bukungu, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, birabujijwe kandi bihanwa n'amategeko. Ibisobanuwe muri iyi ngingo biraza kugarukwaho mu bice bikurikirikira nk'ihame ryo kutavangura.

[29] Amahame yo kureshya imbere y'amategeko no kutavangura ateganywa no mu masezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono. Urugero ni ingingo ya 7 y'Itangazo mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu ryo mu mwaka wa 1948, ivuga ko abantu bose bashya imbere y'amategeko kandi barengerwa kimwe n'amategeko nta vangura

iryo ari ryo ryose<sup>6</sup> (*All are equal before the law and are entitled without any discrimination to equal protection of the law. All are entitled to equal protection against discrimination in violation of this Declaration and against any incitement to such discrimination*).

[30] Hari kandi ingingo ya 26 y'Amasezerano Mpuzamahanga ku burenganzira Mbenezamubano n'ubwa Politiki<sup>7</sup> yo mu 1966, iteganya ko abantu bose bareshya imbere y'amatageko, ko kandi barengerwa kimwe n'amategeko nta vangura iryo ari ryo ryose (*All persons are equal before the law and are entitled without any discrimination to equal protection of the law. In this respect, the law shall prohibit any discrimination and guarantee to all persons equal and effective protection against discrimination on any ground such as race, colour, language, religion, political or other opinion, national or social origin, property, birth or other status*).

[31] Ingingo ya 3 y'Amasezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'Abaturage yemejwe ku wa 27/06/1981, nayo iteganya ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko kandi itegeko rikabarengera ku buryo bumwe (*Every individual shall be equal before the law. Every individual shall be entitled to equal protection of the law*)<sup>8</sup>.

---

<sup>6</sup> Assembly, UN General, Universal declaration of human rights, UN General Assembly 302.2 (1948): 14-25.

<sup>7</sup> International Covenant on Civil and Political Rights/Pacte International des droits civils et politiques

<sup>8</sup> African (Banjul) Charter On Human and Peoples' Rights (Adopted 27 June 1981, OAU Doc.CAB/LEG/67/3 rev. 5, 21 I.L.M. 58 (1982), entered into force 21 October 1986).

[32] Amahame yibukijwe haruguru yasobanuwe kandi n’abahanga mu mategeko, inkiko hamwe n’izindi nzego zirebwa n’uburenganzira bwa muntu. Inkoranyamagambo y’uburenganzira bwa muntu isobanura ko ihame ryo kureshya imbere y’amategeko ryumvikanisha ko itegeko rirengera abantu bose nta kubavangura (*Le principe d'égalité devant la loi suppose que la loi protège tout le monde sans discrimination*)<sup>9</sup>. Ivangura ryo risobanurwa nko gutandukanya abantu ushingiyeye ku bintu bitemewe (*La discrimination est définie comme une différenciation des personnes ou des situations, sur la base d'un ou plusieurs critère(s) non légitime(s)*)<sup>10</sup>. Ihame ryo kutavangura risobanuye rero kwirinda gutandukanya abantu nta mpamvu.

[33] Ibisobanuro bitangwa n’abahanga mu mategeko bihura n’ibyemejwe n’inkiko. Mu rubanza rw’Akagera Business Group rwaciye n’uru Rukiko ku wa 23/09/2016, Urukiko rwagaragaje ko ingingo ya 15 n’iya 16 z’Itegeko Nshinga zifitanye isano ku buryo mu kuzisobanura zidakwiye gutandukanywa. Ingingo ya 15 ivuga ko abantu bose bareshya imbere y’amategeko kandi bakarengerwa n’amategeko mu buryo bumwe. Ni ukuvuga ko hatagomba kubaho ivangura rituma abantu batarengerwa mu buryo bumwe cyangwa kutagira uburenganzira aho bakabugize. Naho ingingo ya 16 ikomerezaho ivuga uburyo gutandukanya abantu bifatwa nk’ivangura kandi ko bitemewe n’Itegeko Nshinga<sup>11</sup>.

---

<sup>9</sup> *Dictionnaire des droits de l'Homme, sous la direction de Joël Andriantsimbazovina, Hélène Gaudin, Jean-Pierre Maguénau, Stéphane Rials et Frédéric Sudre*, Presses Universitaires de France, 2008, p.284.

<sup>10</sup> *Dictionnaire de Droit International Public, sous la direction de Jean Salmon*, Bruylant, Bruxelles, 2001, p.344.

<sup>11</sup> Urubanza RS/SPEC/0001/16/CS, Akagera Business Group, rwaciye ku itariki ya 23/09/2016, igika cya 29. Urwo rubanza ruvugwa kandi mu rubanza

[34] Ibijyanye n'uko amahame yavuzwe haruguru agomba kureberwa hamwe, byanavuzwe mu rubanza rwa Rev. Christopher Mtikila n'abandi<sup>12</sup> baburanye na Tanzania, rwaciwe n'Urukiko Nyafurika rushinzwe uburenganzira bwa muntu n'abatwaga, aho urwo Rukiko rwasobanuye ko ihame ryo kudakorerwa ivangura rifitanye isano n'iryo kureshya imbere y'amategeko (*...the right not to be discriminated against is related to the right to the equal protection by the law...*). Ibi kandi urwo Rukiko rwanabishimangiye mu zindi manza zakurikiyeho.<sup>13</sup>

[35] Na none kandi, Akanama kagenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu k'Umuryango w'Abibumbye<sup>14</sup> nako kavuze ko kudakorerwa ivangura, kureshya imbere y'amategeko no kurengeza n'amategeko mu buryo bumwe nta vangura, bigize ihame rimwe shingiro kandi rusange ryerekeye kurinda no kurengeza uburenganzira bwa muntu: “*Non discrimination, together with equality before the law and equal protection of the law without discrimination, constitute a basic and general principle relating to the protection of human*”.<sup>15</sup>

---

RS/INCONST/SPEC 00001/2019/SC, Murangwa Edward, rwaciwe ku wa 29/11/2019, igika cya 32.

<sup>12</sup> Application 011/2011, Rev.Christopher Mtikila v. United Republic of Tanzania, par. 119.

<sup>13</sup> Application 001/2014 - APDH v. Republic of Cote d'Ivoire, par.146, Application 022/2017 Harold Muthali v. Malawi, par.81.

<sup>14</sup> United Nations Human Rights Committee/Comité des Nations-Unies sur les droits de l'homme.

<sup>15</sup> Human Rights Committee, General Comment 18, Non-discrimination (Thirty-seventh session, 1989), Compilation of General Comments and General Recommendations Adopted by Human Rights Treaty Bodies, U.N. Doc.HRI/GEN/1/Rev.1 at 26 (1994).

[36] Hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe haruguru, biragaragara ko ihame ryo kureshya imbere y'amategeko rijyana n'iryo kutavangura, kandi ayo mahame yombi akaba afitanye isano. Kubera iyo mpamvu, agomba gusomerwa hamwe kuko yombi ahuriza ku kintu cy'ingenzi cyo kudasumbanya abantu mu byo betemewe cyangwa babujijwe nta mpamvu, ugamije kugira abo uheza ku burenganzira bemererwa n'amategeko.

**ii. Kudafata kimwe abantu cyangwa itsinda ry'abantu byafatwa buri gihe nko kutubahiriza ihame ryo kureshya imbere y'amategeko n'iryo kutavangura?**

[37] Mu gushaka igisubizo cy'iki kibazo, ni byiza kureba nanone uko inkiko zitandukanye n'izindi nzego zikemura ibibazo bijyanye n'uburenganzira bwa muntu hamwe n'inyandiko z'abahanga mu mategeko zagiye zikivugaho.

[38] Mu rubanza rwa Marckx aburana n'Ububirigi, Urukiko rw'Uburayi rushinzwe uburenganzira bwa muntu rwagaragaje ko hemezwa ko habayeho kunyuranya n'ihame ryo kutavangura, iyo: a) Abantu bari mu bihe bimwe bafashwe mu buryo butandukanye; b) iyo uko kubatandukanya kudashingiye ku mpamvu yumvikana kandi ishyize mu gaciro; cyangwa iyo c) impamvu yashingiweho n'uburyo bwakoreshejwe ntaho bihuriye. Rwabivuze muri aya magambo: *“a violation of the principle of non-discrimination arises if: a) equal cases are treated in a different manner; b) a difference in treatment does not have an objective and reasonable justification; or c) if there is no proportionality between the aim sought and the means employed”*<sup>16</sup>.

<sup>16</sup> Application n°6833/74, Marckx v. Belgium, 13 June 1979, para.48.

[39] Nanone mu rubanza rw'Akagera Business Group rwavuzwe mu gika cya 33 cy'uru rubanza, uru Rukiko rwasobanuye ko kureshya imbere y'amategeko no kutavangura bitavuze ko gutandukanya abantu ubwabyo mu bihe byose ari ivangura. Gutandukanya abantu cyangwa ibyiciro by'abantu bishobora kuba ngombwa bitewe n'ikigambiriwe, hari impamvu zumvikana zishingiye ku ntego ifite ireme (*legitimate or rational purpose*).<sup>17</sup>

[40] Akanama k'Umuryango w'Abibumbye kavuze ko uburenganzira bwo kureshya imbere y'amategeko no kurengerwa n'amategeko mu buryo bungana nta vangura, budasobanura ko gufata abantu mu buryo butandukanye buri gihe biba ari ivangura. Ibi kabisobanuye mu rubanza rwa Muller and Engelhard baburana na Namibia muri aya magambo: “*The Committee reiterates its constant jurisprudence that the right to equality before the law and to the equal protection of the law without any discrimination does not make all differences of treatment discriminatory. A differentiation based on reasonable and objective criteria does not amount to prohibited discrimination within the meaning of article 26*”<sup>18</sup>.

[41] Ibyasobanuwe n'ako Kanama bihura n'ibyasensuwe n'Urukiko rushinzwe iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu bihugu bya Amerika yo hagati n'iyepfo (*Inter American*

---

<sup>17</sup> Reba urubanza RS/SPEC/0001/16/CS, haburana Akagera Business Group, op.cit, par 18. Urwo rubanza rwanagarutseho mu rundi rubanza RS/INCONST/SPEC 00001/2019/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 29/11/2019 haburana Murangwa Edward, igika cya 35.

<sup>18</sup> HRC, Muller and Engelhard v Namibia (Communication N<sup>o</sup>. 919/00), para 6.7. Uru rubanza rwanagarutseho mu rubanza RS/INCONST/SPEC 00001/2019/SC rwaciwe ku wa 29/11/2019 haburana Murangwa Edward, igika cya 36.

*Court of Human Rights*), aho rwavuze ko kubera ko ihame ryo kureshya imbere y'amategeko n'iryo kutavangura bishingiye ku bumwe bw'inyoko muntu bigendanye n'agaciro k'abantu bose, gutandukanya abantu ubwabyo bidafatwa nk'ivangura kuko uburyo bwose bwo gutandukanya abantu butagira ingaruka ku gaciro kabo nk'abantu, bitewe n'uko habaho gutandukanya abantu mu mategeko ariko bitanyuraniye n'ihame ry'ubutabera. *(Precisely because equality and non-discrimination are inherent in the idea of the oneness in dignity and worth of all human beings, it follows that not all differences in legal treatment are discriminatory as such, for not all differences in legal treatment are in themselves offensive to human dignity. There may well exist certain factual inequalities that might legitimately give rise to inequalities in legal treatment that do not violate the principle of justice).*<sup>19</sup>

[42] Urwo Rukiko runasobanura ko ahubwo kudafata abantu kimwe bikozwe na Leta ikabashyira mu byiciro ikurikije ibintu bibatandukanya bidakwiye gufatwa nko kubavangura mu gihe uko gushyira abantu mu byiciro bifite impamvu yumvikana kandi uburyo bwakoreshejwe bukaba bugamije kugera kuri iyo mpamvu *(It follows that there would be no discrimination in differences in treatment of individuals by a state when the classifications selected are based on substantial factual differences and there exists a reasonable relationship of proportionality between these differences and the aims of the legal rule...)*<sup>20</sup>[2].

---

<sup>19</sup> I-A Court H.R, *Proposed Amendment to the Naturalization Provision of the Constitution of Costa Rica, Advisory Opinion OC 4/84 of Jan 19, 1984, series A N° 4, p.104-106 paras 56-57.*

<sup>20</sup>Idem.

[43] Mu rubanza rwa Thlimmenos v. Greece, Urukiko rw'Ibihugu by'Iburayi rushinzwe kurengera Uburenganzira bwa Muntu rwagarutse ku bimaze kuvugwa, ruvuga ko Leta zifatwa nk'izarenze ku ngingo ya 14 y'Amasezerano ibuza ivangura, iyo zafashe mu buryo butandukanye abantu bari mu bihe bimwe kandi nta mpamvu yumvikana zitanga. Rwabisobanuye mu magambo akurikira: *“The Court has so far considered that the right under Article 14 not to be discriminated against in the enjoyment of the rights guaranteed under the Convention is violated when States treat differently persons in analogous situations without providing an objective and reasonable justification”*.

[44] Urundi rubanza rwagize icyo ruvuga kuri iki kibazo ni urwa Tanganyika Law Society n'abandi<sup>21</sup>, aho Urukiko Nyafurika rushinzwe Uburenganzira bwa muntu n'abaturage, rwasobanuye ko ibyemezo by'inkiko ku bijyanye n'imbago zishobora kuba ku burenganzira byerekana ko, mu bihugu bigendera kuri demokarasi, ari ngombwa ko hashyirwaho imbibi ku burenganzira bw'abantu, kandi ko ubwo burenganzira bugomba kugarukira mu mbago z'ibikenewe kandi bikwiye, bigahuzwa n'akamaro bizagira (*The jurisprudence regarding the restrictions on the exercise of the rights has developed the principle that, the restrictions must be necessary in a democratic society; they must reasonably proportionate to the legitimate aim pursued...*).<sup>22</sup>

---

<sup>21</sup> Application no. 34369/97), Thlimmenos v. Greece (Strasbourg 6 April 2000, para 72.

<sup>22</sup> Application 011/2011-Rev. Christopher Mtikila v. United Republic of Tanzania (merits), para 106.1.

[45] Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada, mu rubanza rwa *Andrews c. Law Society of British Columbia*, rwavuze ko kuba itegeko ryatandukanya abantu runaka bitavuze buri gihe ko bigomba gutera ubusumbane kuko hari igihe n'itegeko rishobora gufata abantu ku buryo bumwe nyamara bikarangira biteye ubusumbane bukabije (*Le point de vue selon lequel "les personnes qui se trouvent dans une situation identique doivent être traitées de façon identique" n'entraînera pas nécessairement l'égalité, pas plus que toute distinction ou différence de traitement ne produira forcément une inégalité.... Il faut cependant reconnaître dès le départ que toute différence de traitement entre des individus dans la loi ne produira pas forcément une inégalité et, aussi, qu'un traitement identique peut fréquemment engendrer de graves inégalités*)<sup>23</sup>.

[46] Mu isesengura zagiye zikora, mu manza zinyuranye, inkiko zimwe zasobanuye ku buryo bwihariye ibijyanye n'impamvu Leta isabwa kuba ifite cyangwa inyungu igomba kurengera, kugira ngo itaza gufatwa nk'aho yatandukanyije cyangwa yavanguye abantu ntacyo ishingiyeho, cyangwa se ko yakoresheje uburyo butajyanye n'itegeko yihaye. Zinagaragaza uburyo inkiko zigenzura ko Leta cyangwa inzego zayo zubahirije amategeko.

[47] Mu rubanza rwa Murat Vural na Turkey, Urukiko rw'Uburayi rushinzwe uburenganzira bwa muntu rwasobanuye

---

<sup>23</sup> *Andrews c. Law Society of British Columbia* - [1989] 1 RCS 143 - 1989-02-02, para. 52: rwabishingiye ku byavuzwen'umucamanza Frankfurter, ko yari umunyabwenge cyane umuntu wavuze ko nta busumbane bukabije burenze gufataabantu mu buryo bumwe kandi batareshya (*C'était un homme sage celui qui a dit qu'il n'y avait pas de plus grande inégalité que l'égalité de traitement entre individus inégaux*).

ko mu gihe Urukiko rusuzuma ikibazo cy'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu, rugomba gusuzuma urubanza rwose, by'umwihariko rukaba rugomba kugenzura niba imbago zashyizwe ku burenganzira zijyanye n'intego Leta ikurikiranye, rukareba kandi niba impamvu itanga zifite ishingiro kandi zihagije (*In exercising its supervisory jurisdiction, the Court must look at the impugned interference in the light of the case as a whole. In particular, it must determine whether the interference in question was "proportionate to the legitimate aims pursued" and whether the reasons adduced by the national authorities to justify it are "relevant and sufficient"*).<sup>24</sup>

[48] Urwo Rukiko rwongeye kubishimangira no mu rubanza Olsson yaburanye na Suède, aho rwavuze ko ku bijyanye by'umwihariko n'impamvu zishingiye ku mibereho y'abaturage, ari ngombwa kureba niba Leta yarafashe icyemezo yabanje gushishoza neza kandi ishingiye ku mpamvu zifite ireme kandi zumvikana (*En ce qui concerne les raisons sociales impérieuses, la Cour vérifie, non seulement si l'État concerné a usé de son pouvoir d'appréciation en bonne foi, mais également si les raisons avancées sont pertinentes et suffisantes*).<sup>25</sup>

[49] Urukiko rw'Ikirenga rw'igihugu cy'Ubuhande, mu rubanza Morarjee aburana na Union of India, narwo rwemeje ko kuvuga ko umuntu yafashwe bitandukanye n'abandi gusa ubwabyo bidahagije kugira ngo byitwe ko yakorewe ivangura, ahubwo ubivuga agomba kugaragaza ko yafashwe bitandukanye n'abandi bari mu cyiciro kimwe na we, kandi nta mpamvu yumvikana (*An applicant pleading that Article 14 has been*

---

<sup>24</sup> Application n°. 9540/07, Murat Vural v. Turkey, of 21/01/2015, para. 64.

<sup>25</sup> Requête n° 10465/83, Olsson c. Suède, (24 Novembre 1988) n° 130 (A), para. 68.

*violated must make out that not only he had been treated differently from other but he has been so treated from persons similarly circumstanced without any reasonable basis, and such differential treatment is unjustifiably made)*<sup>26</sup>.

[50] Mu rubanza rwa Uwinkindi Jean, Urukiko rw’Ikirenga rwasobanuye ko gushyira abantu mu byiciro bigomba gukorwa hagamijwe kugera ku ntego yumvikana, igaragarira buri wese inashingiye ku mategeko kandi ibyashingiweho bikaba bifite ireme mu nyungu rusange.<sup>27</sup>

[51] Nk’uko byavuzwe haruguru, usibye inkiko zinyuranye zagiye zisobanura ihame ryo kureshya imbere y’amategeko n’iryo kutavangura, abahanga mu mategeko nabo batanze ibisobanuro kuri ayo mahame. Daniel Lochak avuga ko ihame ryo kureshya imbere y’amategeko, rikwiye kumvikana nk’ihame ryo kutavangura, ridahatira gufata abaturage mu buryo busa, ahubwo ribuza uburyo butandukanye bwo gufata abantu mu buryo budakurikije amategeko, ni ukuvuga budashingiye ku itandukaniro riri hagati y’abantu (*Le principe d'égalité, qu'il convient d'interpréter plutôt, désormais, comme un principe de non-discrimination, n'impose plus de traiter tous les membres de la société de façon nidentique, mais il proscrie les différences de traitement illégitimes, c'est-à-dire non justifiées par des différences de situation*).<sup>28</sup>

---

<sup>26</sup> Morarjee Rajkotia & Ors vs Union of India & Ors case n° 46 of 1965, on 4 February, 1966, para 8.

<sup>27</sup> Reba urubanza n° RS/INCONST/PEN 0005/12/CS rwaciwe ku wa 22/02/2013, igika cya 16.

<sup>28</sup> Danièle Lochak, Les minorités et le droit public français. Du refus des différences à la gestion des différences. Alain Fenet; Gérard Soulier. Les minorités et leurs droits depuis 1789, L’Harmattan, pp.111-189, 1989.

[52] Undi muhanga, Olivier Jouanjan asobanura ko gushaka byanze bikunze gufata abantu kimwe bishobora ahubwo kubyara kubatandukanya bikomeye haba mu buzima busanzwe cyangwa mu mibereho y'abantu ku buryo byanavamo kubavangura (*Une identité formelle de traitement peut induire une différence substantielle, réelle, sociale et, le cas échéant, une discrimination*).<sup>29</sup>

[53] André Viola nawe yifashishije ibyavuzwe na M. Pelissier, yasobanuye ko kureshya imbere y'amategeko bidashingiye gusa ku kuba abantu bafatwa kimwe, ahubwo binashingiye no mu kugereranya ababa bagomba kureshya imbere y'amategeko kuko kudafata kimwe abantu bigaragara ko batandukanye aribwo burunganire (*Comme le souligne M. Pélissier, l'égalité n'est pas seulement une identité de traitement, elle est la qualité d'un rapport entre deux termes déclarés comparables. Par conséquent, une différence de traitement à la mesure d'une différence de situation constitue une relation d'égalité*)<sup>30</sup>.

[54] Umuhanga mu mategeko Cécile Barrois de Sarigny we asobanura ko Abacamanza iyo basuzuma ihame ryo kureshya imbere y'amategeko barireba mu buryo bwagutse, ibyo bigatuma mu igenzura bakora birinda gusimbura inzego za Leta ku bijyanye n'uburyo nyabwo bwo kugera ku ntego zigamijwe (*Les juges appréhendent la norme d'égalité prise dans sa généralité, ce qui les conduit à opérer un contrôle distancié garantissant qu'ils ne substituent pas leur propre appréciation à celle des*

---

<sup>29</sup> Jouanjan, Olivier, Logiques de l'égalité, Titre VII 1 (2020): 1-8.

<sup>30</sup> Viola, André, La loi doit être la même pour tous: vers la fin d'un principe républicain, (2005): 601-618.

*pouvoirs publics quant au meilleur moyen de parvenir aux objectifs visés)*<sup>31</sup>.

[55] Akomeza avuga ko uko kwiha intera mu igenzura, bijyanye n'imiterere y'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko kuko usanga ibyemezo by'inkiko birifata nk'ihame ridakakaye, kuko ritabuza Umushingamategeko cyangwa urwego rushyiraho amabwiriza, gushaka ibisubizo bitandukanye ku bantu bari mu bihe bitandukanye, kabone niyo rwakwirengagiza ihame ryo kureshya imbere y'amategeko rugamije kurengera inyungu rusange, icyangombwa akaba ari uko, uko gutandukanya abantu bijyanye n'itegeko igamijwe kandi iri mu murongo w'itegeko (*Cette prise de distance se traduit dans la formulation même du principe d'égalité, lequel est présenté par la jurisprudence comme un principe « en creux » qui « ne s'oppose pas » à ce que le législateur ou ... l'autorité investie du pouvoir réglementaire règle de façon différente des situations différentes ni à ce qu'il déroge à l'égalité pour des raisons d'intérêt général pourvu que, dans l'un comme l'autre cas, la différence de traitement qui en résulte soit en rapport direct avec l'objet de la norme qui l'établit*).<sup>32</sup>

[56] Uwo muhanga asobanura kandi ko ibyo bitanga urwinyagamburiro ruhagije ku nzego za Leta kuko arizo ziba zigomba gushyira abantu mu byiciro bitandukanye, ndetse zikagaragaza inyungu rusange irengerwa, umucamanza akaba agomba kureba gusa niba ibyakozwe byari ngombwa, akanareba ishingiro ry'iyonyungu rusange ivugwa, akanagenzura niba koko ibyo byaba impamvu yo gutuma abantu badafatwa kimwe (*La*

<sup>31</sup> Barrois de Sarigny, Cécile. "Le principe d'égalité dans la jurisprudence du Conseil constitutionnel et du Conseil d'État." Titre VII 4.1 (2020): 18-25.

<sup>32</sup> Ibidem

*marge de manœuvre des pouvoirs publics est dans ce cadre garantie. C'est à eux qu'il appartient de caractériser des catégories différentes ou de définir les exigences de l'intérêt général, le juge appréciant seulement la pertinence des catégories ou des considérations d'intérêt général avancées, ainsi que la cohérence du choix d'une différence de traitement*<sup>33</sup>.

[57] Nyuma y'ibisobanuro byatanzwe haruguru ku bijyanye n'amahame ateganyijwe mu ngingo ya 15 n'iyi bijyana ya 16 z'Itegeko Nshinga, hari ibintu by'igenzi biyakubiyemo:

- Abantu bari mu bihe cyangwa mu byiciro bimwe, bafatwa kimwe;
- Iyo badafashwe kimwe nta mpamvu ifite ireme kandi yumvikana, byitwa ivangura;
- Leta ishobora gutandukanya abantu cyangwa ibyiciro by'abantu ariko ntibiyitwe kubangamira ihame ryo kureshya imbere y'amategeko cyangwa iryo kutavangura;
- Kugira ngo bishoboke, Leta igomba kuba ifite impamvu yumvikana, ifite ireme kandi ikurikije amategeko, kandi ikaba igamije inyungu rusange z'abatwaga.

[58] Ibisobanuro bimaze gutangwa byumvikanisha rero ko Leta, mu byemezo ifata cyangwa mu mategeko ishyiraho, ishobora kugira ibyo igenera abantu cyangwa ibyiciro by'abantu ishaka kurengera by'umwihariko, ariko ntibigenere abandi. Ibyo ntibifatwa nk'ivangura, ahubwo ni ugutandukanya abantu

---

<sup>33</sup> Barrois de Sarigny, Cécile. "Le principe d'égalité dans la jurisprudence du Conseil constitutionnel et du Conseil d'État., Op.cit, p.20.

cyangwa kubashyira mu byiciro bitandukanye ku mpamvu zumvikana, zishingiye kuri gahunda Leta yihaye n’itego ishaka kugeraho.

### iii. Ku bijyanye n’uru rubanza

[59] Nk’uko byibukijwe haruguru, ikibazo kigomba gukemurwa ni icyo kumenya niba ingingo ya 8, igika cya mbere n’iya 76 (1°) z’Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryibukijwe haruguru zinyuranyije n’ingingo ya 15 y’Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda. Ngendahayo Kabuye watanze ikirego, avuga ko izo ngingo zivangura abazungura, kubera ko ziha uwapfakaye uburenganzira bw’umurengera, zigaheza abandi bazungura.

[60] Mu gusuzuma ibyo urega avuga kuri izi ngingo, ni ngombwa gusubiza amaso inyuma, hakarebwa impamvu yatumye hashyirwaho Itegeko rimaze kuvugwa, n’icyo ryari rigamije. Mu bice byabanje haruguru, hasobanuwe ko impamvu y’itegeko igomba kuba yumvikana, ifite ireme kandi ishingiyeye ku mategeko.

[61] Nk’uko biboneka mu isobanurampamvu y’Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryibukijwe haruguru, mbere y’uko rijyaho ryatanzweho ibitekerezo n’abantu b’ingeri zitandukanye. Risobanura kandi ko ibyo bitekerezo byagaragaje ko itegeko ryari risanzwe ryo mu 1999<sup>34</sup> ryatezaga ibibazo byinshi, ku buryo kubikemura byagombaga gutuma ingingo nyinshi zaryo zihinduka, ari yo mpamvu, aho guhindura ingingo zimwe z’iryo tegeko, byabayeye ngombwa ko hajyaho irishya. Mu bibazo byinshi

---

<sup>34</sup> Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12 Ugushyirahamwe 1999 ryuzuzaga Igitabo cya mbere cy’urwunge rw’amategeko mbonezamubano kandi rishyirahamwe igice cya gatanu cyerekeye imicungire y’umutungo w’abashyirahamwe, impano n’izungura.

byaterwaga n'ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko ryariho, harimo iby'ingenzi bikurikira:

- kuba ritarateganyaga uburyo bwo kuzungura ku bana b'abakobwa basigaye ababyeyi babo bamaze gupfa mbere y'uko rishyirwa mu bikorwa;
- kuba ritarigeze riteganya urupfu mu mpamvu zisesa uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingirwanywe, ku buryo umuntu yibazaga niba ubwo buryo bwagumaho kandi umwe mu bashyingiranwe atakiriho. Ibi byateraga urujijo mu gihe cyo kuzungura ugasanga benshi baritiranyaga uburenganzira bwo kuzungura n'uburenganzira uwafakaye akomora ku buryo bw'imicungire yari yarahisemo;
- kuba Itegeko risanzwe ritarateganyaga kuzungurana kw'abashakanye.

[62] Nanone kandi, impamvu yatumye ingingo z'iryo Tegeko zaregewe ziyaho ishimangirwa mu nyandikomvugo y'inama y'inteko rusange y'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite<sup>35</sup> no muri raporo z'inama za Komisiyo ya politiki, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'igihugu<sup>36</sup>, mu gihe hasuzumwaga umushinga w'iryo Tegeko.

[63] Izo nyandikomvugo na raporo zigaragaza ko mbere yo gutangira gusuzuma uwo mushinga w'itegeko, abagize Komisiyo bakoze ingendo mu gihugu, bahura n'abaturage bahagarariye abandi, hagamijwe gukusanya ibitekerezo bizafasha mu

<sup>35</sup> Reba inyandikomvugo yo ku wa 15/11/2013.

<sup>36</sup> Inama zabaye guhera 03-26/06/2014.

kuwusuzuma. Izo nyandiko zigaragaza ko ibi byakozwe nyuma yo kubona ko Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12 Ugushyingo 1999 ryamaze kuvugwa ryari rifite ingingo zirenga 50% zitakijyanye n'igihe, ari yo mpamvu abagize iyo Komisiyo basanze ari ngombwa gushyiraho itegeko rishya aho guhindura izo ngingo.

[64] Abagize Inteko Ishinga amategeko bagaragaje kandi ko mu rwego rwo kurinda uwapfakaye kwandavura no kugira imibereho mibi ugereranyije n'uko yari abayeho uwo bari barashakanye akiriho, mu gihe umwe mu bashyingiranywe barasezeranye ivangamutungo rusange apfuye, usigaye agomba kwegukana umutungo wose, kubera ko yari awusangiye na nyakwigendera, kandi akaba asigaranye wenyine inshingano z'urugo bari bafatanyije.

[65] Basanze kandi hari ikibazo cy'uko iyo umwe mu bashakanye apfuye, uwapfakaye nta burenganzira yari afite bwo kumuzungura, kandi aba yaragize uruhare mu gushaka umutungo w'urugo rwabo, iyo akaba ari imwe mu mpamvu yatumye Itegeko ryari risanzwe rihinduka. Basobanuye ko, ku bashyingiranywe banasezeranye ivangamutungo rusange, abana bakwiye kuzungura nyuma y'uko ababyeyi bombi batakirihho, bityo izungura ryabo rikaba rigomba gutangira ari uko bombi batakirihho cyangwa uwapfakaye yongeye gushyingirwa.

[66] Ibiboneka mu isobanurampamvu ryavuzwe haruguru no mu nyandikomvugo y'imirimo y'Inteko Ishinga Amategeko bihura kandi n'ibitekerezo byatanzwe na zimwe mu nzego za Leta mu gihe hategurwaga umushinga w'itegeko wavuzwe haruguru. Mu nyandiko iri muri dosiye y'urubanza yateguwe na Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango (MIGEPROF), hasobanurwa ko ku bashyingiranywe bagahitamo ivangamutungo rusange, uwapfakaye akwiye kwegukana

imitungo yose kugira ngo imusazishe neza hashingiwe ku ruhare aba yaragize mu gushaka iyo mitungo mu gihe amasezerano yo gushyingirwa yari akiriho, cyane cyane ko iyo mitungo ari iy'abashakanye, atari iy'abazungura babo.

[67] Urwego rw'igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'igihugu (*Gender Monitoring Office*), narwo rwateguye inyigo iri muri dosiye y'urubanza, ku ngaruka z'uburinganire ku Itegeko N° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryavuzwe haruguru, rusanga mu gihe umwe mu bashyingiranywe apfuye, usigaye akwiyekwegukana umutungo wose, kugira ngo awugireho uburenganzira busesuye.

[68] Nk'uko byakomeje gusobanurwa, ingingo zaregewe z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryibukijwe haruguru, zaje zirengera by'umwihariko uwapfakaye kubera impamvu ryasobanuye nazo zibukijwe haruguru, rimuha itandukaniro n'abandi bazungura, kuko aba yabuze uwo bari basangiye inshingano, nyamara akaba agomba kuzikomeza wenyine. Byasobanuwe kandi haruguru, ko uwapfakaye adakwiye kugereranywa n'abandi bazungura, kuko we aba yaragize uruhare mu gushaka umutungo w'urugo, mu gihe abandi nta ruhare baba barabigizemo, Umushingamategeko akaba yarashatse kurinda uwapfakaye impagarara zajyaga zivuka uwo bashakanye amaze gupfa, zitewe n'abo mu muryango babaga bifuzza kugira uruhare ku mutungo uwapfuye yasize.

[69] Uwo mwihariko uhabwa uwapfakaye ugarukwaho kandi n'abahanga mu by'amategeko Yvaine Bufferan Lanore na Virginie Larribau, aho basobanura ko ubuzima bw'abashyingiranywe butarangirana n'urupfu rw'umwe, ko ikiba cyabayeho ari uko umwe mu bashyingiranywe yapfuye undi

agasigara wenyine, bikaba bitandukanye n'ubutane bw'abashyingiranywe. Bavuga ko iyo umwe mu bashyingiranywe apfuye, ubuzima bushingiye kuri iryo shyiringanwa bukomeza, naho gutandukana byo, bigasiga gusa amasano ashingiye kuri rya shyiringanwa ryigeze kubaho (*La qualité d'époux ne disparaît pas pour autant, avec le décès, le conjoint devenant simplement le conjoint survivant. Contrairement au divorce, le décès laisse intacte cette qualité d'époux. C'est pourquoi, par-delà le décès et la dissolution du mariage, on constate, non seulement la survie de certains effets du mariage ou de l'alliance créée par le mariage*)<sup>37</sup>

[70] Abahanga mu mategeko Bernard Beignier & Sarah Torricelli-Chrifi bavuga ko hari itandukaniro hagati y'uwapfakaye n'abandi bazungura bakomoka k'uwapfuye. Bavuga ko abakomoka kuri nyakwigendera badafite uburenganzira ku izungura, ko ahubwo bafite ubwo kugira uruhare ku izungura, bityo bakaba bagabana umutungo usigaye w'uwo bakomokaho, naho amategeko yo muri iki gihe akaba yaragiye atera imbere ku buryo kuri ubu, uburenganzira bw'uwapfakaye bujyanye no kugira ngo akomeze abeho mu buzima yari asanzwe abayemo. Igitekerezo cy'ingenzi kiva kuri ubwo burenganzira ni uko abana bazungura mu by'ukuri nyuma y'uwo usigaye mu bashakanye apfuye. (*Y-a-t-il une différence politique entre les droits des descendants et les droits du conjoint survivant? Oui, sans aucun doute. Les descendants, sans avoir un droit "à" l'héritage mais un droit "sur" l'héritage, ont vocation à se partager ce qui "reste" du patrimoine de leur auteur. Tandis que le droit contemporain a évolué pour faire des*

---

<sup>37</sup> Buffelan-Lanore, Yvaine, and Virginie Larribau-Terneyre. Droit civil. Introduction Biens Personnes Famille. Sirey, 2013, p.737.

*droits du conjoint un véritable droit “ à ” un maintien de son train et style de vie 2Dès lors se profile une idée forte : les enfants n’héritent vraiment qu’au décès du dernier des conjoints).<sup>38</sup>*

[71] Impamvu yatumye hajyaho ingingo z’Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryavuzwe, zaregawe ko zinyuranye n’Itegeko Nshinga, imaze gusobanurwa mu bika bibanziriza iki. Urukiko rurasanga mbere yo gushyiraho iryo Tegeko, Umushingamategeko yarabanje kumva ibitekerezo by’abaturage bikubiyemo ibibazo byariho byagombaga gushakirwa umuti, abona guhyiraho itegeko rigamije kubikemura no gukumira amakimbirane yo mu muryango muri rusange.

[72] Ibisobanuro byatanzwe haruguru bigaragaza impamvu ituma umupfakazi ahabwa umwihariko utandukanye n’uw’abandi bazungura. Urukiko rurasanga kuba Leta yarashyizeho ingingo ya 8, igika cya 2 n’iya 76 (1°) z’Itegeko N° 27/2016 ryibukijwe haruguru, igamije kurengera by’umwihariko uwo mupfakazi, yari ifite impamvu yumvikana kandi ishingiyeye ku ntego ifite ireme, n’uburyo yakoresheje bukaba bujyanye n’intego yari igamije; bikumvikanisha ko nta vangura abandi bazungura bakorewe.

[73] Urukiko rusanga kandi ibibazo Ngendahayo Kabuye avuga ko byavutse cyangwa bishobora kuvuka nyuma y’uko Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryavuzwe haruguru ritangiye gushyirwa mu bikorwa, bigomba gutandukanywa no kuvuga ko iryo tegeko ubwaryo rinyuranye n’Itegeko Nshinga. Byongeye kandi, mu gihe bigaragaye ko nyuma yo kwegukana umutungo, uwapfakaye awukoresha nabi cyangwa ko atita ku

---

<sup>38</sup> Beignier, Bernard, and Sarah Torricelli-Chrifi. *Libéralités et successions*. Montchrestien, ed. Lextenso, 2015, p.223.

nshingano Itegeko ryamuhaye, nk’uko Ngendahayo Kabuye abiburanisha, ubifitemo inyungu wese afite uburenganzira bwo kubitangira ikirego mu nkiko. Ingingo ya 76 (6°) y’Itegeko N° 27/2016 ryavuzwe haruguru yaje muri uwo murongo kubera ko iteganya ko iyo uwapfakaye ataye inshingano zo kurera abana bose cyangwa bamwe muri bo uwapfuye asize, yamburwa n’urukiko rubifitiye ububasha izo nshingano na kimwe cya kabiri ( $\frac{1}{2}$ ) cy’umutungo wose, rukanagena ushinzwe kubarera no kubacungira umutungo kugeza igihe bagiriye imyaka y’ubukure.

[74] Muri urwo rwego kandi rwo gukumira ibibazo bishobora kuvuka bijyanye n’umutungo uwapfakaye aba yegukanye nyuma y’urupfu rw’uwo bari barashakanye, ingingo ya 49 y’iryo Tegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 yateganyije ingano atemerewe gutanga cyangwa kuraga kuko uba ugenewe abazungura bazigamirwa (*réservé successorale*)<sup>39</sup>.

[75] Hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe haruguru, Urukiko rurasanga ingingo ya 8, igika cya 2 n’iya 76 (1°) z’Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y’umutungo w’abashyingiranywe impano n’izungura, zitanyuranyije

---

<sup>39</sup> Iteganya ko abashyingiranywe bafite uburenganzira bwo gutanga impano ariko ntibagomba kurenza umugabane w’ibyo bashobora gutanga.

Hatitawe ku buryo bw’icungamutungo, umugabane w’ibishobora gutangwa ntushobora kurenga kimwe cya gatanu ( $\frac{1}{5}$ ) cy’umutungo w’utanga iyo afite abana, bine bya gatanu ( $\frac{4}{5}$ ) bikaba ibizungurwa bizigamirwa abana n’uwo bashyingiranywe. icyakora, iyo utanga impano nta bana afite ariko uwo bashyingiranywe akaba akiriho, umugabane w’ibishobora gutangwa ntushobora kurenga kimwe cya gatatu ( $\frac{1}{3}$ ) cy’umutungo we, bibiri bya gatatu ( $\frac{2}{3}$ ) bikagirwa ibizungura bizigamirwa uwo bashyingiranywe. Ibizungurwa bizigamirwa bibarwa bashingiye ku mutungo w’utanga havanywemo imyenda yari afite ku muni impano yatangwaga.

n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015.

[76] N'ubwo ariko Urukiko rwemeje ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) zimaze kuvugwa zitanyuranyije n'Itegeko Nshinga, Leta ikaba kandi yarateganyije ingamba zigamije gukumira amakimbirane yavuka ashingiye ku mutungo wegukanywe n'uwafakaye, Urukiko rurayigira inama y'uko mu rwego rwo kurushaho kunoza ibikubiye muri izo ngingo, hakwiye kongerwamo izindi ngamba zigamije kurinda no kubungabunga mirongo itanu kw'ijana (50%)<sup>40</sup> by'umutungo uwafakaye asigarana nyuma y'urupfu rw'uwo bashakanye, kugeza igihe izungura rizatangirira.

**2. Kumenya niba ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, zinyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015**

[77] Ngendahayo Kabuye avuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1o) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, zinyuranyije n'ingingo ya 18 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015, kubera ko zateje amakimbirane mu muryango aho kuwurengera kuko ziha uburenganzira umupfakazi bwo kugumana umutungo wose yitwaje ko yasezeranye

---

<sup>40</sup> Bihwanye n'uruhare uwo bashakanye yari afite ku mutungo

ivangamutungo rusange hirengagijwe ko atari we gusa ufite uburenganzira bwo kuzungura nyakwigendera.

[78] Akomeza avuga ko izo ngingo zabaye isoko y'amakimbirane y'urudaca mu miryango itandukanye, ashobora no kuba intandaro y'ibindi byaha bikomeye nk'ubwicanyi kandi ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda iteganya ko umuryango ari wo shingiro kamere y'imbaga y'Abanyarwanda ukaba ugomba kurengerwa na Leta.

[79] Me Umulisa Kayigamba Alice umwunganira avuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'iya 76 (1<sup>o</sup>) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryibukijwe haruguru zituma uwapfakaye agumana imitungo yose bigateza amakimbirane mu muryango. Asanga byari kuba byiza iyo izo ngingo zivuga ko iyo umwe mu bashakanye apfuye, hakorwa ibarura ku mitungo asize, hakanagenwa uburyo izacungwa n'ubwo nabyo bidaha abanyamuryango bose ubwisanzure kuko abana basizwe n'uwapfuye batarabyawe n'usigaye bakunda kuvutswa ubwisanzure mu muryango bahabwa n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga. Asaba Urukiko kuzemeza ko izo ngingo zinyuranije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

[80] Me Kayitesi Petronille, uhagarariye Leta y'u Rwanda avuga ko ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga iteganya ko umuryango, ishingiro kamere ry'imbaga y'abanyarwanda urengerwa na Leta, igaha uburenganzira n'inshingano ababyeyi bombi mu kurera abana babo, ndetse igateganya ubwisanzure bw'umuryango. Avuga ko ibiteganywa n'ingingo ya 8, igika cya 2 n'iya 76 (1<sup>o</sup>) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 byita ku nyungu z'uwapfakaye ndetse n'iz'abana bikaba bitanyuranyije n'ibitekerezo bivugwa mu ngingo ya 18 y'Itegeko Nshinga ahubwo biyishimangira kuko uburenganzira

bw'uwapfakaye n'ubw'abana basizwe na nyakwigendera bwasisigasiwe.

[81] Asoza avuga ko kuba itegeko ryaragennye ko abashyingiranywe bazungurwa bombi bamaze gupfa, cyangwa uwapfakaye ashatse, bitanyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga ahubwo bituma ubwisanzure bw'umuryango bugumaho, ntiburangirane n'urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe.

[82] Me Kabibi Speciose, uhagarariye Leta y'u Rwanda yongeraho ko umushingamategeko yarengeye umuryango wose harimo abana hamwe n'uwapfakaye kubera ko kuba abashakanye barumvikanye ko n'iyo umwe yapfa undi azakomeza gusigarana umutungo wabo kandi agasigarana n'inshingano zo gutunga abo asigaranye, byubahirije amategeko. Asoza avuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryibukijwe haruguru zitanyuranyije n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 18 kuko zirengera umuryango zikanatuma uwapfakaye adakurwa mu mitungo.

[83] Uwineza Odette na Dr Turamwishimiye Marie Rose, bahagarariye Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda, bavuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryavuzwe haruguru zitari mu murongo wo kubungabunga ubusugire bw'umuryango nyarwanda kuko zishobora kuba impamvu y'amakimbirane ashingiye ku izungura ry'umutungo kubera ko umutungo uzungurwa wikubirwa n'uwapfakaye bigatuma uburenganzira bw'abandi bazungura bubangamirwa. Basanga izo ngingo zidahura n'ikigamijwe mu ngingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda nk'uko ryavugururwe muri 2015.

[84] Basoza bavuga ko ingingo zaregewe zikwiye kuvugururwa zigahuzwa n'umurongo wo kurengera uburenganzira bw'abazungura bose ariko na none hitawe ku kurengera mu buryo bwihariye uburenganzira bw'uwapfakaye, kuko ari bwo umuryango wasigasirwa bitanyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

### i. Ihame ryo kurengera umuryango

[85] Ihame ryo kurengera umuryango (*right to the protection of the family / droit à la protection de la famille*) rikubiye mu ngingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015 iteganya ko umuryango, ni wo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta. Ababyeyi bombi bafite uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo. Leta ishyiraho amategeko n'inzego bikwiye bishinzwe kurengera umuryango, by'umwihariko umwana na nyina, kugira ngo umuryango ugire ubwisanzure.

[86] Ingingo ya 18 imaze kuvugwa mu gika kibanziriza iki, ikubiyemo ibitekerezo bine aribyo: i) umuryango nk'ishingiro kamere ry'imbaga y'abanyarwanda ugomba kurengerwa na Leta ii) ababyeyi bombi basangiye uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo iii) umuryango, by'umwihariko umwana na nyina, barengerwa na Leta ishyiraho amategeko n'inzego bikwiye, iv) Leta ifite inshingano zo kurengera ubwisanzure bw'umuryango.

[87] Iryo hame ryo kurengera umuryango riteganyijwe no mu masezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono.

Ingingo ya 16 y'Itangazo Mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu isobanura ko umugabo n'umugore bafite uburenganzira bwo gushyingiranwa no gukora umuryango nk'izingiro kamere umuryango w'abantu ushingiyeho, (*men and women have the right to marry and to create a family as the "natural and fundamental group unit" within society*).

[88] Ingingo ya 23, agace ka 1 y'Amasezerano Mpuzamahanga ku burenganzira mu by'imbenezamubano na politiki, ivuga ko umuryango ariwo shingiro ry'igihugu, ko ukwiye kurindwa na Leta (*The family is the natural and fundamental group unit of society and is entitled to protection by society and the State*).

[89] Ingingo ya 18 (1,2) y'amasezerano Nyafurika ku burenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage nayo ivuga ko umuryango ariwo shingiro kamere kandi ukaba ishingiro ry'igihugu. Ugomba kurindwa na Leta kandi ikabungabunga ubusugire bwawo. Leta ifite inshingano zo kurengera umuryango kuko ariwo shingiro ry'umuco n'indangagaciro nyazo za sosiyete (*Family shall be the natural unit and basis of society. It shall be protected by the State which shall take care of its physical health and moral. The State shall have the duty to assist the family which is the custodian of morals and traditional values recognized by the community*).

[90] Ihame ryo kurengera umuryango ryagiye risobanurwa kandi n'abahanga mu mategeko. Lara Walker yavuze ko amasezerano y'Ibihugu by'Iburayi yerekeranye n'Uburenganzira bwa muntu arengera ubusugire bw'umuryango, bukubiyemo uburenganzira ababyeyi bafite ku bana babo n'uburenganzira bw'abana ku babyeyi babo, kubuza ko abana batandukanywa n'ababyeyi babo mu buryo butemewe n'amategeko, hakazamo

n'uburenganzira bw'ababyeyi bwo kugarurirwa abana babo bajyanywe bunyago (*In addition to the protection of the family, the European Convention on Human Rights protects the right to respect for family life. This includes the rights of parents to have custody and contact with their children, and the rights of children to be with their parents. The European Court of Human Rights helps to protect families from being unlawfully separated – including protecting the rights of parents to recover abducted children*)<sup>41</sup>.

[91] Ibijyanye n'ihame ryo kurengera umuryango nk'inshingano y'ibihugu hamwe n'imiryango mpuzamahanga ifite aho ihurira n'uburenganzira bwa muntu, byagiye kandi binasobanurwa n'inkiko mu manza zitandukanye hamwe n'abahanga mu mategeko.

[92] Mu rubanza John O. Miron na Jocelyne Valliere baburanye na Richard Trudel na Economical Mutual Insurance Company, Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada rwavuze ko kubungabunga umuryango, ubwabyo bifite inyungu ikomeye cyane ku gihugu ko kandi gushyingiranwa ari umushinga ufiteye igihugu akamaro, kuko hatabayeho urugo ntihabeho umuryango, nta majyambere yababwo nta n'iterambere ryagerwaho (*the Protection of "family" is, one of the most important interests imaginable in our society, ...marriage is an institution, in the maintenance of which in its purity the public is deeply interested,*

---

<sup>41</sup> Walker, Lara, The impact of The Hague Abduction Convention on the rights of the family in the case-law of the European Court of Human Rights and the UN Human Rights Committee: the danger of Neulinger, *Journal of private international law* 6.3 (2010): 649-682.

*for it is the foundation of the family and of society, without which there would be neither civilization nor progress)*<sup>42</sup>.

[93] Na none mu rubanza Moore yaburanye na City of East Cleveland, Urukiko rw'Ikirenga rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika rwavuze ko Itegeko Nshinga rigomba kurengera ubusugire bw'Umuryango kubera ko umuryango ushinze imizi mu mateka ndetse no mu muco w'igihugu (*the Constitution protects the sanctity of the family precisely because the institution of the family is deeply rooted in Nation's history and tradition*)<sup>43</sup>.

[94] Umuhanga mu mategeko *Ivana Roagna* nawe yasobanuye ko ku bijyanye n'imibereho y'umuryango, ibyemezo by'inkiko zitandukanye mu bihugu by'Iburayi byagiye bigaragaza ko ingingo ya 8 y'amasezerano y'Ibihugu by'Iburayi yerekeranye n'Uburenganzira bwa muntu igaragaza inshingano 2 z'ingenzi Leta iba igomba kubahiriza arizo : guha agaciro amasano abantu bafitanye mu muryango no kubungabunga uwo muryango, hagakurikiraho ishingano zitandukanye ibihugu biba bifite mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ubusugire bw'uwo muryango ( *When it comes to family life, the case-law indicates that two main types of obligations stem from Article 8 of the European Convention on Human Rights; the first is to give legal recognition to family ties; the second is to act to preserve family*

---

<sup>42</sup> See the case n° 22744, John O. Miron and Jocelyne Valliere v. Richard Trudel, William James Mc Isaac and the Economical Mutual Insurance Company vs. The Attorney General of Canada, the Attorney General for Ontario, the Attorney General of Quebec and the Attorney General of Manitoba, decided by the Supreme Court of Canada, on 25/05/1995.

<sup>43</sup> See the case n° 75-6289, Moore v. City of East Cleveland, U.S. Supreme Court, 431 U.S. 494 (1977), decided on May 31, 1977.

*life. What follows is an overview of the positive obligations states bear in these two areas)*<sup>44</sup>.

[95] Hashingiwe ku bimaze kuvugwa haruguru, Urukiko rurasanga amategeko atandukanye, ibyemezo by'inkiko n'abahanga mu mategeko, byarasobanuye agaciro k'umuryango n'impamvu ugomba kurindwa na Leta, bikaba bihura n'ibiteganywa n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda yavuzwe haruguru.

**ii. Ihame ryo kurengera umuryango n'uburenganzira bwo kuzungura**

[96] Ingingo ya 17, agace ka 1, y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe mu 2015, iteganya ko uburenganzira bwo gushyingiranwa no kugira umuryango burengerwa n'amategeko.

[97] Ingingo ya 18 y'iryo Tegeko Nshinga yibukijwe haruguru, ivuga ko Umuryango ari wo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda ukaba urengerwa na Leta, ko ababyeyi bombi bafite uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo, Leta igashyiraho amategeko n'inzego bikwiye bishinzwe kurengera umuryango, by'umwihariko umwana na nyina, kugira ngo umuryango ugire ubwisanzure.

[98] Ingingo ya 2 y'Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, mu gice cy'ibisobanuro by'amagambo, ivuga ko umuryango ari itsinda ry'abantu bafitanye isano hagati yabo ishingiyeye ko bamwe bakomoka ku bandi, ku mategeko cyangwa ku bushyingiranywe; rishobora

---

<sup>44</sup> Roagna, Ivana, Protecting the right to respect for private and family life under the European Convention on Human Rights. (2012), p.6.

kuba rigizwe n'ababyeyi, abana, ababakomokaho ndetse n'abo mu miryango y'abashyiranywe nabo.

[99] Hashingiwe ku bimaze kuvugwa haruguru, ni ngombwa kureba uko ihame ryo kurengera umuryango ryumvikana mu gihe hasuzumwa ibijyanye n'izungura. Mu rubanza Pla et Puncernau baburanyemo na Andorre, Urukiko rw'Uburayi rushinzwe kurengera uburenganzira bwa muntu rwavuze ko ari ikintu kimaze kwemerwa ko uburenganzira bwo kuzungura hagati y'ababyeyi n'ababakomokaho bufitanye isano ya hafi n'imibereho y'umuryango irengerwa n'ingingo ya 8 y'Amasezerano y'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi ku burenganzira bwa muntu. Rwanavuze ko ibyerekeye izungura nta rage n'iherekanyamutungo uzungurwa ku bushake hagati y'abafitanye isano ya hafi, biba bishingiye ku mibereho yo mu muryango (*It is accepted that the right of succession between children and parents, and between grandchildren and grandparents, was so closely related to family life that it came within the sphere of Article 8 of the European Convention on Human Rights. It has thus considered that matters of intestate succession and voluntary dispositions between near relatives prove to be intimately connected with family life*).<sup>45</sup>

[100] Urwo Rukiko rukomeza ruvuga ko imibereho y'umuryango itareba gusa imibanire y'abantu muri sosiyete cyangwa imibanire ishingiyeye ku muco, ko ahubwo ijyanye n'inyungu zishamikiye ku mutungo, nko gutunga abana no kubishyurira amashuri no kuzigamira imitungo izazungurwa .... (Family life does not include only social, moral or cultural relations, for example in the sphere of children's education; it also comprises interests of a material kind, as is shown by,

<sup>45</sup> Application n° 69498/01, Pla et Puncernau c. Andorre (2004), Para 26.

*amongst other things, the obligations in respect of maintenance and the position occupied in the domestic legal systems of the majority of the Contracting States by the institution of the reserved portion of an estate (Réserve héréditaire)*<sup>46</sup>.

[101] Mu rubanza rwa Bourimi na Netherlands, urwo Rukiko rwakomeje ruvuga ko n'ubwo ingingo ya 8 y'Amasezerano y'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi yerekeye uburenganzira bwa muntu itarengera uburenganzira bwo kuzungura nyirizina, ibibazo bijyanye n'izungura nta rage hagati y'ababyeyi n'ababakomokaho bijya mu birengerwa n'iyi ngingo, bitewe n'uko bifitanye isano n'imibereho y'umuryango (*Bien que l'article 8 de la Convention européenne de Droit de l'homme ne garantit pas en tant que tel un droit à hériter, la Cour a admis précédemment que les questions de succession ab intestat entre proches parents entrent dans le champ d'application de cette disposition, dans la mesure où elles représentent un aspect de la vie familiale*).<sup>47</sup>

[102] Hashingiwe ku bimaze kuvugwa haruguru, n'ubwo amategeko yerekeye uburenganzira bwa muntu atarengera uburenganzira bwo kuzungura nk'uburenganzira bwihagije, ibijyanye n'izungura bishobora kureberwa mu ihame ryo kurengera umuryango kubera ko bireba uburenganzira bw'abanyamuryango bwo kuzungurana mu gihe umwe mu bawugize apfuye.

---

<sup>46</sup> Ibidem.

<sup>47</sup> Application n° 28369/95, *Bourimi v. the Netherlands*, (2000), Para.35

### iii. Ku bijyanye n'uru rubanza

[103] Nk'uko byibukijwe haruguru, mu kuvuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'iya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryavuzwe haruguru<sup>48</sup> zinyuranyen'Itegeko Nshinga, Ngendahayo Kabuye abishingira ko nyuma y'urupfurw'umwe mubashakanye, uwapfakaye yegukana imitungo yose akayikoresha icyo ashaka; agasanga biteza umwiryane mu muryango n'impaka za hato na hato, ariyo mpamvu avuga ko ingingo yaregeye zibangamiye ihame ryo kurengera umuryango.

[104] Impamvu yatumye hashyirwaho ingingo zaregewe ko zinyuranyije n'Itegeko Nshinga yasobanuwe mu bika bya 61-68 by'uru rubanza. Nanone kandi mu bika bya 72-73 by'uru rubanza, hibukijwe ko n'ubwo mu Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryamaze kuvugwa, mu ngingo yaryo ya 8, igika cya 2 n'iya 76 (1°), ryateganyije ko mu gihe umwe mu bashyingiranywe bakanasezerana ivangamutungo rusange apfuye, usigaye yegukana umutungo wose, ritagarukiye aho.

[105] Muri iryo Tegeko hari ingingo zinyuranye zigaragaza ko inyungu z'abandi bazungura zitaweho. Urugero n'uko inyungu z'abana zazirikanywe kuko Itegeko ryahaye uwapfakaye inshingano zo gukomeza kubitaho, baba abo yabyaranye na nyakwigendera cyangwa ababyawe na nyakwigendera wenyine. Byongeye kandi, iryo Tegeko ryateganyije ko izungura ritangira iyo uwapfakaye yongeye gushaka, rinateganya ibihano ku wapfakaye utuzuzwa inshingano ze nk'uko bikubiye mu ngingo ya 76 (6°) yasobanuwe mu gika cya 69. Nk'uko nanone byibukijwe haruguru, iryo Tegeko ryanateganyije ikigero cy'umutungo

---

<sup>48</sup> Izi ngingo zasesenguwe mu gice cy'urubanza kirebana n'uburenganzira ku mutungo.

uwapfakaye atemerewe gutanga cyangwa kuraga nk'uko byasobanuwe mu ngingo ya 49 yavuzwe mu gika cya 70.

[106] Urukiko rurasanga ibimaze kuvugwa bigamije gukumira no kugabanya amakimbirane yajyaga avuka ashingiye ku izungura, mu rwego rwo kurengera ubumwe n'ubusugire bw'umuryango n'abawugize. Urukiko rurasanga kandi, nk'uko byibukijwe haruguru, Itegeko risobanura neza uko abafite uburenganzira bwo kuzungura bagenda bakurikirana mu gihe cyo kuzungura. Ikibazo cyari kuba iyo uwapfakaye yegukana umutungo wose nyuma y'urupfu rw'uwo bashakanye, ntiha gire n'umwe mu bagize umuryango uzagira uburenganzira bwo kuzungura.

[107] Hashingiwe ku bisobanuro byose byatanzwe haruguru, Urukiko rurasanga ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura zitanyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015.

**3 Kumenya niba ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura. zinyuranyije n'ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015**

[108] Ngendahayo Kabuye avuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1o) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, zinyuranyije n'ingingo ya 34 z'Itegeko Nshinga rya

Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015, kubera ko uwapfakaye ahabwa uburenganzira bwo kwikubira umutungo wenyine yitwaje ko yasezeranye ivangamutungo rusange, hakirengagizwa uburenganzira bw'abandi bazungura b'uwapfuye cyane cyane abana batabyawe n'uwapfakaye.

[109] Akomeza asobanura ko ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga ivuga ko buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi, ndetse ko umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi utavogerwa, ko uburenganzira ku mutungo budahungabanywa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko. Avuga ko kuzungura ari uguhabwa uburenganzira n'inshingano ku mutungo n'imyenda by'uwapfuye, ko kwambura bamwe uburenganzira bwo kuzungura, asanga ari ukubambura uburenganzira ku mutungo kandi kuzungura ari bumwe mu burenganzira bw'ibanze (*fundamental rights*).

[110] Anavuga ko irangashingiro ry'Itegeko Nshinga rivuga ko abanyarwanda biyemeje kubaka Leta igendera ku mategeko, ishingiye ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu, ku bwisanzure no ku ihame ry'uko Abanyarwanda bose bareshya imbere y'amategeko n'iry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo, ko rero ibi bitagerwaho hariho bamwe bahezwa mu burenganzira bwabo bw'ibanze n'ingingo zimwe z'amategeko.

[111] Ngendahayo Kabuye avuga kandi ko amasezerano Mpuzamahanga atandukanye u Rwanda rwashyizeho umukono, arengera uburenganzira bw'ibanze ku mutungo, nk'ingingo ya 14 y'amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bwa muntu n'ubw'abatwage, ingingo ya 9 ya African Youth Charter, iya 5

y'Itangazo rya *Pretoria (Pretoria Declaration on Economic, Social and Cultural Rights in Africa* rizwi nka "*Pretoria Declaration* ").

[112] Akomeza avuga ko kutagira uburenganzira bungana ku mutungo w'uwapfuye ari ukwamburwa uburenganzira bw'ibanze kandi uwambuwe ubwo burenganzira akaba adashobora kugira imibereho myiza kubera ko adashobora kubona uburenganzira bwo kugira aho aba, uburenganzira bwo kubona ibimutunga, uburenganzira bwo kugira ubutaka (*right to land*), uburenganzira bwo kwivuza, uburenganzira bwo kwiga; uburenganzira ku mazi meza n'isuku.

[113] Me Umulisa Kayigamba Alice umwunganira avuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1o) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryibukijwe haruguru zituma uwapfakaye yikubira imitungo yose akigizayo abandi bazungura cyane cyane iyo atabafiteho inshingano zo kubarera, ko kandi hari n'igihe aba afite inshingano zo kubarera ariko ntazuzuze nk'uko bisabwa ugasanga habaye amakimbirane mu muryango ndetse hakavuka imanza za hatu na hatu ari yo mpamvu bemeza ko izo ngingo zinyuranyije n'ingingo ya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

[114] Me Kayitesi Pétronille, uhagarariye Leta y'u Rwanda, avuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 zitanyuranyije n'ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda kuko zitambura abazungura uburenganzira ku mutungo ngo uhabwe uwapfakaye nk'uko Ngendahayo Kabuye abivuga, kuko n'ubwo uwapfakaye yegukana umutungo wose, agumana inshingano zo kurera abana yabyaranye na nyakwigendera n'ab'uwapfuye bemewe

n'amategeko, bakazazungura igihe giteganywa n'amategeko kigeze.

[115] Me Kabibi Speciose, uhagarariye Leta y'u Rwanda, yongeraho ko kuba itegeko ryaragennye ko abashyingiranywe bazungurwa ari uko bombi bamaze gupfa, cyangwa uwapfakaye ashatse ntaho bibangamira ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga kuko umutungo w'abashyingiranywe ari uwabo bombi, atari uw'abazungura. Asanga rero uwo mutungo udakwiye kuvogerwa mu buryo ubwo ari bwo bwose mu gihe abashyingiranywe bafatanyije kuwushaka bakirihobaba bombi cyangwa umwe muri bo.

[116] Uwineza Odette na Dr Turamwishimiye Rose, bahagarariye Ishuri ry'amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda, bavuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'iya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 zibangamiye uburenganzira bw'abandi bazungura baba bafite ku mutungo uzungurwa kuko wikubirwa n'uwapfakaye bikaba binyuranye n'ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Basaba ko mu gihe izi ngingo zaba zitaravugururwa, Urukiko rw'lkirenga rwatanga umurongo waba ugenderwaho kugira ngo uburenganzira bw'abazungura bose bwubahirizwe. Bavuga ko nk'aho itegeko riteganywa ko umupfakazi yegukana umutungo wose, hagenwa ko ahabwa inshingano zo kuwucunga ariko hakagaragazwa igihe ntarengwa yawucungamo hanyuma abazungura bose bakazawugabana.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

### i. Ihame ryo kugira uburenganzira ku mutungo

[117] Ihame ryo kugira uburenganzira ku mutungo (*the right to property/ droit de propriété*) rikubiye mu ngingo ya 34 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, iteganya ko buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi. Umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi ntuvogerwa. Uburenganzira ku mutungo ntibuhungabanywa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

[118] Iryo hame kandi riteganyijwe mu masezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono. Urugero ni ingingo ya 17 y'Itangazo Mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu iteganya ko buri wese, byaba ari ku giti cye cyangwa afatanyije n'abandi, afite uburenganzira ku mutungo kandi ntawe ugomba kuwumubuzaho ubwo burenganzira (*Toute personne, aussi bien seule qu'en collectivité, a droit à la propriété. Nul ne peut être arbitrairement privé de sa propriété*)<sup>49</sup>.

[119] Amasezerano Nyafurika ku burenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage, ateganya mu ngingo ya 14, ko buri muntu afite uburenganzira ku mutungo. Uburenganzira ku mutungo ntibuhungabanywa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko (*Le droit de propriété est garanti. Il ne peut y être porté atteinte que par nécessité publique*

---

<sup>49</sup> La Déclaration Universelle des Droits de l'Homme, article 17.

*ou dans l'intérêt général de la collectivité, ce, conformément aux dispositions des lois appropriées)*<sup>50</sup>.

[120] Uburenganzira ku mutungo bwanashimangiwe mu yandi masezerano areba ibihugu byo ku yindi migabane. Ingingo ya 1 y'amasezerano y'inyongera numero ya 1 ku Masezerano y'ibihugu bw'Iburayi ku burenganzira bwa muntu iteganya ko umuntu wese afite uburenganzira ku mutungo we, ko ntawe ushobora kuwuvutswa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange<sup>51</sup> (*Every natural or legal person is entitled to the peaceful enjoyment of his possessions. No one shall be deprived of his possessions except in the public interest and subject to the conditions provided for by law and by the general principles of international law*).

[121] Mu nyandiko igamije gufasha kumva ingingo ya 1 y'Amasezerano y'inyongera numero ya 1 yavuzwe haruguru, hasobanurwa ko umutungo uvugwa muri ayo masezerano usobanuye ibintu binyuranye, birimo ibintu umuntu atunze (biens actuels), ibifite agaciro runaka birimo imyenda afitiwe n'abandi, iyo umuntu yizeye neza kuzishyurwa. Iyo nyandiko ikomeza isobanura ko umutungo ukubiyemo uburenganzira ku mutungo utimukanwa, uwimukanwa n'izindi nyungu zituruka ku mutungo umuntu afite (*La notion de « biens » figurant au premier alinéa de l'article 1 du Protocole N° 1 est une notion autonome, qui peut recouvrir tant des « biens actuels » que des valeurs patrimoniales, y compris des créances en vertu desquelles le requérant peut prétendre avoir au moins une « espérance légitime ». Les « biens » incluent les droits réels et les droits personnels. Ce terme*

<sup>50</sup> La Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples, article 14.

<sup>51</sup> Article 1 of Protocol n° 1 to the European Convention on Human Rights.

*englobe les immeubles et les biens meubles ainsi que les autres intérêts patrimoniaux).*<sup>52</sup>

[122] Ingingo ya 21 y'Amasezerano y'Ibihugu by'Amerika ku burenganzira bwa muntu nayo ivuga ko buri muntu afite uburenganzira bwo gukoresha no kwinezeza mu mutungo we. Itegeko ariko rishobora gukuraho ubwo burenganzira iyo rigamije kurengera inyungu rusange... (*Everyone has the right to the use and enjoyment of his property. The law may subordinate such use and enjoyment to the interest of society...*).<sup>53</sup>

[123] Ijambo umutungo ryasobanuwe mu rubanza rwa Ivcher-Bronstein na Peru aho Urukiko rushinzwe iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu bihugu bya Amerika yo hagati n'iy'epfo rwavuze ko umutungo ushobora gusobanurwa nk'ibintu byose umuntu ashobora gutunga harimo n'uburenganzira bwose bushobora gufatwa nk'umutungo w'umuntu harimo umutungo wimukanwa, utimukanwa, ufatika, udafatika cyangwa se ikindi kintu cyose bigaragara ko gifite agaciro (*Property can be defined as those material things which can be possessed, as well as any right which may be part of a person's patrimony; that concept includes all movables and immovables, corporeal and incorporeal elements and any other intangible object capable of having value*).<sup>54</sup>

[124] Mu manza zacye, inkiko nazo zagiye zisobanura ihame ry'uburenganzira ku mutungo. Urugero ni urubanza Marckx

---

<sup>52</sup> Guide sur l'article 1 du Protocole n° 1 à la Convention Européenne des droits de l'homme: Protection de la propriété, 2022, P.7

<sup>53</sup> American Convention on Human Rights, article 21.

<sup>54</sup> Ivcher Bronstein case vs Peru, Inter-American Court of Human Rights of February 6, 2001 (Merits, Reparations and Costs) para. 122.

yaburanyemo n'Ububirigi mu Rukiko rw'Ibihugu by'Iburayi rushinzwe kurengera uburenganzira bwa muntu. Ku bijyanye n'amategeko y'Ububirigi yerekeye abana babyawe n'umwe mu bashakanye byemewe n'amategeko, Urwo Rukiko rwavuze ko mu rwego rwo kubungabunga uburenganzira buri muntu afite ku mutungo, ingingo ya 1 y'amasezerano y'inyongera numero 1 yavuzwe haruguru, iteganya ko ibijyanye n'uburenganzira ku mutungo ari uburenganzira umuntu afite bwo gukoresha umutungo we uko abyumva, ko kandi kuva kera cyari ikintu cy'ingenzi cyane mu bijyanye n'uburenganzira ku mutungo (*En reconnaissance à chacun le droit au respect de ses biens, l'article 1 garantit en substance le droit de propriété. ...le droit de disposer de ses biens qui constitue un élément traditionnel fondamental du droit de propriété*).<sup>55</sup>

[125] Mu rubanza rwa Hutten-Czapska v Poland, urwo Rukiko rwibukije ko ihame rikuru ku bijyanye n'uburenganzira ku mutungo, ari uko ari ntavogerwa (*peaceful enjoyment of property: usus, fructus, abusus*); ko iyo hari ikirego cy'uko ubwo burenganzira butubahirijwe, hagomba gusuzumwa niba ibyakozwe kuri uwo mutungo byarakurikije amategeko kandi ko byari bishingiye ku mpamvu zemewe kandi zumvikana (*Any interference with the enjoyment of a right or freedom must pursue a legitimate aim*).<sup>56</sup>

[126] Inkiko mpuzamahanga zirimo Urukiko rw'Amerika ndetse n'urw'Afurika zishinzwe uburenganzira bwa muntu zagiye zigaragaza kenshi ko kugira uburenganzira ku mutungo bifasha abantu guharanira uburenganzira bwabo, bikarengera

<sup>55</sup> Marckx c. Belgique, arrêt du 13 juin 1979, Série A n° 31, op.cit, para 49.

<sup>56</sup> Application n° 35014/97, *Hutten-Czapska v Poland [GC]* ECHR 2006-VIII, para 165.

imiryango n'abaturage gakondo, bikanarengera n'abandi bantu bose bafite amateka yihariye abahuza n'umutungo wabo.<sup>57</sup>

[127] Abahanga mu mategeko nabo batanze ibisobanuro bituma uburenganzira ku mutungo burushaho kumvikana. Muri urwo rwego, mu gitabo cyabo Property *Examples & Explanations*, Barlow Burke na Joseph Snoe bavuze ko uburenganzira ku mutungo atari uburenganzira buba hagati y'umuntu n'ikintu atunze, ko ahubwo aba ari n'uburenganzira buba hagati y'abantu ku bijyanye n'ikintu umuntu afiteho uburenganzira. Ubwo burenganzira bwe butuma akumira abandi batemerewe gukoresha icyo kintu, kugikodesha, kukibyaza umusaruro mu buryo bunyuranye, kukigurisha cyangwa se kugitanga. Ibi byose rero bishoboka gusa iyo umuntu afite uburenganzira busobanutse bihagije ku kintu ku buryo abandi bantu bose baba bagomba kubwubaha (*Property law is not about one person's relationship to a thing. Instead, it is about relationship between and among persons with regard to a thing property permits one person to exclude another from using a thing; to use it personally to gain rents, profits or income from it; to sell it; or to give it by will to one relative and not another. All this is possible only when one's relationship to property is clear insofar as others are bound to respect it*).<sup>58</sup>

---

<sup>57</sup> Mayagna (Sumo) Awas Tingni Community v. Nicaragua, Series C N° 79, Inter-American Court of Human Rights, August 31, 2001; urubanza rwa Center for Minority Rights in Development (Kenya) and Minority Rights Group International on behalf of Endorois Welfare Council v. Kenya, Communication No. 276/2003, African Commission on Human and Peoples' Rights, February 4, 2010; African Commission on Human and Peoples' Rights v. Kenya, Application No. 006/2012, African Court on Human and Peoples' Rights, May 26, 2017.

<sup>58</sup> Burke, D. Barlow, and Joseph A. Snoe. Property: Examples & Explanations. Wolters Kluwer, 2008, p 5.

[128] John G. Sprankling mu gitabo cye Understanding Property Law nawe yashimangiye ko ubusanzwe “umutungo” aba ari uruhurirane rw’uburenganzira (*It is common to describe property as a bundle of rights*). Uburenganzira bwo gukumira abandi ku kintu, ubwo kugitanga, ubwo kugitunga no kugikoresha ndetse n’uburenganzira bwo kugikuraho (*The right to exclude; The right to transfer; The right to possess and use; and The right to destroy*).<sup>59</sup>

[129] Hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe haruguru, biragaragara ko uburenganzira umuntu afite ku mutungo bugomba kubahwa na buri wese, nyiri umutungo akaba awugiraho uburenganzira busesuye, kandi akaba ari ntawe ushobora kuwumuvutsa keretse ku mpamvu z’inyungu rusange kandi hubahirijwe amategeko.

**ii. Umuntu ashobora kwemeza ko afite uburenganzira ku mutungo ashingiye ku cyizere cyo kuzawutunga?**

[130] Igisubizo kuri iki kibazo kiboneka mu manza zaciwe no bisobanuro bitangwa n’abahanga mu mategeko. Mu rubanza Marckx yaburanye n’Ububirigi, Urukiko rw’ibihugu by’Iburayi rushinzwe kurengera uburenganzira bwa muntu rwasobanuye ko ingingo ya 1 y’Amasezerano nomero ya 1 y’Amasezerano y’ibihugu by’Iburayi ku burenganzira bwa muntu, yibanda ku kubahiriza uburenganzira bwa buri muntu ku mutungo we, ibi bikaba bigarukira ku mutungo umuntu atunze gusa kuko ubwo burenganzira butabarirwamo iby’imitungo azazungura cyangwa impano azahabwa (*l’article 1 du Protocole numéro 1 se borne à consacrer le droit de chacun au respect de "ses" biens, ne vaut*

---

<sup>59</sup> Sprankling, John G., Understanding property law, LexisNexis, 2012, p. 4.

*par conséquent que pour des biens actuels et ne garantit pas le droit d'en acquérir par voie de succession ab intestat ou de libéralités).*<sup>60</sup>

[131] Ibyo urwo Rukiko rwasobanuye rwongeye kubishimangira mu rubanza rwa Van der Mussele aho rwavuze ko uburenganzira buriho ari bwo bwonyine burengerwa n'ingingo ya 1 y'Amasezerano numéro 1 y'inyongera ku Masezerano y'ibihugu bw'Iburayi ku burenganzira bwa muntu , ko kandi iyi ngingo itarengera icyizere cy'umuntu cyo kuzatunga ibintu (*La Cour estime que seuls les droits actuels sont garantis par l'art.1 du Protocole additionnel et que les espérances d'acquérir certains biens ne jouissent pas de protection*).<sup>61</sup>

[132] Hari igihe umutungo wo mu gihe kizaza (*revenu futur*) urengerwa n'amategeko, nko mu gihe umuntu yawutsindiye cyangwa hari ibimenyetso bigaragaza ko hari umwenda wizewe afitiwe n'abandi. Hari n'igihe amategeko arengera icyizere gifite icyo gishingiyeho (*espérance légitime*). Kugira ngo ariko inkiko zemeze ko umuntu afite uburenganzira ku mutungo bushingiye ku bimaze kuvugwa, hagomba kuba hari ibimenyetso bifatika bigaragaza nta gushidikanya ko uburenganzira afite kuri ibyo bintu bugomba kurengerwa n'amategeko. Inkiko zabisobanuye muri aya magambo: "*Un revenu futur ne peut ainsi être considéré comme un bien que s'il a déjà été gagné ou s'il fait l'objet d'une créance certaine*".<sup>62</sup> "*Pour que l'espérance soit "légitime", elle doit être plus qu'un simple espoir et se fonder sur une disposition juridique ou un acte juridique tel qu'une décision judiciaire portant sur l'intérêt patrimonial en question. Dans toute une*

<sup>60</sup> Marckx c. Belgique, arrêt du 13 juin 1979, op.cit, par.50.

<sup>61</sup> Requête n° 8919/80, Van der Mussele, (23 novembre 1983), para .48.

<sup>62</sup> Requête n° 76639/11, Denisov c. Ukraine, (25 septembre 2018), para. 137.

*série d'affaires, la Cour a jugé que les requérants n'avaient pas d'espérance légitime lorsque l'on ne pouvait considérer qu'ils possédaient de manière suffisamment établie une créance immédiatement exigible.*<sup>63</sup>

[133] Inkiko zanasobanuye ko icyo cyizere ubwacyo atari cyo gifatwa nk'umutungo ugomba kurengerwa, ko ahubwo igituma kirengerwa ari uko gishingiye ku burengazira ku mutungo umuntu afite (*L'«espérance légitime» n'était pas en elle-même constitutive d'un intérêt patrimonial; elle se rapportait à la manière dont la créance qualifiée de «valeur patrimoniale» serait traitée en droit interne*).<sup>64</sup>

[134] Ibyasobanuwe mu byemezo by'Inkiko byavuzwe haruguru bihura n'ibisobanuro bitangwa n'abahanga mu mategeko. Mariana Karadjova avuga ko umutungo ari icyo umuntu atunze. Yongeraho ko uburenganzira bwo kuzungura ari uburenganzira bushobora kuzabaho ariko umuntu atari yagira, kuko kugira ngo abugire hari ibyo agomba kuba yujuje, ko ariyo mpamvu bene ubwo burenganzira bushyirwa mu cyiciro cy'uburenganzira butari ubw'ibanze (*...Est considéré comme bien ce qui est déjà acquis. Les droits d'héritage sont plutôt potentiels. Ils ne sont pas encore acquis et dépendent d'un événement futur qui n'est pas déterminé dans le temps. La dépendance de ces droits de certaines conditions les place dans l'ordre des droits non-fondamentaux*).<sup>65</sup>

<sup>63</sup> Requête n° 44912/98, Kopecky c. Slovaquie, (28 septembre 2004), para.49.

<sup>64</sup> Requête n° 1513/03, Draon c. France, (6 octobre 2005), para. 68.

<sup>65</sup> Mariana Karadjova, la protection du droit de propriété au niveau européen et son importance pour l'harmonisation des pratiques des cours constitutionnelles, Bulgarie, p.4, para 1.

[135] Monica Carss-Frisk nawe ashimangira ko itegeko ritarengera uburenganzira butarabaho, ko ingingo ya 1 y'Umugereka wa 1 w'amasezerano ikoreshwa gusa iyo umuntu ashobora kugaragaza uburenganzira afite ku mutungo runaka atunze. Yongeraho ko iyo ngingo itarengera uburenganzira bwo kubona umutungo (*le droit d'acquérir une propriété à l'avenir n'est pas garanti. La protection de l'article 1 du Protocole n° 1 ne s'applique que lorsqu'il est possible de faire valoir un droit sur le bien concerné. L'article 1 ne protège pas le droit d'acquérir un bien*).<sup>66</sup>

[136] Ibisobanuro byatanzwe haruguru ku ihame ry'uburenganzira ku mutungo no ku burenganzira budashobora kwitiranywa n'uburenganzira ku mutungo, byumvikanisha ibintu by'ingenzi bikurikira:

- Umuntu wese afite uburenganzira ku mutungo;
- Ubwo burenganzira buzitirwa gusa n'inyungu rusange kandi hubahirijwe amategeko;
- Uburenganzira ku mutungo burengerwa n'itegeko ni ubujyanye n'ibintu biriho umuntu atunze;
- Itegeko ntirirengera uburenganzira bwo mu gihe kizaza/butarabaho;
- Uburenganzira ku izungura ubwabwo ntibufatwa nk'uburenganzira bw'ibanze ku mutungo.

---

<sup>66</sup> Carss-Frisk, Monica. The right to property: A guide to the implementation of Article 1 of Protocol n° 1 to the European Convention on Human Rights. Council of Europe, 2001.

### iii. Ku bijyanye n'uru rubanza

[137] Nk'uko byibukijwe haruguru, mu kuvuga ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryavuzwe haruguru zinyuranye n'Itegeko Nshinga, Ngendahayo Kabuye abishingira ku mpamvu y'uko asanga izo ngingo zituma uwapfakaye agira uburenganzira bwo kwikubira umutungo zikambura abandi bazungura uburenganzira bwo kuzungura.

[138] Ibikubiye muri izo ngingo nibyo bigiye gusesengurwa, bihuzwe na zimwe mu ngingo z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryamaze kuvugwa, hanarebwe igihe abazungura babobonera uburenganzira ku mutungo uba ugomba kuzungurwa, kugira ngo hasuzumwe niba koko ingingo zaregewe zinyuranyije n'ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga.

[139] Ingingo ya 8, igika cya 2, n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryibukijwe haruguru zihuriza ku kuba, iyo umwe mu bashakanye barasezeranye ivangamutungo rusange apfuye, usigaye yegukana umutungo bari basangiye. Ingingo ya 76 1° yongeraho ibindi bisobanuro bitaboneka mu ngingo ya 8, igika cya 2, aho ivuga ko uwapfakaye wegukanye umutungo asigaragana inshingano yo kurera abana yabyaranye na nyakwigendera, n'ababyawe n'uwapfuye.

[140] Ingingo ya 51 iteganya ko kuzungura ari uguhabwa uburenganzira n'inshingano ku mutungo n'imyenda by'uwapfuye. Ingingo ya 52<sup>67</sup> y'iryo Tegeko, mu byo iteganya harimo ko izungura ry'uwapfuye ritangira iyo uzungurwa amaze gupfa. icyakora, iyo ngingo iteganya ko izungura

---

<sup>67</sup> Iraza kugarukwaho nyuma ku buryo burambuye

ry'abashyingiranywe barasezeranye ivangamutungo rusange ritangira ari uko bombi bapfuye cyangwa umwe yongeye gushyingirwa keretse iyo itegeko ribiteganya ukundi.

[141] Ingingo ya 55 iteganya ko guhera ku munsu izungura ryatangiriyeho, umuzungura, yaba uzungura ku bw'irage cyangwa ku bw'itegeko yitwa umuzungura iyo abyemeye, naho ingingo ya 56<sup>68</sup> n'ya 57<sup>69</sup> zigateganya impamvu zatuma habaho kwamburwa nta mpaka uburenganzira bwo kuzungura. Inkurikizi zo kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura n'uko uwari

---

<sup>68</sup> Ingingo ya 56 iteganya ko “yamburwa nta mpaka uburenganzira bwo kuzungura, umuzungura wese: 1° wakatiwe n'inkiko kubera ko yishe abishaka cyangwa yagambiriye kwica uzungurwa; 2° wakatiwe n'inkiko kubera ko yabeshyeye cyangwa yatanzeho uzungurwa ubuhamya bw'ibinyoma bwashoboraga gutuma akatirwa n'inkiko igifungo nibura cy'amezi atandatu (6); 3° wataye nkana umwana we uzungurwa, wamugiriye igikorwa cy'urukozasoni, wamwangije imyanya ndangagitsina, wamusambanyije cyangwa wamushoye mu busambanyi. icyemezo cy'urukiko cyonyine kirahagije kugira ngo umuzungura wemewe n'itegeko wakoze kimwe mu byaha byavuzwe mu gika kibanziriza iki, avanwe mu bazungura.

<sup>69</sup> Naho iya 57 iteganya ko ashobora kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura, umuzungura wese wemewe n'itegeko cyangwa uwahawe indagano wese: 1° wacanye umubano wa kibyezi n'uwapfuye igihe yari akiriho; 2° wirengagije abigambiriye kandi yari ashoboye kwita k'uzungurwa mu gihe yari abikeneye; 3° witwaje ubushobozi buke bw'uzungurwa, ari ubwo mu mutwe cyangwa ku mubiri, akiharira igice cyangwa ibizungurwa byose; 4° warigishije nkana, wacagaguye cyangwa wangije irage rya nyuma ry'uwapfuye atabimwemereye, cyangwa wihaye uburenganzira agendeye ku irage ryavanweho cyangwa ryataye agaciro. Ufite uburenganzira bwo kuzungura wese ashobora, mu gihekitaranze umwaka umwe (1) uhaye ku munsu izungura ryatangiriyeho cyangwa ku munsu yamenyeyeho imwe muri izi mpamvu, gusaba urukiko rubifitiye ububasha kwambura uburenganzira bwo kuzungura ugomba kuzungura cyangwa ugomba guhabwa indagano, wateje imwe mu mpamvu zavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. Ikirego gitangwa muburyo bw'ibirego byihutirwa.

ubufite avanwa mu mubare w'abazungura b'uwapfuye nk'uko biteganywa n'ingingo ya 59 y'iryo tegeko.

[142] Ingingo ya 73<sup>70</sup> iteganya urutonde rw'abazungura bahoraho, naho iya 75 igaha uwapfakaye uburenganzira bwo kuzungura uwo bari barashyiringiranywe ikanasobanura uko azungura.

[143] Ingingo ya 76 (1°) nk'uko yibukijwe haruguru, iha uwapfakaye uburenganzira bwo kwegukana umutungo iyo uwo basezeranye ivangamutungo rusange apfuye, akubahiriza inshingano yo kurera abana babo n'ab'uwapfuye bemewe n'amategeko. Ibika bikurikiraho bisobanura uko bigenda iyo abashyiranywe bombi bapfuye, bari bafitanye abana cyangwa batabafite. Binasobanura uko izungura rikorwa mu gihe uwapfakaye yongeye gushaka, yaba afitanye abana n'uwapfuye cyangwa se batabafitanye, n'igihe hari abana bakomoka k'uwapfuye.

[144] Ingingo ya 83-87 ziteganya uburyo imitungo izungurwa yegeeranywa ndetse n'uburyo ibarurwa, inshingano y'inama ishinzwe iby'izungura, ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa no kwishyura imyenda ikurwa mu mutungo uzungurwa. Mu gihe abazungura bamaze kuboneka ndetse

---

<sup>70</sup> Ivuga ko mu izungura hakurikizwa urutonde rukurikira: 1° abana b'uwapfuye; 2° se na nyina b'uwapfuye; 3° abavandimwe b'uwapfuye basangiye ababyeyi bombi; 4° abavandimwe b'uwapfuye basangiye umubyeyi umwe; 5° ba sekuru na nyirakuru b'uwapfuye; 6° ba se wabo, ba nyirasenge, ba nyirarume na ba nyina wabo b'uwapfuye. Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 41 y'iri tegeko, buri rwego rw'abazungura ruzitira izindi mu rutonde rw'izungura. Abana b'uwapfuye basangiye ababyeyi bombi bazungura mu gisekuru cya se n'icya nyina, naho abana bahuje umubyeyi umwe gusa bazungura mu gisekuru cy'umubyeyi wabo gusa

n'umutungo uzungurwa wabonetse, ingingo ya 94-99 ziteganywa uburyo uwo mutungo ugabanywa.

[145] Urukiko rurasanga ibikubiye mu ngingo zavuzwe haruguru byerekana ko n'ubwo izungura muri rusange ritangira nyakwigendera akimara gupfa, ntabwo mu by'ukuri icyo gihe umutungo uzungurwa uba wari wamenyekana, abawuzungura nabo baba bataramenyekana, ndetse icyo buri muzungura azegukana nacyo kiba kitaramenyekana ku buryo atabasha kukigiraho uburenganzira busesuye (*usus, fructus na abusus*). Ni ukuvuga rero ko igihe cyose izungura ritatangira, icyo abazungura baba bafite gusa ari icyizere cy'uko mu gihe kizaza bashobora kuzagira uburenganzira ku mutungo wasizwe na nyakwigendera, bitandukanye no kuba babufite muri ako kanya.

[146] Ikindi kandi, ku bijyanye n'abashakanye barasezeranye ivangamutungo rusange, hari umwihariko itegeko ryabageneye ugereranyije n'abandi bashyingiranywe bahisemo ubundi buryo bwo gucunga umutungo bafite, kuko nk'uko byibukijwe, iyo umwe apfuye, usigaye yegukana umutungo wose, izungura rigatangira ari uko abashakanye bombi bapfuye cyangwa uwapfakaye yongeye gushyingirwa.

[147] Ikiboneka mu bisobanuro Ngendahayo Kabuye yatanze, ni uko uburenganzira ku mutungo avuga ko butubahirijwe ari ubwo abazungura ba nyakwigendera, batari uwapfakaye, bizera kuzagira mu gihe cyo kuzungura. Nyamara nk'uko byasobanuwe mu bika byabanje, uburenganzira ku mutungo bujyanye n'ikintu cyangwa ibintu umuntu afite/atunze, itegeko rikaba ritarengera uburenganzira butarabaho. Ibi bisobanuye rero ko uburenganzira bw'abazungura bumenyekana nyuma y'uko izungura ritangiye, ari nabwo hamenyekana abazungura nyakuri n'uburyo bagenda bakurikirana.

[148] Ku bireba by'umwihariko izungura ry'abashyingiranywe bari barasezeranye ivangamutungo rusange, nk'uko byibukijwe haruguru, ritangira ari uko bombi bapfuye cyangwa uwapfakaye yongeye gushyingirwa. Ibyo bivuze ko mu gihe umwe mu bashyingiranywe yapfuye, uwapfakaye akaba akiriho cyangwa atarongera gushyingirwa, nta n'umwe mu bazungura wavuga ko yari yagira uburenganzira ku mutungo burengerwa n'ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga.

[149] Uretse ibisobanuro byatanzwe haruguru, Urukiko rurasanga nta n'aho bigaragara ko ingingo zaregewe ko zinyuranyije n'Itegeko Nshinga zambura bamwe uburenganzira bwo kuzungura nk'uko Ngendahayo Kabuye abivuga, kubera ko nk'uko byagaragajwe haruguru, ingingo ya 75 y'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryibukijwe haruguru yerekana uko abazungura bo ku nzego zitandukanye bagenda bakurikirana mu kuzungura iyo igihe cy'izungura kigeze.

[150] Hashingiwe ku bimaze gusobanurwa haruguru, Urukiko rurasanga ingingo ya 8, igika cya 2 n'iya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura zitanyuranyije n'ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015.

**4. Kumenya niba ingingo ya 52, igika cya 3 n'ya 75 z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, zinyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'ya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015**

[151] Ngendahayo Kabuye avuga ko ingingo ya 52, igika cya 3 y'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura zinyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'ya 34 z'itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04/06/2003 ryavuguruwe mu 2015.

[152] Akomeza avuga ko umuryango ugizwe n'abantu benshi harimo umugabo n'umugore n'abana babakomokaho, ariko ko hashobora kubaho n'abana bavuka kuri umwe mu bashyingiranywe, hakaba n'abantu bafitanye amasano n'uwapfuye, nyamara ko abo bose itegeko ritabarengera kimwe. Asobanura ko kuba uwapfakaye ahabwa uburenganzira bwo kugumana umutungo wose nyuma y'urupfu rw'uwo bashyingiranywe, akawukoresha icyo ashaka kandi n'abandi bazungura bawukeneye, nyuma akaba umuzungura w'uwo bari barashyingiranywe, bigaragaza ko yahawe uburenganzira bw'umurengera ugereranyije n'abandi bazungura, akaba ari nabyo bikunda guteza amakimbirane mu muryango kandi ihame ari uko Leta ariyo igomba gukumira amakimbirane no kurengera umuryango. Asoza avuga ko Leta igomba guha abazungura bose uburenganzira ku mutungo wasizwe n'umubyeyi wabo aho kugira ngo wikubirwe n'uwapfakaye wenyine.

[153] Me Umulisa Kayigamba Alice umwunganira, avuga ko anenga itegeko ry'izungura kuba ryarateganyije ko iyo umwe mu

bashakanye apfuye umutungo wose wegukanwa n'uwapfakaye, akaba yawugurisha cyangwa akawukoresha ikindi ashatse cyose, mu gihe abandi bazungura badafite uburenganzira kuri uwo mutungo. Avuga kandi ko kuba mu mutungo uzungurwa haba harimo 50% y'umugore na 50% y'umugabo ariko umwe yapfa, usigaye bakamwongerera mu bagomba kuzungura 50% y'uwapfuye, bigaragaza ko uwapfakaye ahabwa uburenganzira bw'umurengera ku mutungo wa nyakwigendera ugereranyije n'abandi bazungura, akaba aribyo biteza amakimbirane mu muryango. Ashingiye kuri izo mpamvu zose, yemeza ko ingingo ya 52, igika cya 3 n'ya 75 z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryavuzwe haruguru zinyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'ya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavugururwe mu 2015.

[154] Me Kayitesi Petronille avuga ko ingingo ya 52, igika cya 3 n'ya 75 z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryavuzwe haruguru zitanyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'ya 34 z'Itegeko Nshinga kuko zitavangura abazungura cyangwa ngo ziteze amakimbirane mu muryango, ahubwo zirinda uwapfakaye kugira imibereho mibi ugereranyije n'uko yari abayeho uwo bari barashakanye akiriho, cyane cyane ko agumana inshingano zo kurera abana babo n'ab'uwapfuye bemewe n'amategeko, bakazazungura igihe giteganywa n'amategeko kigeze.

[155] Akomeza avuga ko kuba ingingo ya 75 y'Itegeko ryavuzwe haruguru iha uburenganzira uwapfakaye bwo kugira uruhare mu izungura ry'umutungo wasizwe n'uwo bari barashyingiranywe, nta kibazo biteye, ko ahubwo iyi ngingo yari ngombwa cyane kuko bitumvikanaga ukuntu uwapfakaye yahezwaga mu izungura ry'umutungo w'uwo bashakanye kandi aba yaragize uruhare mu kuwushaka, ko rero nta vangura biteza

kandi ntawe byagombye kubangamira kuko umutungo uba usanzwe ari uwe n'uwu bashyingiranywe.

[156] Me Kabibi Speciose yongeraho ko kuba uwapfakaye yagira uruhare rwo kuzungura 50% y'umutungo ntawe byagombye kubangamira, ko nta n'ivangura biteza kuko uwapfakaye nawe ari mu bafashwaga n'uwapfuye, ubwo burenganzira akaba ataragombaga kubwamburwa.

[157] Uwineza Odette na Dr Turamwishimiye Rose, bahagarariye Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda, bavuga ko ingingo ya 52, igika cya 3, y'Itegeko N° 27/2016 ryavuzwe haruguru iha uwapfakaye amahirwe aruta ay'abandi bazungura kuko ahabwa uburenganzira bwo kugumana umutungo ugomba kuzungurwa kandi itegeko ritarashyizeho umurongo wo kuwucunga, bikaba bishobora kurangira abandi bazungura babuze icyo bazungura kuko uwapfakaye atabujijwe kuwugurisha cyangwa kuwutanga. Basanga ibyo binyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'iya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04/06/2003 ryavuguruwe mu 2015. Banavuga ko kuba ingingo ya 75 y'Itegeko ryavuzwe haruguru yarahaye uwapfakaye uburenganzira bwo kuzungura mugenzi we ntaho bibangamiye ingingo z'Itegeko Nshinga zavuzwe haruguru.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[158] Mbere yo gusuzuma niba ingingo ya 52, igika cya 3 n'iya 75 zavuzwe haruguru zinyuranyije n'Itegeko Nshinga, ni ngombwa kwibutsa ko ibisobanuro byatanzwe kuri amwe mu mahame y'Itegeko Nshinga avugwa muri uru rubanza, ni ukuvuga ihame ryo kureshya imbere y'amategeko rivugwa mu

ngingo ya 15, iryo kurengera umuryango rivugwa mu ngingo ya 18 n'iryo kugira uburenganzira ku mutungo rivugwa mu ngingo ya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, bishingirwaho no mu bice bigiye gukurikira.

[159] Nk'uko byasobanuwe haruguru, ingingo ya 52, igika cya 3 y'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryamaze kuvugwa, ivuga igihe izungura ritangirira, ni ukuvuga nyuma y'urupfu rw'abashyingiranywe bombi cyangwa uwapfakaye yongeye gushaka, naho iya 75 igasobanura uburenganzira uwapfakaye afite bwo kuzungura, ndetse ikerekana uko azungura. icyo Ngendahayo Kabuye agaragaza ko atishimiye ni ukuba asanga izo ngingo ziha uwapfakaye uburenganzira bw'umurengera ugereranyije n'abandi bazungura.

[160] Ingingo zimaze kuvugwa zuzuzanya n'ingingo ya 8, igika cya 2 n'iya 76 (1°) zasuzumwe haruguru, z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryamaze kuvugwa. Mu bika bya 37- 58 by'uru rubanza, uru Rukiko rwasobanuye ko Leta, mu byemezo ifata cyangwa mu mategeko ishahiraho, ishobora gufatira ingamba zihariye ibyiciro by'abantu batandukanye zigamije kubarengera, mu gihe ifite impamvu yumvikana kandi ikurikije amategeko kandi ntibyitwe ivangura.

[161] Urukiko rurasanga impamvu yatumye uwapfakaye ahabwa uburenganzira bwo kuzungura uwo bari barashakanye nk'uko biboneka mu ngingo ya 75 y'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryavuzwe, yumvikana, ifite ireme kandi ikurikije amategeko, kuko, nk'uko isobanurampamvu y'iryo Tegeko ribigaragaza, Umushingamategeko yashatse gusiba icyuho cyari mu Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12 Ugushyingo 1999 ryuzuzza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishahiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire

y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura ryariho. Muri iryo Tegeko, ntabwo uwapfakaye yazaga mu bazungura b'uwo bari barashyingiranywe. Umushingamategeko yasanze nta kibuzo uwapfakaye kuzungura uwo bari barashyingiranywe, mu gihe bombi baba baragize uruhare mu gushaka umutungo w'urugo bari bafatanyije.

[162] Kurengera uwapfakaye no kumuha uburenganzira bwo kuzungura uwo bari barashyingiranywe, si umwihariko w'u Rwanda. Ilie Urs yavuze ko mu mateka y'Abaroma, amategeko yagiye avugururwa ku buryo uyu munsu uwapfakaye agira uburenganzira ku mitungo yasizwe n'uwo bashakanye wapfuye nk'uko biri mu ivugurura ry'amategeko y'izungura: "Nowadays, the surviving spouse has three distinctive succession rights: i) a general inheritance right, in competition with any of the classes of heirs ii) a special inheritance right over the movable goods and objects belonging to the household and over the wedding gifts; and iii) a temporary right of occupancy of the house."<sup>71</sup>

[163] Mu gihugu cya Nepal bateganyije ko uwapfakaye wari ukibana na nyakwigendera ariwe uza ku mwanya wa mbere w'abagomba kumuzungura (*The order of preference of nearest heirs for succession shall be as follows :(a) Husband or wife living in the undivided family...*).<sup>72</sup>

[164] Muri Sweden uwapfakaye afatwa nk'umuzungura wa mbere, hanyuma agakurikirwa n'abana ba nyakwigendera. Umwana ukomoka kuri umwe mu bashakanye wapfuye mbere, utari uwo yabyaranye n'uwapfakaye, niwe wenyine ufite

---

<sup>71</sup> Urs, Ilie, The inheritance rights of the surviving spouse provided by the Romanian law, *Revista de derecho*(Valparaíso) XXXII (2009): 209-220.

<sup>72</sup> Article 239, the National Civil (Code) Act, 2017 (2074).

uburenganzira bwo gusaba uruhare rwe ku izungura nyuma y'urupfu rw'umubyeyi we. Usibye mu bihe bimaze kuvugwa, uwapfakaye azungura umutungo wose wa nyakwigendera kabone n'ubwo yaba asize abana, ariko na none ntabwo aba yemerewe kuruga uwo mutungo kubera ko uba ugomba kuzazungurwa n'abazungura ba nyakwigendera, igihe uwapfakaye nawe azaba amaze gupfa (*The surviving spouse is to be regarded as a preliminary heir, the children as reversionary heirs. Only a child of the deceased who is not a child of the surviving spouse, may claim his or her share after the death of the first spouse. The spouses inherit the entire estate even where Children exist. However, he or she may not dispose of it by will as it should be passed to the heirs of the previously deceased on his or her own death*).<sup>73</sup>

[165] Abahanga mu by'amategeko bakomeza bavuga ko abana<sup>74</sup> basigarana gusa uburenganzira bwo gusaba ibibatunga, izungura rikazaba ari uko uwapfakaye nawe apfuye (*The children are only entitled to a Pecuniary claim. This Claim is only enforceable after the death of surviving spouse*).<sup>75</sup>

[166] Ibisobanuro bimaze gutangwa haruguru bigaragara ko, n'ubwo buri gihugu gihitamo uburyo bwacyo bwo gukemura

---

<sup>73</sup> Miriam Anderson and Esther Arroyo i Amayuelas, *The Law of Succession: Testamentary Freedom: European Perspectives* (Editorial CSIC - CSIC Press, 2011), p.11.

link: [https://books.google.rw/books?id=pwKY3\\_rsoVIC&printsec=frontcover&dq=Right+of+the+surviving+spouse+to+the+succession+of+the+deceased+spouse&hl=en&sa=X&redir\\_esc=y#v=onepage&q=surviving%20spouse&f=false](https://books.google.rw/books?id=pwKY3_rsoVIC&printsec=frontcover&dq=Right+of+the+surviving+spouse+to+the+succession+of+the+deceased+spouse&hl=en&sa=X&redir_esc=y#v=onepage&q=surviving%20spouse&f=false)

<sup>74</sup> Bakomoka ku babyeyi bombi.

<sup>75</sup> Miriam Anderson and Esther Arroyo i Amayuelas, *The Law of Succession: Testamentary Freedom: European Perspectives*, op.cit, p.11.

ibibazo kiba gifite, uko amategeko yagiye atera imbere, uburenganzira ku mutungo bw'uwapfakaye bwagiye burushaho gushimangirwa hagamijwe kumurinda kubaho nabi ugereranyije n'ubuzima yari asanzwe abayemo uwo bashakanye akiriho, nyamara yaragize uruhare mu gushaka umutungo yari asangiye na mugenzi we. Hanibukijwe ko inshingano z'urugo yari asanzwe afatanyije n'uwo bashyingiranywe noneho azikomeza wenyine nyuma y'uko mugenzi we apfuye.

[167] Nyuma y'ibyo bisobanuro, Urukiko rurasanga:

- a. Ku bijyanye n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko
  - Kuba Umushingamategeko yarahaye umwihariko uwapfakaye wo gusigarana umutungo wose, hanyuma yaba yongeye gushaka cyangwa se nawe apfuye akaba ari bwo izungura ritangira, nta vangura biteye. No kuba Umushingamategeko yarahaye uwapfakaye uburenganzira bwo kuzungura uwo bari barashyingiranywe, nabyo ntaho bibangamiye ihame ryo kureshya imbere y'amategeko kubera ko nk'uko byibukijwe haruguru, icyari gutera ivangura n'uko abandi bazungura baba barambuwe uburenganzira bwo kuzazungura, kandi siko bimeze mu Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryavuzwe.
- b. Ku bijyanye n'ihame ryo kurengera umuryango
  - Urukiko rurasanga nk'uko byasobanuwe mu bika bya 99-101, kuba Itegeko N° 27/2016 ryo

ku wa 08/07/2016 ryarateganyije: i) ko uwapfakaye asigarana umutungo wose, izungura rigatangira iyo yongeye gushaka cyangwa apfuye ; ii) ingano y'umutungo atemerewe gutanga cyangwa kuraga kuko uba ugenewe abazungura bazigamirwa (réserve successorale) iii) ibihano ku wapfakaye utuzuzwa inshingano yahawe zo kurera abana yasigiwe na nyakwigendera, n'ibindi, byose bigamije gukumira no kugabanya amakimbirane yajyaga avuka ashingiye ku izungura, mu rwego rwo kurengera ubumwe n'ubusugire bw'umuryango n'abawugize. Bityo rero imvugo ya Ngendahayo Kabuye y'uko ingingo zaregewe zibangamiye ihame ryo kurengera umuryango, nta shingiro ifite.

- c. Ku bijyanye n'ihame ryo kugira uburenganzira ku mutungo
- Urukiko rurasanga nk'uko byasobanuwe mu bika bya 140 na 145 by'uru rubanza, itegeko ntirirengera uburenganzira butarabaho ndetse umuntu ntashobora kwemeza ko abufite ku mutungo atarabona kubera ko ubwo burenganzira bujyanye n'ibintu umuntu atunze atari byo yizera kuzabona mu gihe kizaza.

[168] Nyuma y'ibimaze gusobanurwa haruguru, Urukiko rurasanga imvugo ya Ngendahayo Kabuye y'uko kuba umutungo uzungurwa wikubirwa n'uwapfakaye wenyine kubera ko izungura ry'abashyingiranywe ritangira ari uko bombi bapfuye

cyangwa uwapfakaye yongeye gushyingirwa, no kuba uwapfakaye yarahawe uburenganzira bwo kuzungura nyakwigendera, binyuranyije n'ihame ryo kugira uburenganzira ku mutungo, nta shingiro ifite, kuko nk'uko byasobanuwe haruguru, uburenganzira bw'abazungura busobanuka neza nyuma y'uko izungura ritangiye, ari nabwo hamenyekana abazungura nyakuri n'uburyo bazakurikirana nk'uko biteganywa n'ingingo ya 75 y'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura.

[169] Hashingiwe ku bisobanuro byose byatanzwe, Urukiko rusanga ingingo ya 52, igika cya 3 n'ya 75 z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura zitanyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'ya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015.

### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[170] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Ngendahayo Kabuye gisaba kwemeza ko ingingo ya 8, igika cya 2, iya 52 igika cya 3, iya 75 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe impano n'izungura zinyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'ya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4/06/2003 ryavuguruwe mu 2015, nta shingiro gifite.

[171] Rwemeje ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye

imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, zitanyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga.

[172] Rwemeje ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, zitanyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga.

[173] Rwemeje ko ingingo ya 8, igika cya 2 n'ya 76 (1°) z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, zitanyuranyije n'ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga.

[174] Rwemeje ko ingingo ya 52, igika cya 3 n'ya 75 z'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, zitanyuranyije n'ingingo ya 15, iya 18 n'ya 34 z'Itegeko Nshinga.

**IMANZA ZEREKERANYE  
N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA**



**URUBANZA RWEREKERANYE  
N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA  
ZASABIWE GUSUBIRISHAMO KU  
MPAMVU Z'AKARENGANE**



**SIKUBWABO v RWANDA  
DEVELOPMENT BOARD (RDB)  
N’ABANDI (ADD 1)**

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RS/INJUST/RCOM  
00007/2021/SC (Cyanzayire, PJ, Nyirinkwaya na Hitiyaremye,  
J.) 29 Mata 2022]

*Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza zasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z’akarengane – Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane – Ubujurire – Iyo urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z’akarengane ari urubanza rushingiye ku kuba Urukiko rwaranze kwakira ubujurire hirengagijwe amategeko, Urukiko ruburanisha urubanza rwasabiwe gusubirishwamo rusuzuma iyo mpamvu rwasanga ifite ishingiro rugaca urubanza rubanziriza urundi rukemeza ko hirengagijwe amategeko cyangwa kwakira ubujurire maze rukemeza ko iburanisha rikomeza hasuzumwa ingingo z’ubujurire yari yaratanze muri urwo Rukiko.*

*Amategeko agenga imiburanishirize z’imanza z’ubucuruzi – Ibarwa ry’ibihe byo gutanga ibirego bisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hashingiwe ku cyemezo cyo kugurisha ingwate cyatanzwe n’umwanditsi mukuru – Ingingo ya 260, igika cya 6, y’Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsu – Ibihe bivugwa mu gika cya 6 cy’ingingo ya 260 bireba by’umwihariko ibirego bisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hashingiwe ku cyemezo cyo kugurisha ingwate cyatanzwe n’Umwanditsi*

*Mukuru – Ibihe bivugwa mu gika cya 6 bitandukanye n'ibihe bivugwa mu gika cya 4, bijyanye no gusaba gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hadashingiwe ku cyemezo cyatanzwe n'Umwanditsi Mukuru.*

**Incamake y'ikibazo:** Mu rwego rwo kugirango hishyurwe umwenda Sikubwabo yari abereyemo Bank of Africa, Umwanditsi Mukuru muri RDB yatanze impushya zo kugurisha ingwate, abanza gutanga uruhushya rwo kugurisha umutungo ufite UPI: 1/02/09/01/844. Nyuma ya cyamunara yakozwe kuri uwo mutungo, SIKUBWABO Raphaël yatanze ikirego gifite No RCOM 01971/2017/TC/NYGE mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge asaba kuyitesha agaciro, arega Bank of Africa, hagobokeshwamo RDB na Umugiraneza wari ushinze kugurisha ingwate. Mu gihe urubanza rwari rutaracibwa, Umwanditsi Mukuru yatanze uruhushya rwo kugurisha umutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115, bituma Sikubwabo atanga ikirego cyihutirwa asaba guhagarikisha cyamunara kuri uyu mutungo. Mu rubanza No RCOMA 00793/2017/CHC/HCC rwaciye ku rwego rw'ubujurire, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko ibikorwa bijyanye na cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 bihagarara by'agateganyo, hakabanza gutegerezwa icyemezo cy'urukiko ku rubanza No RCOM 01971/2017/TC/NYGE.2

Urubanza No RCOM 01971/2017/TC/NYGE rwarangije inzira z'ubujurire ku wa 06/05/2020, hemezwa ko nta mpamvu yagaragajwe yatesha agaciro cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/09/01/844. Ku wa 08/05/2020, Sikubwabo yahise yandikira Umwanditsi Mukuru amusaba guhagarika burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 kuko hatagaragajwe umwenda watumye ikorwa; ku wa 20/05/2020 atanga ikirego mu

Rukiko rw'Ubucuruzi. Urubanza rwanditswe kuri No RCOM 00767/2020/TC, MUREGO Paulin waguze uwo mutungo muri cyamunara na Umugiraneza wari ushinzwe kuwugurisha barugobokamo ku bushake, hagobokeshwa ku gahato Bank of Africa yatanze umwenda.

Murego yatanze inzitizi asaba ko ikirego cya Sikubwabo kitakwakirwa kuko yagitanze ibihe biteganywa n'amategeko byararenze, iyo nzitizi ntiyakirwa mu rwego rwa mbere ariko mu bujurire bwa mbere n'ubwa kabiri ihabwa ishingiro. Mu rubanza N° RCOMAA 00061/2020/CA rwaciwe ku wa 18/12/2020, Urukiko rw'Ubujurire rwagumishijeho icyemezo cyari cyafashwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, rusobanura ko ikirego cyagombaga gutangwa mu minsi 15 ibazwe kuva igihe urundi rubanza No RCOM 00577/2019/TC rwemeje ingano y'umwenda rwabereye itegeko, ni ukuvuga ku wa 20/06/2019, rushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 260, igika cya kane, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets. Uru rubanza nirwo Sikubwabo yasabye ko rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Sikubwabo avuga ko ikirego cye cyatanzwe hashingiwe ku ngingo ya 260 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, kandi hakurikijwe ibyategetswe n'Urukiko mu rubanza N° RCOMA 00793/2017/HCC rwemeje ko ibikorwa bya cyamunara bihagarara hagategerezwa imikirize y'urubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE; ibyo bikaba byarashimangiwe n'urubanza N° RCOMA 01016/2019/HCC narwo rwavuze ko RDB yagombaga gutegereza urubanza N° RCOM

01971/2017/TC/NYGE, bityo iminsi yabazwe n'Urukiko rw'Ubujurire idateganyijwe n'itegeko kuko ingingo rwakoresheje ya 260, igika cya 4, iteganya ko imanza zo gutesha agaciro cyamunara arizo ziregerwa mu minsi 15 uhereye igihe cyamunara yabereyeho, ikaba idateganya ko ibirego byo guhagarikisha cyamunara birebwa n'iyi minsi 15.

Uregwa, abagobotse ku bushake n'uwagobokeshejwe ku gahato, bose bavuga ko batavuguruza icyemezo cyafashwe n'Urukiko rw'Ubujurire, kuko basanga ibihe byo gutanga ikirego bitarubahirijwe.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Iyo urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ari urubanza rushingiye ku kuba Urukiko rwaranze kwakira ubujurire hirengagijwe amategeko, Urukiko ruburanisha urubanza rwasabiwe gusubirishwamo rusuzuma iyo mpamvu rwasanga ifite ishingiro rugaca urubanza rubanziriza urundi rukemeza ko hirengagijwe amategeko hangwa kwakira ubujurire maze rukemeza ko iburanisha rikomeza hasuzumwa ingingo z'ubujurire yari yatanze muri urwo Rukiko.

2. Ingingo ya 260, igika cya 6, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu. Ibihe bivugwa mu gika cya 6 cy'ingingo ya 260 y'Itegeko rimaze kuvugwa, bireba by'umwihariko ibirego bisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hashingiwe ku cyemezo cyo kugurisha ingwate cyatanzwe n'Umwanditsi Mukuru; bikaba bitandukanye n'ibihe bivugwa mu gika cya 4, bijyanye no gusaba gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hadashingiwe ku cyemezo cyatanzwe n'Umwanditsi Mukuru..

**Ikirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu  
z'akarengane gifite ishingiro;  
Ikirego cyatanzwe kigamije guhagarikisha burundu  
cyamunara kikaba cyaragombaga kwakirwa;  
Urubanza rwaciwe, kimwe n'urwarubanjirije, zivanyweho;  
Iburanisha ry'urubanza ku ngingo z'ubujurire rizakomeza.**

**Amategeko yashingiweho:**

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye  
imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano,  
iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya  
260.

**Imanza zifashishijwe:**

Urubanza N° RS/INJUST/RC 00023/2018/SC; Ibyisi v. Kalisa  
Ribakare n'abandi rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenge ku  
wa 31/01/2020.

## **Urubanza**

### **I. IMITERERE Y'URUBANZA**

[1] Uru rubanza rukomoka ku ruhushya rwo guteza cyamunara (permit to sell N° 017-074833) umutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 rwatanzwe n'Umwanditsi Mukuru muri R.D.B ku wa 06/11/2017, kugirango hishyurwe umwenda Sikubwabo Raphaël yari abereyemo Bank of Africa. Iyo cyamunara yakurikiraga indi yakozwe ku wa 09/06/2017 ku mutungo ubaruye kuri UPI: 1/02/09/01/844 nabwo hishyurwa uwo mwenda.

[2] Nyuma y'iyi cyamunara yo ku wa 09/06/2017, Sikubwabo Raphaël yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge arusaba kuyitesha agaciro, umwenda ukishyurwa hakurikijwe ibindi biteganyijwe mu masezerano y'inguzanyo. Ikirego cyanditswe kuri N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE, uregwa ari Bank of Africa, hagobokeshwamo RDB na Umugiraneza Jean Michel wari ushinzwe kugurisha ingwate. Nyuma yo gutanga iki kirego, urubanza rutaracibwa, nibwo Sikubwabo Raphaël yahawe n'Umwanditsi Mukuru *permit to sell* N° 017-074833 yo ku wa 06/11/2017 yavuzwe haruguru, ndetse n'amabwiriza ya cyamunara, birebana n'ingwate ifite UPI: 1/02/13/03/115.

[3] Igihe iyi cyamunara ya kabiri yari itaremezwa n'Umwanditsi Mukuru, Sikubwabo Raphaël wavugaga ko atigeze amenyeshwa umwenda wari usigaye nyuma y'ubwishyu bwavuye muri cyamunara ya mbere, yahise atanga ikirego cyihutirwa asaba guhagarika by'agateganyo cyamunara ku ngwate ya kabiri irebana n'umutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115, kugirango habanze gusuzumwa ibyasabwe mu rubanza rw'iremezo. Ikirego cyanditswe kuri No RCOM 02265/2017/TC/NYGE, urubanza rucibwa ku wa 04/12/2017, Urukiko rwemeza ko nta mpamvu yo guhagarika cyamunara yari iteganyijwe ku wa 05/12/2017. Urwo rubanza rwajuririwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuri N° RCOMA 00793/2017/CHC/HCC, rucibwa ku wa 21/12/2017, hemezwa ko ibikorwa bijyanye na cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 bihagarara by'agateganyo, hakabanza gutegerezwa icyemezo cy'urukiko ku rubanza No RCOM 01971/2017/TC/NYGE.

[4] Nyuma y'icibwa y'uru rubanza N° RCOMA 00793/2017/CHC/HCC, Sikubwabo Raphaël yatanze ikirego mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, asaba guhamagaza Umwanditsi Mukuru agasobanura impamvu atarurangiza<sup>1</sup>, Murego Paulin waguze mu cyamunara yahagaritswe agasubizwa amafaranga yatanze. Ikirego cyanditswe kuri N° RCOM 00024/2019/HCC, urubanza rucibwa ku wa 04/10/2019, Urukiko rwemeza ko rudafite ububasha bwo kuburanisha bene ibyo birego kuko birebana n'imanza z'ubutegetsu. Urwo rubanza rwajuririwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuri N° RCOMA 01016/2018/HCC, rucibwa ku wa 14/02/2020, hemezwa ko ikirego cyakiriwe ariko ko ibyo Umwanditsi Mukuru yagombaga gukora mu gushyira mu bikorwa urubanza N° RCOMA 00793/2017/CHC/HCC yabikoze kuko yahagaritse by'agateganyo iyemezwa rya raporo ya cyamunara kuri UPI: 1/02/13/03/115.

[5] Urubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE (rurebana no gutesha agaciro cyamunara yabaye ku wa 09/06/2017 kuri UPI: 1/02/09/01/844) rwari rwatumye cyamunara kuri UPI: 1/02/13/03/115 ihagarikwa by'agateganyo rwaciwe ku wa 16/05/2018, hemezwa ko nta mpamvu yagaragajwe yatesha agaciro cyamunara. Urwo rubanza rwajuririwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuri N° RCOMA 00443/2018/CHC/HCC, rucibwa ku wa 14/12/2018, hemezwa ko urubanza rwajuririwe rudahindutse. Sikubwabo Raphaël yajuriye bwa kabiri mu Rukiko rw'Ubujurire kuri N° RCOMAA 00039/2019/CA, urubanza rucibwa ku wa 06/05/2020, hemezwa ko ubwo bujurire butakiriwe kuko bwatanzwe bukererewe.

---

<sup>1</sup> Yatanze ikirego ashingiye ku ngingo ya 184 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 rya CPCCSA, ivuga ku bihano bihabwa umuyobozi wanze gushyira mu bikorwa icyemezo cy'urukiko.

[6] Nyuma y'uko urubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE rurangije inzira z'ubujurire, ku wa 08/05/2020 Sikubwabo Raphaël yandikiye Umwanditsi Mukuru amusaba guhagarika burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115. Ku wa 20/05/2020, yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi, asaba guhagarika burundu cyamunara ku mutungo we ufite UPI: 1/02/13/03/115, kuko hatagaragajwe umwenda watumye ikorwa. Urubanza rwanditswe kuri N° RCOM 00767/2020/TC, Murego Paulin waguze uwo mutungo muri cyamunara na Umugiraneza Jean Michel wari ushinze kuwugurisha barugobokamo ku bushake, hagobokeshwa ku gahato Bank of Africa yatanze umwenda.

[7] Muri urwo rubanza, Sikubwabo Raphaël yatanze inzitizi asaba Urukiko kutakira ibirego by'abagobotse ku bushake kuko nta nyungu bafite. Murego Paulin nawe yatanze inzitizi asaba ko ikirego cya Sikubwabo Raphaël kitakwirwa kuko yagitanze ibihe biteganywa n'amategeko byo kuba yaregera gutesha agaciro cyamunara byararenze.

[8] Urubanza rwaciye ku wa 22/06/2020, Urukiko rwemeza ko inzitizi yatanze na Sikubwabo Raphaël nta shingiro ifite kuri Murego Paulin kuko ariwe waguze umutungo uburanwa muri cyamunara, amategeko akaba amwemerera kuba yagoboka muri urwo rubanza. Rwemeje ko inzitizi yo kutakira ukugoboka ku bushake kwa Umugiraneza Jean Michel ifite ishingiro kuko hatagaragajwe ko hari amakosa ajyanye n'imihango (*procédure*) yaba yarakozwe mu kugurisha muri cyamunara umutungo uburanwa, kandi ko nta nyungu ze bwite zibangamiwe mu rubanza. Ku bijyanye n'inzitizi yo kutakira ikirego bitewe n'uko cyatanze impitagihe, Urukiko rwemeje ko cyakirwa kigasuzumwa mu mizi. Ku bireba urubanza mu mizi, Urukiko

rwemeje ko ikirego cya SIKUBWABO Raphaël nta shingiro gifite, rutegeka ko cyamunara yakozwe ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 igumaho.

[9] Sikubwabo Raphaël yajuririye imikirize y'urubanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, urubanza rwandikwa kuri N° RCOMA 00398/2020/HCC, avuga ko yajurijwe no kuba Urukiko rw'Ubucuruzi rutarahagaritse cyamunana yavuzwe kandi hari impamvu zituma ihagarikwa. Yanasabaga Urukiko gusuzuma niba imanza N° RCOMA 00793/2017/CHC<sup>2</sup> na RCOM 01971/2017/TC/NYGE<sup>3</sup> hari ingaruka zagize kuri iyo cyamunara. Muri urwo rubanza MUREGO Paulin yatanze inzitizi agaragaza ko ikirego cyakiriwe ku rwego rwa mbere kitaragombaga kwakirwa kuko SIKUBWABO Raphaël yareze impitagihe. Umugiraneza Jean Michel yatanze ubujurire bwuririye ku bundi asaba ko hasuzumwa niba urukiko rwa mbere rutaracye urubanza ku byo rutaregewe, anasaba indishyi zinyuranye. Bank of Africa nayo yatanze ubujurire bwuririye ku bundi isaba indishyi z'ibyakoze mu rubanza ku rwego rw'ubujurire.

[10] Urubanza rwaciwe ku wa 16/07/2020, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeza ko inzitizi yatanzwe na MUREGO Paulin ifite ishingiro, ko ikirego cyatanzwe na Sikubwabo Raphaël mu Rukiko rw'Ubucuruzi kitagombaga kwakirwa ngo gisuzumwe mu mizi, kuko cyatanzwe impitagihe. Urukiko

---

<sup>2</sup> Urubanza rwemeje ko cyamunara iteganyijwe ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 ihagarara by'agateganyo hagategerezwa icyemezo kizafatwa mu rubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYG.

<sup>3</sup> Urubanza SIKUBWABO Raphaël yasabyemo gutesha agaciro cyamunara yabaye ku wa 09/06/2017 ku mutungo ufite UPI: 1/02/09/01/844, hakemezwa ko nta mpamvu yagaragaje yatuma iteshwa agaciro, mu bujurire Urukiko Rukuru rukemeza ko nta gihindutse.

rwasonanuye ko niba mu gutanga ikirego, urega yarashingiye ku byemejwe mu rubanza No RCOM 00577/2019/TC rwaciwe ku wa 20/06/2019 rukagaragaza umwenda yishyuzwaga, byumvikana ko cyamunara yari yarahagaritswe n'ianza zinyuranye yagombaga guhita ikomeza kuva igihe urwo rubanza rusomewe. Kuba rero Sikubwabo Raphaël yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi ku wa 20/05/2020, amezi 11 nyuma y'uko cyamunara yemerewe gukomeza, bigaragaza ko yatanze ikirego impitagihe, kikaba kitari gikwiye kwakirwa ngo gisuzumwe mu mizi.

[11] Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje kandi ko ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na Bank of Africa n'ubwa Umugiraneza Jean Michel bufite ishingiro, rwemeza ko urubanza N° RCOM 00767/2020/TC rwaciwe ku wa 22/06/2020 n'Urukiko rw'Ubucuruzi ruteshejwe agaciro, rutegeka Sikubwabo Raphaël guha Bank of Africa na Umugiraneza Jean Michel: 500.000 Frw y'indishyi zo gusiragizwa mu nkiko, 500.000 Frw y'igihembo cy' Avoka, 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza, yose hamwe akaba 1.300.000 Frw kuri buri wese.

[12] Sikubwabo Raphaël yajuririye imikirize y'urubanza mu Rukiko rw'Ubujurire, asaba gusuzuma niba ikirego cye cyaratanzwe impitagihe nk'uko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabyemeje, kandi urubanza N° RCOMA 00793/2017/HCC rwaciwe ku wa 21/12/2017 rwarategetse ko ibikorwa bijyanye na cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 bihagarara by'agateganyo, hakabanza gutegerezwa icyemezo cy'Urukiko ku rubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE. Mu rubanza N° RCOMAA 00061/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/12/2020, hemejwe ko ubujurire bwa Sikubwabo Raphaël

budafite shingiro, ko imikirize y'urubanza rwajuririwe idahindutse.

[13] Sikubwabo Raphaël yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urubanza N° RCOMAA 00061/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/12/2020 rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane, avuga ko mu icibwa ryarwo hirengagijwe amategeko n'ibimenyetso. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yafashe icyemezo ko urwo rubanza rwongera kuburanishwa n'Urukiko rw'Ikirenga, rwandikwa mu bitabo byabugenewe, ruhabwa No RS/INJUST/RCOM 00007/2021/SC.

[14] Iburanisha ry'urubanza ryashyizwe ku wa 14/03/2022 ribera mu ruhame, Sikubwabo Raphaël yunganiwe na Me Uwizeyimana Venuste, RDB ihagarariwe na Me Nkusi Fred, Umugiraneza Jean Michel yunganiwe na Me Matimbano Barton, Murego Paulin ahagarariwe na Me Munderere Léopold, naho Bank of Africa ihagarariwe na Me Kayiranga Cyrille.

[15] Urukiko rwabanje kubaza ababuranyi uburyo Umugiraneza Jean Michel ari mu rubanza, kandi bigaragara ko Urukiko rw'Ubucuruzi rwemeje ko nta nyungu afite yo kurugobokamo ku bushake. Nyuma yo kumva icyo buri muburanyi avuga kuri icyo kibazo, Urukiko rwasanze Umugiraneza Jean Michel agomba kuguma mu rubanza kuko ababuranyi bose bemeza ko Sikubwabo Raphaël wari waratanze inzitizi yayiretse mu bujurire n'ubwo bitagaragajwe mu rubanza.

[16] Sikubwabo Raphaël ashingira akarengane ke ku kuba harabayeho kwibeshya ku rubanza rugomba guherwaho habarwa ibihe byo gusaba guhagarika burundu cyamunara, kuko hemejwe ko urubanza rugomba guherwaho ari N° RCOM 0577/2019/TC

rwaciwe ku wa 20/06/2019 rukemeza umwenda yari abereyemo Bank of Africa<sup>4</sup>, mu gihe ibihe byagombaga kubarwa guhera igihe urubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE rwabereye itegeko nk'uko byari byemejwe mu rubanza N° RCOMA 00443/2018/CHC/HCC. Avuga kandi ko habayeho gukoresha nabi ibiteganywa n'ingingo ya 260 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, kubera ko mu gihe cyose Umwanditsi Mukuru ataremeza cyamunara yakozwe hashingiwe ku ruhushya yatanze, ishobora gusabirwa guhagarikwa, ibihe bigatangira kubarwa uhereye igihe uregwa yandikiye Umwanditsi Mukuru.

[17] Abaregwa bavuga ko ikirego cyatanzwe impitagihe, kuko cyagombaga gutangwa mu minsi 15 uhereye igihe cyamunara yabereye hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 260 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets.

[18] Nyuma yo kumva impaka ziri hagati y'ababuranyi, Urukiko rwasuzumye ibibazo bikurikira:

- Kumenya niba ikirego cyatanzwe na Sikubwabo Raphaël asaba Urukiko guhagarika burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 cyaratanzwe impitagihe;

---

<sup>4</sup> Uru ni urundi rubanza SIKUBWABO Raphaël yarezemo Bank of Africa asaba Urukiko rw'Ubucuruzi kwemeza umwenda ayibereyemo ku itariki ya 10/04/2017, ubwo iyi Banki yasabaga Umwanditsi Mukuru uburenganzira bwo kugurisha ingwate.

- Ibijyanye n'indishyi ababuranyi basaba.

## **II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO.**

- 1. Kumenya niba ikirego cya SIKUBWABO Raphaël kigamije guhagarikisha burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 cyaratanzwe impitagihe.**

[19] Sikubwabo Raphaël na Me Uwizeyimana Venuste umwunganira bavuga ko ikirego cye cyatanzwe hashingiwe ku ngingo ya 260 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, kandi hakurikijwe ibyategetswe n'Urukiko mu rubanza N° RCOMA 00793/2017/HCC rwemeje ko ibikorwa bya cyamunara bihagarara hagategerezwa imikirize y'urubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE; ibyo bikaba byarashimangiwe n'urubanza N° RCOMA 01016/2019/HCC narwo rwavuze ko RDB yagombaga gutegereza urubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE.

[20] Basobanura ko iminsi yabazwe n'Urukiko rw'Ubujurire idateganyijwe n'itegeko kuko ingingo rwakoresheje ya 260, igika cya 4, iteganya ko imanza zo gutesha agaciro cyamunara arizo ziregerwa mu minsi 15 uhereye igihe cyamunara yabereyeho, ikaba idateganya ko ibirego byo guhagarikisha cyamunara birebwa n'iyi minsi 15.

[21] Bavuga kandi ko nyuma y'aho urubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE rubereye ndakuka, Sikubwabo Raphaël

yandikiye Umwanditsi Mukuru ku wa 08/05/2020 amusaba guhagarika burundu cyamunara, uyu akaba yaragombaga gusubiza mu minsi itatu hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 260 y' Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru, ariko ntiyasubiza, ikirego gitangwa ku wa 20/05/2020; kikaba cyaratanzwe mu buryo bukurikije amategeko.

[22] Murego Paulin na Me Munderere Léopold umwunganira bavuga ko ikirego cyatanzwe impitagihe nk'uko bisobanuwe mu gika cya 17 cy'urubanza N° RCOMAA 0061/2020/CA; Urukiko rukaba rwarasobanuye ko ingingo ya 260 y' Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru, iteganya ko ikirego kigomba gutangwa mu minsi 15 uhereye igihe cyamunara yabereye. Bongeraho ko urubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE Sikubwabo Raphaël avuga ko rwagombaga gutegerezwa rwaciwe ku wa 16/05/2018, bivuze ko umunsi wa nyuma yagombye kuba yaratangiyeho ikirego ari ku wa 01/06/2018 kuko yagombaga kugitanga mu minsi 15 uhereye igihe urubanza rwaciriwe; nyamara yagitanze mu mwaka wa 2020, bikaba byumvikana ko yakererewe cyane.

[23] Umugiraneza Jean Michel na Me Matimbano Barton umwunganira bavuga ko batavuguruza icyemezo cyafashwe n'Urukiko rw'Ubujurire, ko basanga ibihe byo gutanga ikirego bitarubahirijwe.

[24] Me Nkusi Fred uhagarariye RDB avuga ko ashingiyeye ku cyemezo cy'Urukiko rw'Ubujurire mu rubanza N° RCOMAA 00061/2020/CA, asanga iki kirego kitarubahirije igihe cy'iminsi 15 iteganywa n'ingingo ya 260, igika cya 4, y' Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 yavuzwe haruguru.

[25] Me Kayiranga Cyrille uhagarariye Bank of Africa avuga ko ibihe byo gutanga ikirego byagombaga kubarwa guhera igihe cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 yabereye, ibyo bihe bikaba bitarubahirijwe hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 260 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 rimaze kuvugwa.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[26] Ingingo ya 260, igika cya 6, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu iteganya ko *guhagarika no gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hashingiwe ku cyemezo cyo kugurisha ingwate cyatanzwe n'Umwanditsi Mukuru, bisabwa Umwanditsi Mukuru. Umwanditsi Mukuru atanga igisubizo mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi. Iyo hari utishimiye igisubizo cy'Umwanditsi Mukuru cyangwa udahawe igisubizo mu gihe giteganywa muri iki gika, abitangira ikirego mu rukiko rw'ubucuruzi hakurikijwe ibivugwa muri iyi ngingo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yamenyeye icyo gisubizo.*

[27] Ibivugwa muri iki gika cya 6 cy'ingingo ya 260 y'Itegeko rimaze kuvugwa, bireba by'umwihariko ibirego bisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hashingiwe ku cyemezo cyo kugurisha ingwate cyatanzwe n'Umwanditsi Mukuru; ibihe bivugwamo bikaba bitandukanye n'ibihe by'iminsi 15 byashingiweho n'Inkiko

zabanje bivugwa mu gika cya 4<sup>5</sup> cy'ingingo ya 260 yavuzwe haruguru, byo bikaba bijyanye no gusaba gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hadashingiwe ku cyemezo cyatanzwe n'Umwanditsi Mukuru.

[28] Dosiye y'uru rubanza igaragaza ko ikirego cyatanzwe na Sikubwabo Raphaël, kijyanye no guhagarikisha burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115, hashingiwe ku ruhushya rwo guteza cyamunara (*permit to sell* N° 017-074833) rwatanzwe n'Umwanditsi Mukuru muri RDB ku wa 06/11/2017. Bivuga rero ko ibihe bigomba gushingirwaho mu gusuzuma niba ikirego cyaratanzwe impitagihe, ari ibivugwa mu gika cya 6 cy'ingingo ya 260 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru. Ku bijyanye n'aho guhera ibyo bihe bibarwa, ni ngombwa kubanza kwibutsa ibyemezo byafashwe muri zimwe mu manza zavuzwe mu gice kirebana n'imiterere.

[29] Mbere yo gusaba guhagarika burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI:1/02/13/03/115, SIKUBWABO Raphaël yabanje gutanga ikirego cyihutirwa asaba guhagarika by'agateganyo cyamunara kuri uwo mutungo, kugirango hazabanze gufatwa umwanzuro ku kindi kirego N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE yari yatanze asaba gutesha agaciro cyamunara yakozwe mbere ku mutungo ufite UPI: 1/02/09/01/844, bityo bimufashe kumenya umwenda yaba asigaje kwishyura nyuma y'iyo cyamunara ya mbere mu gihe itateshwa agaciro.

---

<sup>5</sup> Iki gika cya 4 Urukiko rw'Uburundi rwavuze ko ari igika cya 5, ariko bigaragara ko habaye kwibeshya. Giteganywa ko *ikirego gisaba gutesha agaciro cyamunara gitangwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uherye umunsi cyamunara yabereyeho.*

[30] Mu rubanza N° RCOMA 00793/2017/CHC/HCC rwaciwe ku wa 21/12/2017, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko ibikorwa bijyanye na cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 bihagarara by'agateganyo, hakabanza gutegerezwa icyemezo cy'urukiko ku rubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE rwavuzwe haruguru. Uru rubanza rwaciwe ku wa 16/05/2018, hemezwa ko nta mpamvu yo gutesha agaciro cyamunara ya mbere ku mutungo ufite UPI: 1/02/09/01/844, iki cyemezo kiba ndakuka nyuma y'urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 06/05/2020.

[31] Nyuma y'uko urubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE rwari rwatumye cyamunara kuri UPI: 1/02/13/03/115 ihagarikwa by'agateganyo rubaye ndakuka, Sikubwabo Raphaël yandikiye Umwanditsi Mukuru ku wa 08/05/2020 amusaba guhagarika burundu cyamunara yari yarahagaritswe by'agateganyo.

[32] Hashingiwe ku biteganywa mu gika cya 6 cy'ingingo ya 260 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru, Sikubwabo Raphaël yari afite igihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi cyo gutegereza igisubizo cy'Umwanditsi Mukuru, icyo gihe kikaba cyarangiye ku wa 13/05/2020. Mu gihe nta gisubizo yahawe, yari afite iminsi itanu (5) y'akazi yo gutanga ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi, itangira kubarwa guhera ku wa 14/05/2020, bivuze ko umunsi wa nyuma yari afite wo gutanga ikirego wari ku wa 20/05/2020, ari nabwo yagitanze.

[33] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga ikirego cya Sikubwabo Raphaël kigamije guhagarikisha burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 kitaratanzwe impitagihe kuko yubahirije ibihe biteganywa n'ingingo ya 260, igika cya 6, y'Itegeko N° 22/2018

ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets. Kubera iyo mpamvu, Urukiko rurasanga urubanza N° RCOMAA 00061/2020/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/12/2020, kimwe n'urwarubanjirije N° RCOMA 00398/2020/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 16/07/2020, zigomba kuvanwaho. Ni ukuvuga ko hagumaho urubanza N° RCOM 00767/2020/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 22/06/2020, hagakurikiraho gusuzuma ubujurire bwari bwashyikirijwe Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku bireba imizi y'urwo rubanza.

[34] Ku bijyanye n'urukiko rwasuzuma ubujurire bwari bwakozwe ku rubanza N° RCOM 00767/2020/TC, Urukiko rusanga iyo ikibazo cyagejwe kuri uru rwego kiza kuba cyaraje nk'ubujurire, hari gushingirwa ku ngingo ya 158, igika cya 2, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets iteganya ko *iyu urukiko rwajuririwe rusanze urubanza rwari rwaregewe mu buryo bukurikije amategeko nyamara urukiko rwaruciye ku rwego rubanza rukavuga ko rutakiriwe kandi rwaragombaga kwakirwa, urukiko rwajuririwe rurwakira, rukagaragaza ko rwagombaga kwakirwa ku rwego rwa mbere, rukarutesha agaciro, rukarusubiza urukiko rwari rwaruciye kugira ngo ruruburanishe mu mizi.* Ni ukuvuga ko urubanza rwari gusubizwa Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kugirango ruburanishe mu mizi ubujurire rwari rwashyikirijwe.

[35] Nyamara ariko, urubanza ntirwageze muri uru Rukiko mu rwego rw'ubujurire, ahubwo rwaje mu rwego rw'akarengane. Iyi nzira yo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane ishyingirwaho, igitekerezo cy'Umushingamategeko cyari uko

urukiko rwaregewe biciye muri iyo nzira, rukemura ibibazo byose biri mu rubanza umuburanyi yarugejejeho, aho kugirango rukemure igice kimwe, ikindi gisubire mu nkiko ziri hasi yarwo, bitume habaho imanza zishobora kuzongera kugaruka mu karengane kandi byashobokaga ko ibibazo birangirizwa rimwe n'urukiko ruri ku rwego rwo hejuru. Iki gitekerezo nicyo kigaragara mu rubanza N° RS/INJUST/RC 00023/2018/SC rwaciye n'uru Rukiko ku wa 31/01/2020, Ibyisi Augustin yaregagamo Kalisa Ribakare Didier na Mukantabana Clémentine<sup>6</sup>. Ni Ukuvuga rero ko uru Rukiko arirwo ruzasuzuma ingingo z'ubujurire Sikubwabo Raphaël yari yashyikirije Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi.

[36] Ku bijyanye n'indishyi ababuranyi basaba, Urukiko rurasanga zitasuzumwa ubu kuko urubanza ruzakomeza kuburanishwa, zikaba zizasuzumirwa hamwe n'ikirego cy'ubujurire SIKUBWABO Raphaël yari yashyikirije Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi.

### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[37] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Sikubwabo Raphaël cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza No RCOMAA 00061/2020/CA, rwaciye n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/12/2020, gifite ishingiro;

[38] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Sikubwabo Raphaël mu Rukiko rw'Ubucuruzi kigamije guhagarikisha burundu

---

<sup>6</sup> Urubanza N° RS/INJUST/RC 00023/2018/SC rwaciye n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 31/01/2020, para 31-32.

cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 cyatanzwe mu gihe giteganywa n'amategeko, kikaba cyaragombaga kwakirwa;

[39] Rwemeje ko urubanza No RCOMAA 00061/2020/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/12/2020, kimwe n'urwarubanjirije N° RCOMA 00398/2020/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 16/07/2020, zivanyweho;

[40] Rwemeje ko iburanisha ry'urubanza ku ngingo z'ubujurire Sikubwabo Raphaël yari yashyikirije Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rizakomeza ku munsu Ubwanditsi bw'Urukiko buzamenyesha ababuranyi.

## **UBUSHINJACYAHA v MAGARA N'ABANDI**

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RP  
00001/2020/SC (Ntezilyayo, P.J, Cyanzayire, Hitiyaremye,  
Rukundakuvuga na Muhumuza, J.) 18 Mutarama 2021]

*Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Uwemerewe gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane. – Inzira y'akarengane ni inzira idasanzwe yemerewe umuburanyi warenganyijwe ku buryo bugaragarira buri wese, abisabye mu buryo no mu nzira biteganywa n'amategeko, byemejwe n'inzego zibifitiye ububasha zimaze kubisuzuma, binyuranye nibikorwa muzindi nzira z'ubujurire. Ababuranyi bataciye muri izo nzira ntibashobora guhabwa uburenganzira bwo kuririra ku isubirwamo ryasabwe n'abandi rikemerwa, ngo bagire ibyo basaba ko bihinduka ku rubanza batasabye ko rusubirwamo kuko ubwo burenganzira baba barabwibujije.*

*Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Guhindura icyemezo cyafatiwe abatarasabye gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane. – icyemezo cyafatiwe abatarasabye gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane, bakuririra ku busabe bw'abandi, gishobora guhinduka gusa iyo urukiko rusanze hari ubusobekerane ku byerekeye imikorere y'icyaha bahuriyeho n'abasabye gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane, ku buryo icyemezo cyafatirwa abareze cyabagiraho ingaruka mu buryo bubafitiye inyungu.*

*Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Ihinduka ry'icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga – Kuba Perezida yemeje ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu*

*z'akarengane, ntibibuza inteko iburanisha gusuzuma ibibazo bidasanzwe, byumvikana nk'ibibazo ndemyagihugu, ikabifataho icyemezo.*

*Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Imbibi z'ikiburanwa –Imbibi z'ikiburanwa mu rubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, zigenwa n'icyaburanywe mu rwego rwa mbere, icyaburanywe mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, n'imyanzuro y'abasabye ko urubanza rusubirwamo bamaze kubyemererwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga*

**Incamake y'ikibazo:** Ubushinjacyaha bwareze mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo Karake wari Umuyobozi w'inama y'ubutegetsi w'Ikigo cy'ubwishingizi SONARWA, Mawadza wari Umuyobozi Mukuru wa SONARWA, Bamiika wari Technical Director, Magara Na Kamanzi bagiye basimburana ku mwanya wa Commercial Director na Nzaramba wari Director of Planning and Policy muri Minisiteri y'ibikorwa remezo, bubakurikiranyeho ibyaha bifitanye isano no kunyereza umutungo, gutanga cyangwa kwakira indonke kugira ngo hakorwe ibinyuranyije n'amategeko no kwandika inyandiko zivuga ibintu uko bitari. Urukiko rwaciye urubanza rwemeza ko Bamiika na Magara bahamwa n'icyaha cyo kunyereza umutungo, icyaha cyo gutanga ruswa n'icyaha cyo kwandika inyandiko zitavuga ukuri, rubahanisha igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000 kuri buri wese; Karake ahamwa n'icyaha cyo kwakira ruswa n'icyaha cyo kunyereza umutungo, rumuhanisha igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000; Mawadza ahamwa n'icyaha cyo kunyereza umutungo n'icyaha cyo kwemeza inyandiko zitavugisha ukuri rumuhanisha igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000;

Nzaramba ahamwa n'icyaha cyo kwakira ruswa, rumuhanisha igifungo cy'imyaka itanu n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000; Kamanzi ahamwa n'icyaha cyo kunyereza umutungo n'icyaha cyo kwandika inyandiko zitavugisha ukuri, rumuhanisha igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000. Runategeka Bamiika, Mawazda, Kamanzi, Karake na Magara gufatanya kwishyura amafaranga yanyerejwe muri Sonarwa.

Bamiika, Mawazda, Kamanzi, Karake na Magara ntibishimiye imikirize y'urubanza, bajuririra Urukiko Rukuru. Urukiko rwemza ko ubwo bujurire ntashingiro bufite, ruhindura urubanza rwajuririwe gusa ku bijyanye n'igihano cy'igifungo cyahanishijwe buri wese mu baregwa.

Kamanzi na Magara basubirishijemo urwo rubanza ingingo nshya, Urukiko rwemeza ko ikirego cyabo ntashingiro gifite.

Kamanzi na Magara ntibishimiye icyo cyemezo bandikira Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire basaba ko urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire abasubiza ko nta mpamvu iteganywa n'itegeko yatuma urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Na none Kamanzi na Magara ntibanyuzwe nicyo gisubizo bandikira Urwego rw'Umuvunyi bavuga ko muguca urubanza Urukiko Rukuru rwirengagije amategeko bigatuma barengana. Urwego rw'Umuvunyi rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Peerezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urwo rubanza rusubirwamo n'Urukiko rw'Ikirenga.

Ku muni w'iburanisha uhagarariye Ubushinjacyaha yatanze inzitizi ijyanye no kutakira ubusabe bwa Bamiika, Karake, Mawazda na Nzaramba bwo gusuzuma akarengane ku bibareba

kuko batigeze basaba ko imanza batsinzwe zisubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Abo Ubushinjacyaha kwasabye ko gusubirishamo ku mpamvu z'akarenga ikirego cyabo kitakwagirwa, bavuze ko inzitizi Ubushinjacyaha bwatanze ntashingiro ifite, Bavuga ko hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko, n'ubwo batasabye ko urubanza batsinzwe rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, itegeko ribaha uburenganzira bwo kuririra ku busabe bw'ababisabye. Bavuga ko iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane rugomba kuburanishwa mu mizi, ko kandi urubanza rugomba gusubirwamo bundi bushya, rugasa n'aho rutangiye ku rwego rwa mbere, bityo abarubayemo ababuranyi bagasubirana uburenganzira bari bafite icyo gihe. Basoza bavuga ko basanga ari uburenganzira bwabo kuririra ku busaba bwabasubirishijemo ku mpamvu z'akarengane nabo bagasaba kurenganurwa ngo nk'uko byatanzweho umurongo mu rubanza rwaciye n'Urukiko rw'Ikirenga

Kamanzi na Magara bashyigikiye ibyavuzwe n'Ubushinjacyaha bavuga ko abataranyuze mu nzira ziteganywa n'amategeko ngo basabe ko urubanza rwabo rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane badashobora kuririra ku busabe bw'abandi, ko bo bishimiye icyemezo cyafashwe.

**Incamake y' icyemezo:** 1. Inzira y'akarengane ni inzira idasanzwe yemerewe umuburanyi warenganyijwe ku buryo bugaragarira buri wese, abisabye mu buryo no mu nzira biteganywa n'amategeko, byemejwe n'inzego zibifitiye ububasha zimaze kubisuzuma, binyuranye nibikorwa muzindi nzira z'ubujurire. Ababuranyi bataciye muri izo nzira ntibashobora guhabwa uburenganzira bwo kuririra ku

isubirwamo ryasabwe n'abandi rikemerwa, ngo bagire ibyo basaba ko bihinduka ku rubanza batasabye ko rusubirwamo kuko ubwo burenganzira baba barabwibujije, bityo Bamiika, Karake, Mawazda na Nzaramba bakaba abatemerewe kurirakwisubirishamo ryasabwe n'abandi.

2. icyemezo cyafatiwe abatarasabye gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, bakuririra ku busabe bw'abandi, gishobora guhinduka gusa iyo urukiko rusanze hari ubusobekerane ku byerekeye imikorere y'icyaha bahuriyeho n'abasabye gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane, ku buryo icyemezo cyafatirwa abareze cyabagiraho ingaruka mu buryo bubafitiye inyungu, bityo ubusabe bwa Bamiika, Karake, Mawazda na Nzaramba bukaba butakwakirwa keretse gusa igihe Urukiko ruzasanga hari ubusobekerane bw'ibiburanwa.

3. Kuba Perezida yemeje ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ntibibuza inteko iburanisha gusuzuma ibibazo bidasanze, byumvikana nk'ibibazo ndemyagihugu, ikabifataho icyemezo, bityo impaka zishingiye ku kumenya uburenganzira mu rubanza bw' abatarasabye gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, zikaba zitari impamvu zidasanzwe.

4. Iimbibi z'ikiburanwa mu rubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, zigenwa n'icyaburanywe mu rwego rwa mbere, icyaburanywe mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, n'imyanzuro y'abasabye ko urubanza rusubirwamo bamaze kubyemererwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, bityo ibyo Bamiika, Karake, Mawazda na Nzaramba bashingiraho ubusabe bwabo bikaba ari nta shingiro bifite.

**Inzitizi yatanzwe ifite ishingiro,  
Iburanisha mu mizi ry'urubanza rizakomeza.**

**Amategeko yashyngiweho:**

Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 190.

Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 29/04/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo za 54 kugeza kuya 63.

**Imanza zifashishijwe**

RS/INJUST/RC 00024/2018/SC; Ngizweninshuti v Muhima Giovanni, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/02/2020.

RS/INJUST/RC 00022/2018/SC; Busoro v Busoro rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/6/2019.

RS/INJUST/RP 00004/2018/SC; Ubushinjacyaha v Mbarushimana n'abandi rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 28/02/2019 Urubanza

## Urubanza

### I. IMITERERE Y'IKIBAZO

[1] Ubushinjacyaha bwagaragaje ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2013/2014, Sonarwa yashakishije uburyo bwose yahabwa isoko ry'ubwishingizi bw'ibinyabiziga bya Leta ryatanzwe na Mininfra kuko hari hashize igihe iryo soko ritsindirwa na Cogear. Ubushinjacyaha bwagaragaje ko buri mwaka uko Minisiteri y'ibikorwa remezo (MININFRA) yishyuraga facture y'ubwo bwishingizi, abakozi ba SONARWA nabo bateguraga sheki yo kubikuzza amafaranga ya komisiyo yo kwishyura uwabafashije kubona iryo soko, zanditseho amazina ya Rutagwabira Barnabas cyangwa Mbabazi Gerard bari aba

agents ba SONARWA, kandi ntacyo bayifashije mu kubona iryo soko kubera ko ryatanzwe binyuze mu ipiganwa risesuye (*open tender*).

[2] Ubushinjacyaha bwagaragaje ko mbere y'uko sheki ibikuzwa hakorwaga inyandiko isaba ayo mafaranga, yandikirwaga Umuyobozi Mukuru, yamara gushyirwaho umukono n'abo bireba bose, hagakorwa sheki, ikandikwaho amazina ya Mbabazi Gerard cyangwa Rutagwabira Barnabas nk'abahawe ayo mafaranga, nabo bagasinya kuri izo sheki ko bayakiriye. Nyuma yo kuyabikuza, buri wese yahabwaga 15.000Frw, asigaye akoherezwa Nzaramba Stevenson kugira ngo nawe ayagabane n'abo bafatanyije gutanga iryo soko, asagutse abakozi ba SONARWA nabo bakayagabana.

[3] Ubushinjacyaha bwareze mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo Karake Mutsinzi Charles wari Umuyobozi w'inama y'ubutegetsi w'Ikigo cy'ubwishingizi SONARWA (*Chairman wa Board*), Mawadza Nhamo wari Umuyobozi Mukuru wa SONARWA (*Managing Director*), Bamiika Rumanyika Herbert (*Technical Director*), Magara Gahakwa John na Kamanzi Charlotte bagiye basimburana ku mwanya wa Commercial Director na Nzaramba Stevenson wari *Director of Planning and Policy* muri Minisiteri y'ibikorwa remezo (MININFRA), bubakurikiranyeho ibyaha bifitanye isano no kunyereza umutungo, gutanga cyangwa kwakira indonke kugira ngo hakorwe ibinyuranyije n'amategeko no kwandika inyandiko zivuga ibintu uko bitari.

[4] Kamanzi Charlotte yarezwe icyaha cyo kwandika abizi inyandiko zivuga ibintu uko bitari n'icyaha cy'ubufatanyacyaha mu cyaha cyo kunyereza umutungo w'Ikigo, Karake Mutsinzi Charles aregwa ubufatanyacyaha mu gutanga impano kugira ngo

hakorwe ibinyuranyije n'amategeko n' ubufatanyacyaha mu kunyereza umutungo w'ikigo. Bamiika Rumanyika Herbert, Mawadza Nhamo na Magara Gahakwa John bo barezwe icyaha cyo kwandika babizi inyandiko ivuga ibintu uko bitari, icyaha cyo gutanga indonke kugira ngo hakorwe ibinyuranyije n'amategeko, n'ubufatanyacyaha mu kunyereza umutungo.

[5] Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, mu rubanza RP 00538/2016/TGI/GSBO rwo ku wa 30/06/2017, rwemeje ko:

- a. Bamiika Rumanyika Herbert na Magara Gahakwa John bahamwa n'icyaha cyo kunyereza umutungo, icyaha cyo gutanga ruswa n'icyaha cyo kwandika inyandiko zitavuga ukuri, rubahanisha igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000 kuri buri wese;
- b. Karake Mutsinzi Charles ahamwa n'icyaha cyo kwakira ruswa n'icyaha cyo kunyereza umutungo, rumuhanisha igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000;
- c. Mawadza Nhamo ahamwa n'icyaha cyo kunyereza umutungo n'icyaha cyo kwemeza inyandiko zitavugisha ukuri rumuhanisha igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000;
- d. Nzaramba Stevenson ahamwa n'icyaha cyo kwakira ruswa, rumuhanisha igifungo cy'imyaka itanu n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000;
- e. Kamanzi Charlotte ahamwa n'icyaha cyo kunyereza umutungo n'icyaha cyo kwandika inyandiko zitavugisha ukuri, rumuhanisha

igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000.

[6] Mutsinzi Charles, Kamanzi Charlotte na Magara Gahakwa John gufatanya kwishyura amafaranga yanyerejwe muri SONARWA angana na 163.843.336 Frw. Rutegeka kandi ko Mbabazi Gerard na Rutagwabira Barnabas bahita barekurwa kuko badahamwa n'ibyaha bashinjwaga.

[7] Bamiika Rumanyika Herbert, Mawadza Nhamo, Karake Mutsinzi Charles, Kamanzi Charlotte na Magara Gahakwa John ntibishimiye imikirize y'urwo rubanza, barujuririra mu Rukiko Rukuru, ubujurire bwabo bwandikwa kuri RPA 00669/2017/HC/KIG, RPA 00680/2017/HC/KIG, RPA 00684/2017/HC/KIG, RPA 00685/2017/HC/KIG, RPA 00686/2017/HC/KIG, RPA 00745/2017/HC/KIG.

[8] Ubujurire bwabo bwashyizwe mu rubanza rumwe, ku wa 27/04/2018, Urukiko Rukuru rwemeza ko ubwo bujuriye nta shingiro bufite, ruhindura urubanza rwajuririwe gusa ku bijyanye n'igihano cy'igifungo cyahanishijwe buri wese mu baregwa. Rwahanishije:

- a. Bamiika Rumanyika Herbert, Nzaramba Stevenson igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000 kuri buri wese;
- b. Magara Gahakwa John, Mawadza Nhamo, Kamanzi Charlotte na Karake Mutsinzi Charles igifungo cy'imyaka 3 gisubitse mu gihe cy'umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000 kuri buri wese.

Rwategetse Bamiika Rumanyika Herbert, Mawadza Nhamo, Karake Mutsinzi Charles, Kamanzi Charlotte na Magara Gahakwa John gufatanya kwishyura amafaranga yanyerejwe muri SONARWA angana na 163.843.336Frw.

[9] Kamanzi Charlotte na Magara Gahakwa John basubirishijemo urwo rubanza ingingo nshya, ikirego cyandikwa kuri RPA 00658/2018/HC/KIG, RPA 00661/2018/HC/KIG, Urukiko rwemeza ko ikirego cyabo kitakiriwe.

[10] Kamanzi Charlotte na Magara Gahakwa John ntibishimiye icyo cyemezo cyafashwe n'Urukiko Rukuru, bandikira Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, basaba ko urubanza RPA 00658-00661/2018/HC/KIG na RPA 00669/2017/HC/KIG -RPA 00680/2017/HC/KIG - RPA 00684/2017/HC/KIG-RPA00685/2017/HC/KIGRPA00686/2017/HC/KIGRPA00745/2017/HC/KIG rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ariko nyuma yo gusuzuma ubwo busabe, abasubiza ko nta mpamvu iteganywa n'itegeko yatuma urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

[11] Kamanzi Charlotte na Magara Gahakwa John ntibanyuzwe n'icyo gisubizo, bandikira Urwego rw'Umuvunyi bavuga ko mu guca urubanza RPA 00669/2017/HC/KIG - RPA 00680/2017/HC/KIG - RPA 00684/2017/HC/KIG -RPA 00685/2017/HC/KIG - RPA 00686/2017/HC/KIG-RPA 00745/2017/HC/KIG, Urukiko Rukuru rwirengagije amategeko, bigatuma barengana.

[12] Urwego rw'Umuvunyi nyuma yo gusuzuma ubusabe bwabo, rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/09/2020 rumusaba ko urubanza RPA 00669/2017/HC/KIG - RPA 00680/2017/HC/KIG - RPA 00684/2017/HC/KIG-RPA

00685/2017/HC/KIG - RPA 00686/2017/HC/KIG - RPA 00745/2017/HC/KIG rwasubirwamo ku mpamvu y'akarengane.

[13] Ku wa 28/09/2020, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ashingiye kuri raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko, yemeje ko urwo rubanza rusubirwamo; rwandikwa kuri numero RS/INJUST/RP 00001/2020/SC.

[14] Urubanza rwahamagawe ku wa 26/10/2020, ntirwaburanishwa kubera ko Nzaramba Stevenson, yari yanditse agaragaza impamvu adashobora kwitaba, bituma iburanisha ryimurirwa ku wa 03/11/2020, nabwo ntirwaburanishwa kubera ko Bamiika Rumanyika Herbert yari arwaye, Urukiko rwemeza ko Ubwanditsi bw'Urukiko buzamenyesha indi tariki y'iburanisha.

[15] Iburanisha ryashyizwe ku wa 03/12/2020, uwo muni ugeze ruburanishwa mu ruhame, Kamanzi Charlotte yunganiwe na Me Musore Gakunzi Valery na Me Asimwe Frank, Magara Gahakwa John yunganiwe na Me Uwizeyimana Jean Baptiste na Me Bugingo John Bosco, Bamiika Rumanyika Herbert ari muri gereza hakoreshejwe ikoranabuhanga, yunganiwe na Me Gashagaza Philbert na Me Nyirangirimana Astérie, Karake Mutsinzi Charles yunganiwe na Me Rutabingwa Athanase, Mawadza Nhamo ahagarariwe<sup>1</sup> na Me Bandora Alfred, Nzaramba Stevenson ari muri gereza hakoreshejwe ikoranabuhanga, yunganiwe na Me Kanyambo Diogène na Me Rutabingwa Athanase naho Ubushinjacyaha buhagarariwe n'Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu Uwombonye Hirwa Sudi.

---

<sup>1</sup> Mawadza Nhamo yasabye ko ahagararirwa aho kunganirwa, Urukiko rumaze kusuzuma impamvu yatanze rugasanga zifite ishingiro rurabimwemerera

[16] Ku ikubitiro, Ubushinjacyaha bwatanze inzitizi ijyanye no kutakira ubusabe bwa Bamiika Rumanyika Herbert, Karake Mutsinzi Charles, Mawadza Nhamo na Nzaramba Stevenson bwo gusuzuma akarengane ku bibareba kuko batigeze basaba ko imanza batsinzwe zisubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

[17] Bamiika Rumanyika Herbert, Karake Mutsinzi Charles, na Nzaramba Stevenson n'abunganizi babo, ndetse n'uhagarariye Mawadza Nhamo, bavuze ko iyo nzitizi nta shingiro ifite bashingiye ku ngingo ya 63 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 29/04/2018 rigena ububasha bw'inkiko, iteganya ko iyo Urukiko rw'Ikirenga cyangwa urundi rukiko Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akena rushyikirijwe urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, rurusuzuma mu mizi bundi bushya abarubayemo ababuranyi bose bahamagajwe. Bavuga ko hakurikijwe ibiteganywa n'iyi ngingo, n'ubwo batasabye ko urubanza batsinzwe rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, itegeko ribaha uburenganzira bwo kuririra ku busabe bw'ababisabye.

[18] Kamanzi Charlotte, Magara Gahakwa John n'ababunganira bunze mu byavuzwe n'Ubushinjacyaha bavuga ko abataranyuze mu nzira ziteganywa n'amategeko ngo basabe ko urubanza rwabo rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane badashobora kuririra ku busabe bw'abandi, ko bo bishimiye icyemezo cyafashwe.

## II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

### 1. Kumenya niba abatarasabye ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu y'akarengane bashobora kuririra ku busabe bw'abandi bakagira ibyo basaba urukiko ku bibareba

[19] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko abari mu rubanza rumwe na Magara Gahakwa John na Kamanzi Charlotte, batakuririra ku busabe bwabo kuko batigeze bagaragaza ko barenganye hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 55 igika cya 2 y'Itegeko ryavuzwe haruguru, bakaba batarakurikije inzira amategeko ateganya kugirango barenganurwe, bityo bakaba barivukije uburenganzira bwo gusaba ko urubanza rwabo rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

[20] Uhagarariye Ubushinjacyaha yasobanuye ko asanga mu mikirize y'urubanza rwahamije ibyaha Nzaramba Stevenson, Bamiika Rumanyika Herbert, Mawadza Nhamo na Karake Mutsinzi Charles, nta karengane kabayemo ku bibareba, ko ariko Urukiko rusanze ari ngombwa bakwumvwa gusa kubyo rwabakeneraho badafaswe nk'ababuranyi.

[21] Me Busingo John Bosco, Me Uwizeyimana Jean Baptiste na Magara Gahakwa John bunganira bunze mu byavuzwe n'Ubushinjacyaha, bavuga ko abasaba kuririra ku busabe bw'abandi nta nyungu bafite mu rubanza, kuko inyungu y'umuburanyi mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ireberwa mu ngingo ya 55 y'Itegeko n° 30/2018 ryavuzwe haruguru, ikagaragazwa no gutanga ikirego mu gihe giteganywa n'ingingo ya 56 y'iryo Tegeko; ko rero Urukiko rwemeje gusuzuma akarengane ku baburanyi batabisabye rwaba

runyuranyije n'izo ngingo. Me Bugingo John Bosco na Me Uwizeyimana Jean Baptiste basanga igituma ababuranyi bose bahamagazwa, ari mu nyungu z'ubutabera kugirango bafashe Urukiko kugera ku kuri.

[22] Me Asiiimwe Frank na Me Musore Gakunzi Valérie bunganira Kamanzi Charlotte bavuga ko kuba Nzaramba Stevenson na bagenzi be batarasabye ko urubanza rwabo rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ari uko bari barishimiye icyemezo bafatiwe. Basobanura ko icyo Umushingamategeko yashatse kumvikanisha mu ngingo ya 63 y'Itegeko n° 30/2018 atari ukugira ngo urubanza rusubirwemo ku mpamvu z'akarengane ku babisabye n'abatarabisabye, ko ahubwo ababayemo ababuranyi bahamagazwa hagamijwe gushaka ukuri ku kibazo Urukiko rwashyikirijwe.

[23] Kamanzi Charlotte we avuga ko hari inzira ziteganywa n'amategeko yanyuzemo asaba ko urubanza rwe rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, akaba asanga ingingo ya 63 y'Itegeko N° 30/2018 ikoreshwa iyo hari abatangiye izo nzira bakabyemererwa, akaba aribwo abarubayemo ababuranyi bose bahamagarwa bagahabwa ijambo, ko rero Nzaramba Stevenson na bagenzi be bagombaga gukurikiza uburyo buteganyijwe n'amategeko mu gusaba ko urubanza rusubirwamo ku bibareba.

[24] Me Gashagaza Philbert na Me Nyirangirimana Astérie bunganira Bamiika Rumanyika Herbert, bavuga ko iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ategutse ko urubanza rusubirwamo, rusubirwamo rwose, ababayemo ababuranyi bose bahamagajwe, akaba ariyo mpamvu Bamiika Rumanyika Herbert nawe yahamagajwe nk'uregwa mu rubanza. Basanga rero nk'uko biteganywa mu ngingo ya 63 y'Itegeko N° 30/2018 ryavuzwe haruguru, urubanza rugomba kuburanishwa bundi bushya,

akarengane Bamiika Rumanyika Herbert yagiriwe kagasuzumwa kagakosorwa. Bemeza ko uyu ari nawo murongo wafashwe mu rubanza RS/INJUST/RCOM 00001/2019/SC haburana Ntegeye Bernard na ECOBANK Rwanda Ltd na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR), aho Urukiko rwavuze ko icyari kigamijwe mu gushyiraho inzira y'akarengane ari ugukosora akarengane gashobora kuboneka mu rubanza bitewe no kwibeshya cyangwa amakosa y'umucamanza ku buryo bugaragarira buri wese kandi nta bundi buryo ako karengane kazakosorwa.

[25] Basobanura ko abahanga bavuga ko ubujurire bukozwe n'uruhande rumwe bugirira akamaro n'urundi ruhande bihuriye ku bibazo bidashobora gutandukanywa.<sup>2</sup> Bityo rero ko n'ubwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane atari ubujurire busanzwe, ntacyabuza ko ibikorwa mu bujurire byanakorwa kuri iyi nzira kubera ko ingaruka ari zimwe, cyane ko icyemezo cyafatwa kuri Kamanzi Charlotte na Magara Gahakwa John cyagira ingaruka ku bandi, bikaba bidashoboka ko Urukiko rubafatira icyemezo kandi batumviswe.

[26] Me Gashagaza Philbert na Me Nyirangirimana Astérie bavuze kandi ko ingingo ya 63 y'Itegeko N° 30/2018 ikwiye kumvikana hashingiwe ku murongo wafashwe n'Urukiko mu rubanza RS/INJUST/RC 00022/2018/SC rwaciwe ku wa 21/6/2019 haburana BUSORO Gervais na Busoro Mugunga, hakomezwa ko iyo urubanza rusabiwe gusubirwamo ku mpamvu

---

<sup>2</sup> M.D. Dalloz, Ainé, Répertoire méthodique et alphabétique de législation, de doctrine et de jurisprudence, Tome Quatrième, Paris, Bureau de la Jurisprudence Générale du Royaume, 1846, p. 91, para. 593. "L'appel interjeté par l'une des parties profite aux autres dans les matières indivisibles, c'est-à-dire toutes les fois qu'il y a impossibilité absolue d'exécuter et le jugement rendu contre la partie non appelante et le jugement rendu en faveur de celle qui a appelé. »

z'akarengane nta nzitizi n'imwe ishobora gutangwa keretse iyo umuburanyi agaragaje ko hibeshywe ku bihe byo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, ko rero Ubushinjacyaha butabirengaho ngo butange inzitizi.

[27] Basaba kandi Urukiko gushingira ku murongo wafashwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RS/INJUST/RP 00004/2018/SC rwaciwe ku wa 28/02/2019 haburana Ubushinjacyaha na Mbarushimana Jean de Dieu, Rutayisire Ruhinda Sabbat, harimo na Hotel des Milles Collines yaregeye indishyi, mu gice cya 64, aho rwavuze ko ababaye ababuranyi mbere, yaba uwahamwe n'icyaha, uwagihanaguweho n'waregeye indishyi hagomba gusuzumwa kuri bose, ahaba hagaragara akarengane n'icyagateje mu rwego rw'uburyozwe nshinjabyaha n'indishyi. Bakaba basanga uru rubanza ari igisubizo ku ngingo ya 63 yavuzwe haruguru.

[28] Me Kanyambo Diogène na Me Rutabingwa Athanase na Nzaramba Stevenson bunganira, bavuga ko bakurikije ibiteganyijwe n'ingingo ya 63 y'Itegeko N° 30/2018 basanga Nzaramba Stevenson agomba kuba umuburanyi muri uru rubanza kuko n'ubundi yari umuburanyi mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Bavuga ko mu gihe Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urubanza rugomba gusubirwamo aba atarinjira mu mizi yarwo ngo amenye ko hari abandi barenganye, akaba aricyo ingingo ya 63 y'Itegeko N° 30/2018 ryavuzwe haruguru yaje gukemura kugira ngo hatazagira uwo bigaragara ko yibagiranye.

[29] Bavuga kandi ko ibyo bishimangirwa mu rubanza RS/INJUST/RP 00004/2018/SC, aho rwemeje ko Rutayisire Ruhinda Sabbat ndetse n'waregeraga indishyi baba ababuranyi mu rubanza rwasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane ariko

batarabisabye. Basobanura ko mu gika cya 64 cy'urwo rubanza, Rutayisire Ruhinda Sabbat wari wagizwe umwere, utari ufite impamvu yo kujya mu karengane, Urukiko rwasanze ari ngombwa ko ahamagarwa. Kubera izo mpamvu basaba ko Nzaramba Stevenson yaba umuburanyi muri uru rubanza. Bagaragaza ko uburyo ibyaha byakozwe, bigoye gutandukanya uwakoze icyaha n'icyitso, akaba ariyo mpamvu akarengane kasuzumwa muri rusange.

[30] Me Rutabingwa Athanase na Karake Mutsinzi Charles yunganira bavuga ko ingingo ya 55 y'Itegeko N° 30/2018 irebana n'impamvu zishingirwaho batanga ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, igika cya nyuma kigakumira utanga ikirego cy'akarengane atariyambaje izindi nzira z'ubujurire, naho iya 56 ikavuga igihe cyo gutanga ikirego, ko rero basanga izo ngingo zitandukanye n'ingingo ya 63 y'iryo Tegeko kuko yo ireba igihe cy'iburanisha ikavuga ko ababaye ababuranyi mu rubanza bose bahamagazwa.

[31] Me Bandora Alfred uhagarariye Mawadza Nhamo avuga ko yemeranya n'abamubanjirije, ariko yongeraho ko gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane ari inzira y'ubujurire budasanzwe kandi bwemewe, asaba Urukiko gushingira ku ngingo ya 153 y'Itegeko n° 22/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo, n'iz'ubutegetsi iteganya ko ababuranyi batajuriye bashobora kugira ibyo basaba, rukemerera Mawadza Nhamo kuba umuburanyi muri uru rubanza kuko akarengane kabaye mu rubanza rwose.

[32] Me Bandora Alfred asobanura kandi ko n'ubwo bigaragara ko Mawadza Nhamo yishyuye ihazabu yaciwe atari uko yishimiye imikirize y'urubanza ku bimureba, ahubwo

byatewe nuko yagombaga kujya kwivuriza hanze, agirana amasezerano na MINIJUST bemera kurekura urwandiko rwe rw'inzira.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[33] Urukiko rurasanga abahamagawe muri uru rubanza bari mu byiciro bibiri: abasabye ko urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane kandi bakabyemererwa, aribo Magara Gahakwa John na Kamanzi Charlotte; n'abahamagawe mu rubanza ariko batigeze basaba ko urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, aribo Nzaramba Stevenson, Bamiika Rumanyika Herbert, Karake Mutsinzi Charles na Mawadza Nhamo. Aba bo mu cyiciro cya kabiri ni nabo basaba ko Urukiko rusuzuma imyanzuro yabo, rugahindura ibyemezo bari bafatiwe mu rubanza rwasabiwe gusubirwamo, bashingiye ku kuba ingingo ya 63 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 29/04/2018 rigena ububasha bw'inkiko iteganya ko ababuranyi bose bahamagarwa mu rubanza, rugasubirwamo mu mizi bundi bushya. Mu ngingo zikurikira, harasuzumwa icyo guhamagarwa kw'ababuranyi bose, gusuzuma urubanza mu mizi, no kurusuzuma bundi bushya, bivuze.

[34] Ibyerekeye kuba abari ababuranyi bose mu rubanza rusabirwa gusubirwamo bahamagarwa, bikurura impaka zishingiye ku kumenya icyo abatarasabye ko urubanza rusubirwamo baba baje gukora mu gihe bo nta karengane bagaragaje ko bagiriwe. Ese bashobora kuririra ku karengane kagaragajwe n'abandi bakagaragaza akabo, batanyuze mu nzira ziteganywa n'ingingo za 58-61 z'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru?

[35] Urukiko rusanga inzira y'akarengane ari inzira idasanzwe yemerewe umuburanyi warenganyijwe ku buryo bugaragarira buri wese, abisabye mu buryo no mu nzira biteganywa n'ingingo za 54,55,56 na 58 z'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 29/04/2018, byemejwe n'inzego zivugwa mu ngingo ya 58, zimaze kubisuzuma mu nzira ziteganywa n'ingingo za 59 na 62 z'iryo Tegeko; ibyo bikaba binyuranye n'ibikorwa mu zindi nzira z'ubujurire kuko zo zidasaba ishungura ryihariye. Urukiko rusanga ababuranyi bataciye muri izo nzira badashobora guhabwa uburenganzira bwo kuririra ku isubirwamo ryasabwe n'abandi rikemerwa, ngo bagire ibyo basaba ko bihinduka ku rubanza batasabye ko rusubirwamo kuko ubwo burenganzira baba barabwibujije.

[36] Muri urwo rwego, ntibashinjwa mu rubanza kandi nta n'icyo bashobora kurusabamo; bafata ijambo gusa babisabwe n'urukiko, cyangwa bo basabye kugira icyo basobanura ku bijyanye n'imikorere y'icyaha. Ibyo kandi si bishya mu mategeko kuko hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 190 y'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, uregera indishyi ashobora kujurira ku bireba indishyi gusa, Ubushinjacyaha bukaza mu rubanza bugahabwa ijambo, ariko uburenganzira bufite bukagira aho bugarukira kuko budashobora gusaba ko hagira igihinduka ku gihano cyatanzwe.

[37] Urukiko rusanga icyemezo cyafatiwe abatarasabye ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, bakuririra ku busabe bw'abandi, gishobora guhinduka gusa iyo urukiko rusanze hari ubusobekerane ku byerekeye imikorere y'icyaha bahuriyeho n'abasabye gusubirishamo urubanza ku mpamvu

z'akarengane, ku buryo icyemezo cyafatirwa abareze cyabagiraho ingaruka mu buryo bubafitiye inyungu.

[38] Ku bivugwa n'abasaba kuririra ku burenganzira bw'abasabye ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ko iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane rugomba kuburanishwa mu mizi, babishingiye ku byemejwe mu rubanza RS/INJUST/RC 00022/2018/SC rwa Busoro Gervais waburanaga na Busoro Mugunga Désiré, Twagirayezu Ildephonse na Mukankombe Chartine, Urukiko rusanga nta shingiro bifite. Koko rero muri urwo rubanza, Urukiko rwavuze ko kuba Perezida yemeje ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, bitabuza inteko iburanisha gusuzuma ibibazo bidasanze, nk'iyubahirizwa ry'ibihe n'ibindi, ikabifataho icyemezo.

[39] Uru Rukiko rurasanga ibibazo bidasanze bivugwa muri urwo rubanza bigomba kumvikana nk'ibibazo ndemyagihugu. Muri uru rubanza, impaka zishingiye ku kumenya uburenganzira mu rubanza bw' abatarasabye gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane binyuze mu nzira ziteganywa n'amategeko yavuzwe haruguru, Urukiko rukaba rusanga icyo ari ikibazo kirebana n'ububasha bw'abaturanyi, kikaba ari ikibazo ndemyagihugu, kigomba gusuzumwa n'inteko iburanisha mbere yo kujya mu mizi y'urubanza.

[40] Ku byerekeye ibyo bavuga ko urubanza rugomba gusubirwamo bundi bushya, rugasa n'aho rutangiye ku rwego rwa mbere, bityo abarubayemo abaturanyi bagasubirana uburenganzira bari bafite icyo gihe, Urukiko rusanga nabyo nta shingiro bifite. Koko rero, nk'uko uru Rukiko rwabitanzeho umurongo, gusubiramo urubanza bundi bushya ntibigomba

kumvikana nko kurusuzuma hatitawe ku manza zabaye mbere y'uko rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, bigasa n'aho zose ziteshejwe agaciro. Urukiko rwasobanuye ahubwo ko imbibi z'ikiburanwa mu rubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, zigenwa n'icyaburanywe mu rwego rwa mbere, icyaburanywe mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, n'imyanzuro y'abasabye ko urubanza rusubirwamo bamaze kubyemererwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. Uwo murongo watanzwe n'uru Rukiko mu rubanza RS/INJUST/RC 00024/2018/SC haburana Ngizweninshuti Albert na Muhima Giovanni, rwaciwe ku wa 21/02/2020.

[41] Ku bijyanye n'urubanza RS/INJUST/RP 00004/2018/SC rwa Mbarushimana Jean de Dieu abasabye kuririra ku busabe bw'abandi bemeza ko rwatanze umurongo ubibahera uburenganzira, Urukiko rusanga ibyo atari ukuri kuko hatasuzumwe ikibazo cyo kumenya niba abatarasabye ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane bakuririra ku busabe bw'abandi bagasaba Urukiko gusuzuma akarengane ku bibareba. Rusanga ahubwo icyo akarengane kari gashingiyeho, ari ukuba uwasabye ko urubanza rusubirwamo yarahanwe wenyine kandi hari abandi bagize uruhare mu ikorwa ry'icyaha batakurikiranwe cyangwa batahanwe, bigatuma yikorera wenyine umuzigo w'indishyi. Urukiko rwemeje ko hahamagazwa gusa abarubayemo ababuranyi mbere, aribo Rutayisire Ruhinda Sabbat nawe wari ukurikiranywe n'Ubushinjacyaha, hamwe na *Compagnie Rwandaise d'Hotellerie et de Tourisme, Hotel des Mille Collines* yaregeraga indishyi.

[42] Urukiko rurasanga n'ubwo Rutayisire Ruhinda Sabbat n'waregeraga indishyi bahamagajwe muri urwo rubanza,

rukabaha ijambo kandi batarasabye ko rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, rutarigeze rugira icyemezo rufata ku bibareba, ahubwo umwanzuro wafashwe gusa k'uwasabye ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ariwe Mbarushimana Jean de Dieu. Bityo rero, kuba Nzaramba Stevenson, Bamika Rumanyika Herbert, Karake Mutsinzi Charles na Mawadza Nhamo n'abunganizi babo bashingira kuri urwo rubanza bagasaba ko hagira ibyemezo bibafatirwa, bikaba nta shingiro bifite.

[43] Rushingiye ku bisobanuro byatanzwe haruguru, Urukiko rusanga ababaye ababuranyi mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane baruhamagarwamo, Urukiko rugashobora kugira icyo rubabaza cyafasha mu micire y'urubanza rusubirishwamo cyangwa nabo bakaba bagira amakuru batanga, ariko bakaba badashobora gusaba ko urwo rubanza ruhinduka ku byerekeye ibyemezo bari bafatiwe, keretse rusanze hari ubusobekerane (*indivisibilité/indivisibility*) bw'ibiburanwa ku buryo rudashobora gufata icyemezo ku busabe bw'abasabye ko urubanza rusubirwamo bitagize ingaruka ku byemezo byafatiwe abatarabisabye kandi ku buryo bubafitiye inyungu.

### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[44] Rwemeje ko inzitizi yatanzwe n'Ubushinjacyaha ifite ishingiro.

[45] Rwemeje ko akarengane kagomba gusuzumwa mu rubanza RPA 00669/2017/HC/KIG - RPA 00680/2017/HC/KIG - RPA 00684/2017/HC/KIG – RPA 00685/2017/HC/KIG- RPA00686/2017/HC/KIG-RPA 00745/2017/HC/KIG rwaciwe

n'Urukiko Rukuru ku wa 10/12/2018 ari akareba Magara Gahakwa John na Kamanzi Charlotte gusa, rukaba rwafata icyemezo kubireba abandi ari uko rusanze hari ubusobekerane bw'ibiburanwa.

[46] Rwemeje ko iburanisha ry'uru rubanza rizakomeza ku wa 18/01/2021.







**SIKUBWABO v RWANDA  
DEVELOPMENT BOARD (RDB)  
N’ABANDI (ADD 2)**

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RS/INJUST/RCOM  
00007/2021/SC (Cyanzayire, PJ, Nyirinkwaya na Hitiyaremye,  
J.) 15 Nyakanga 2022]

*Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza z’ubucuruzi – Ububasha bw’inkiko – Ubusobekerane bw’imanza – Ingingo za 94, 98, 100 z’Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw’inkiko – Ibiteganyijwe mu ngingo ya 100 y’ Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw’inkiko ku bireba uburegeke, ni nabyo byakoreshwa ku bireba ubusobekerane.*

*Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza z’ubucuruzi – Ububasha bw’inkiko – Ubusobekerane bw’imanza – Mu gihe hari ubusobekerane bw’imanza ziburanihwa mu nkiko zitandukanye zitari ku rwego rumwe, urukiko ruri ku rwego rwo hasi nirwo rugomba kohereza urubanza ururi ku rwego rwo hejuru – Umuburanyi usaba ko imanza zihuzwa, ashyikiriza ubusabe bwe urukiko ruri ku rwego rwo hasi rugomba kohereza urubanza.*

*Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza zasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z’akarengane – Ubusobekerane bw’imanza – Urubanza rwaregewe mu rwego rw’akarengane – Urubanza rwaregewe binyuze mu nzira zisanzwe – Guhuza urubanza rwaregewe mu rwego rwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane n’urubanza rwaregewe binyuze mu nzira zisanzwe – Urubanza rwaregewe mu rwego rw’akarengane ari urubanza ruba rwararangije inzira z’ubujurire, rushobora no*

*kuba rwararangijwe, rukaba rudashobora guhuzwa n'urubanza rugifite inzira zisanzwe z'ubujurire – Inkiko zaregewe mu nzira zisanzwe zitegereza icyemezo cy'inkiko zaregewe mu rwego rw'akarengane*

**Incamake y'ikibazo:** Mu rwego rwo kugirango hishyurwe umwenda Sikubwabo yari abereyemo Bank of Africa, Umwanditsi Mukuru muri RDB yatanze impushya zo kugurisha ingwate, abanza gutanga uruhushya rwo kugurisha umutungo ufite UPI: 1/02/09/01/844. Nyuma ya cyamunara yakozwe kuri uwo mutungo, Sikubwabo yatanze ikirego gifite No RCOM 01971/2017/TC/NYGE mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge asaba kuyitesha agaciro, arega Bank of Africa, hagobokeshwamo RDB na Umugiraneza wari ushinzwe kugurisha ingwate. Mu gihe urubanza rwari rutaracibwa, Umwanditsi Mukuru yatanze uruhushya rwo kugurisha umutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115, bituma Sikubwabo atanga ikirego cyihutirwa asaba guhagarikisha cyamunara kuri uyu mutungo. Mu rubanza No RCOMA 00793/2017/CHC/HCC rwaciwe ku rwego rw'ubujurire, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko ibikorwa bijyanye na cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 bihagarara by'agateganyo, hakabanza gutegerezwa icyemezo cy'urukiko ku rubanza No RCOM 01971/2017/TC/NYGE.2

Urubanza No RCOM 01971/2017/TC/NYGE rwarangije inzira z'ubujurire ku wa 06/05/2020, hemezwa ko nta mpamvu yagaragajwe yatesha agaciro cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/09/01/844. Ku wa 08/05/2020, Sikubwabo yahise yandikira Umwanditsi Mukuru amusaba guhagarika burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 kuko hatagaragajwe umwenda watumye ikorwa; ku wa 20/05/2020 atanga ikirego mu

Rukiko rw'Ubucuruzi. Urubanza rwanditswe kuri No RCOM 00767/2020/TC, Murego waguze uwo mutungo muri cyamunara na Umugiraneza wari ushinze kuwugurisha barugobokamo ku bushake, hagobokeshwa ku gahato Bank of Africa yatanze umwenda.

Murego yatanze inzitizi asaba ko ikirego cya Sikubwabo kitakwagirwa kuko yagitanze ibihe biteganywa n'amategeko byararenze, iyo nzitizi ntiyakirwa mu rwego rwa mbere ariko mu bujurire bwa mbere n'ubwa kabiri ihabwa ishingiro. Mu rubanza N° RCOMAA 00061/2020/CA rwaciwe ku wa 18/12/2020, Urukiko rw'Ubujurire rwagumishijeho icyemezo cyari cyafashwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, rusobanura ko ikirego cyagombaga gutangwa mu minsi 15 ibazwe kuva igihe urundi rubanza No RCOM 00577/2019/TC rwemeje ingano y'umwenda rwabereye itegeko, ni ukuvuga ku wa 20/06/2019, rushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 260, igika cya kane, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu. Uru rubanza nirwo Sikubwabo yasabye ko rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Uru Rukiko rwasuzumye niba koko ikirego cya Sikubwabo kigamije guhagarikisha burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 cyaratanzwe impitagihe, hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 260 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru. Nyuma yo gusesengura ibiteganywa n'iyi ngingo, Urukiko rwasanze ibihe bivugwa mu gika cyayo cya 6 byarubahirijwe na SIKUBWABO Raphaël, rwemeza ko ikirego cye cyari cyatanzwe mu gihe giteganywa n'amategeko. Rwemeje ko urubanza N° RCOMAA 00061/2020/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/12/2020, kimwe n'urwarubanjirije N° RCOMA

00398/2020/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 16/07/2020 zivanyweho, hakagumaho urubanza N° RCOM 00767/2020/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 22/06/2020.

Rukiko rwemeje ko arirwo rugomba gusuzuma ingingo z'ubujurire Sikubwabo Raphaël yari yashyikirije Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi. Mu gihe urubanza rwari rutegereje kuburanishwa, SIKUBWABO Raphaël yanditse asaba ko urubanza N° RCOMAA 00024/2022/CA ruri mu Rukiko rw'Ubujurire, rujyanye n'ikindi kirego yatanze asaba gutesha agaciro cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115, rwahamagazwa rugahuzwa n'uru kugirango hatazabaho kuvuguruzanya kubera isano zifitanye. Avuga ko impamvu asaba ko uru rubanza rwahuzwa n'urubanza N° RCOMAA 00024/2022/CA rwahagaze kuburanishwa mu Rukiko rw'Ubujurire, zishingiye ku cyemezo cyafashwe n'uru Rukiko mu rubanza rubanziriza urundi, aho rwavuze ko ibibazo byose birebana n'iki kibazo bikwiye gukemurirwa hamwe kugira ngo hatazavuka izindi manza zikazagera nazo mu karengane. Asobanura ko kuba urubanza ruri mu Rukiko rw'Ubujurire rurebana n'icyemezo cyafashwe n'Umwanditsi Mukuru wa RDB cyo kwemeza burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115, kandi aricyo kiburanwa muri uru rubanza, izo manza zombi zikwiye guhuzwa kubera isano zifitanye.

RDB avuga ko asanga imanza zitahuzwa kubera ko nta sano zifitanye, ko kandi nta bindi bintu Sikubwabo yagombye kuzana bitari ibyo yavuze mu nama ntegurarubanza. Naho abandi bo bavuga ko n'ubwo mbere bari basabye ko imanza zitahuzwa, nyuma yo gusuzuma neza bisubiyeho bakaba basanga zahuzwa kuko zifitanye isano.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Ibiteganyijwe mu ngingo ya 100 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko ku bireba uburegeke, ni nabyo byakoreshwa ku bireba ubusobekerane.

2. Mu gihe hari ubusobekerane bw'imanza ziburanishwa mu nkiko zitandukanye zitari ku rwego rumwe, urukiko ruri ku rwego rwo hasi nirwo rugomba koherereza urubanza ururi ku rwego rwo hejuru

3. Umuburanyi usaba ko imanza zihuzwa, ashyikiriza ubusabe bwe urukiko ruri ku rwego rwo hasi rugomba koherereza urubanza.

4. Urubanza rwaregwe mu rwego rw'akarengane ari urubanza ruba rwararangije inzira z'ubujurire, rushobora no kuba rwararangijwe, rukaba rudashobora guhuzwa n'urubanza rugifite inzira zisanzwe z'ubujurire

5. Iyo hari ubusobekeranye bw'imanza, inkiko zaregwe mu nzira zisanzwe zitegereza icyemezo cy'inkiko zaregwe mu rwego rw'akarengane kugirango hataba ivuguruzanya ry'imanza.

**Ubusabe bwo guhamagaza urubanza ruburanishwa n'Urukiko rw'Ubujurire rugahuzwa n'uru rubanza, ntibukwiye kwakirwa ngo busuzumwe, kuko yabutanze mu nzira zidakurikije amategeko; Iburanisha ry'urubanza rizakomeza.**

**Amategeko yashingiweho:**

Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo ya 94 na 100.

**Imanza zifashishijwe:**

Urubanza N° RS/INJUST/RCOM 00005/2019/SC, Kigali  
Ceramica & Furniture Ltd v Guaranty Trust Bank  
(Rwanda) Plc rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga.

**Urubanza****I. IMITERERE Y'URUBANZA**

[1] Uru rubanza rukomoka ku ruhushya rwo guteza cyamunara (*permit to sell* N° 017-074833) umutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 rwatanzwe n'Umwanditsi Mukuru muri RDB ku wa 06/11/2017, kugirango hishyurwe umwenda Sikubwabo Raphaël yari abereyemo Bank of Africa. Iyo cyamunara yakurikiraga indi yakozwe ku wa 09/06/2017 ku mutungo ubaruye kuri UPI: 1/02/09/01/844 nabwo hishyurwa uwo mwenda.

[2] Nyuma y'iyi cyamunara yo ku wa 09/06/2017, Sikubwabo Raphaël yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge arusaba kuyitesha agaciro, umwenda ukishyurwa hakurikijwe ibindi biteganyijwe mu masezerano y'inguzanyo. Ikirego cyanditswe kuri No RCOM 01971/2017/TC/NYGE, uregwa ari Bank of Africa, hagobokeshwamo RDB na Umugiraneza Jean Michel wari ushinze kugurisha ingwate. Nyuma yo gutanga iki kirego, urubanza rutaracibwa, nibwo Sikubwabo Raphaël yahawe n'Umwanditsi Mukuru *permit to sell* N° 017-074833 yo ku wa 06/11/2017 yavuzwe haruguru, ndetse n'amabwiriza ya cyamunara, birebana n'ingwate ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115.

[3] Igihe iyi cyamunara ya kabiri yari itaremezwa n'Umwanditsi Mukuru, Sikubwabo Raphaël wavugaga ko atigeze amenyeshwa umwenda wari usigaye nyuma y'ubwishyu bwavuye muri cyamunara ya mbere, yahise atanga ikirego cyihutirwa asaba guhagarika by'agateganyo cyamunara ku ngwate ya kabiri irebana n'umutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115, kugirango habanze gusuzumwa ibyasabwe mu rubanza rw'iremezo. Ikirego cyanditswe kuri N° RCOM 02265/2017/TC/NYGE, urubanza rucibwa ku wa 04/12/2017, Urukiko rwemeza ko nta mpamvu yo guhagarika cyamunara yari iteganyijwe ku wa 05/12/2017. Urwo rubanza rwajuririwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuri No RCOMA 00793/2017/CHC/HCC, rucibwa ku wa 21/12/2017, hemezwa ko ibikorwa bijyanye na cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 bihagarara by'agateganyo, hakabanza gutegerezwa icyemezo cy'urukiko ku rubanza No RCOM 01971/2017/TC/NYGE.

[4] Nyuma y'icibwa ry'uru rubanza N° RCOMA 00793/2017/CHC/HCC, Sikubwabo Raphaël yatanze ikirego mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, asaba guhamagaza Umwanditsi Mukuru agasobanura impamvu atarurangiza<sup>1</sup>, MUREGO Paulin waguze mu cyamunara yahagaritswe agasubizwa amafaranga yatanze. Ikirego cyanditswe kuri No RCOM 00024/2019/HCC, urubanza rucibwa ku wa 04/10/2019, Urukiko rwemeza ko rudafite ububasha bwo kuburanisha bene ibyo birego kuko birebana n'imanza z'ubutegetsu. Urwo rubanza rwajuririwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuri No RCOMA 01016/2018/HCC, rucibwa ku wa 14/02/2020, hemezwa ko

---

<sup>1</sup> Yatanze ikirego ashingiye ku ngingo ya 184 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 (CPCCSA), ivuga ku bihano bihabwa umuyobozi wanze gushyira mu bikorwa icyemezo cy'urukiko.

ikirego cyakiriwe ariko ko ibyo Umwanditsi Mukuru yagombaga gukora mu gushyira mu bikorwa urubanza No RCOMA 00793/2017/CHC/HCC yabikoze kuko yahagaritse by'agateganyo iyemezwa rya raporo ya cyamunara kuri UPI: 1/02/13/03/115.

[5] Urubanza No RCOM 01971/2017/TC/NYGE (rurebana no gutesha agaciro cyamunara yabaye ku wa 09/06/2017 kuri UPI: 1/02/09/01/844) rwari rwatumye cyamunara kuri UPI: 1/02/13/03/115 ihagarikwa by'agateganyo rwaciwe ku wa 16/05/2018, hemezwa ko nta mpamvu yagaragajwe yatesha agaciro cyamunara. Urwo rubanza rwajuririwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuri No RCOMA 00443/2018/CHC/HCC, rucibwa ku wa 14/12/2018, hemezwa ko urubanza rwajuririwe rudahindutse. SIKUBWABO Raphaël yajuriye bwa kabiri mu Rukiko rw'Ubujurire kuri No RCOMAA 00039/2019/CA, urubanza rucibwa ku wa 06/05/2020, hemezwa ko ubwo bujurire butakiriwe kuko bwatanzwe bukererewe.

[6] Nyuma y'uko urubanza No RCOM 01971/2017/TC/NYGE rurangije inzira zose z'ubujurire, ku wa 08/05/2020 SIKUBWABO Raphaël yandikiye Umwanditsi Mukuru amusaba guhagarika burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115. Ku wa 20/05/2020, yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi, asaba guhagarika burundu cyamunara ku mutungo we ufite UPI: 1/02/13/03/115, kuko hatagaragajwe umwenda watumye ikorwa. Urubanza rwanditswe kuri No RCOM 00767/2020/TC, Murego Paulin waguze uwo mutungo muri cyamunara na Umugiraneza Jean Michel wari ushinze kuwugurisha barugobokamo ku bushake, hagobokeshwa ku gahato Bank of Africa yatanze umwenda.

[7] Muri urwo rubanza, Sikubwabo Raphaël yatanze inzitizi asaba Urukiko kutakira ibirego by'abagobotse ku bushake kuko nta nyungu bafite. Murego Paulin nawe yatanze inzitizi asaba ko ikirego cya SIKUBWABO Raphaël kitakwakirwa kuko yagitanze ibihe biteganywa n'amategeko byo kuba yaregera gutesha agaciro cyamunara byararenze.

[8] Urubanza rwaciye ku wa 22/06/2020, Urukiko rwemeza ko inzitizi yatanzwe na SIKUBWABO Raphaël nta shingiro ifite kuri Murego Paulin kuko ariwe waguze umutungo uburanwa muri cyamunara, amategeko akaba amwemerera kuba yagoboka muri urwo rubanza. Rwemeje ko inzitizi yo kutakira ukugoboka ku bushake kwa Umugiraneza Jean Michel ifite ishingiro kuko hatagaragajwe ko hari amakosa ajyanye n'imihango (*procédure*) yaba yarakozwe mu kugurisha muri cyamunara umutungo uburanwa, kandi ko nta nyungu ze bwite zibangamiwe mu rubanza. Ku bijyanye n'inzitizi yo kutakira ikirego bitewe n'uko cyatanzwe impitagihe, Urukiko rwemeje ko cyakirwa kigasuzumwa mu mizi. Ku birebana n'urubanza mu mizi, Urukiko rwemeje ko ikirego cya Sikubwabo Raphaël nta shingiro gifite, rutegeka ko cyamunara yakozwe ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 igumaho.

[9] Sikubwabo Raphaël yajuririye imikirize y'urubanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, urubanza rwandikwa kuri N° RCOMA 00398/2020/HCC, avuga ko yajurijwe no kuba Urukiko rw'Ubucuruzi rutarahagaritse cyamunara yavuzwe kandi hari impamvu zituma ihagarikwa. Yanasabaga Urukiko gusuzuma niba imanza N° RCOMA 00793/2017/CHC<sup>2</sup> na RCOM

---

<sup>2</sup> Urubanza rwemeje ko cyamunara iteganyijwe ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 ihagarara by'agateganyo hagategerezwa icyemezo kizafatwa mu rubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYG.

01971/2017/TC/NYGE<sup>3</sup> hari ingaruka zagize kuri iyo cyamunara. Muri urwo rubanza Murego Paulin yatanze inzitizi agaragaza ko ikirego cyakiriwe ku rwego rwa mbere kitaragombaga kwakirwa kuko Sikubwabo Raphaël yazeze impitagihe. Umugiraneza Jean Michel yatanze ubujurire bwuririye ku bundi asaba ko hasuzumwa niba urukiko rwa mbere rutaracyiye urubanza ku byo rutaregewe, anasaba indishyi zinyuranye. Bank of Africa nayo yatanze ubujurire bwuririye ku bundi isaba indishyi z'ibyakoze mu rubanza ku rwego rw'ubujurire.

[10] Urubanza rwaciye ku wa 16/07/2020, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeza ko inzitizi yatanzwe na MUREGO Paulin ifite ishingiro, ko ikirego cyatanzwe na Sikubwabo Raphaël mu Rukiko rw'Ubucuruzi kitagombaga kwakirwa ngo gisuzumwe mu mizi, kuko cyatanzwe impitagihe. Urukiko rwasobanuye ko niba mu gutanga ikirego, urega yarashingiye ku byemejwe mu rubanza No RCOM 00577/2019/TC rwaciye ku wa 20/06/2019 rukagaragaza umwenda yishyuzwaga, byumvikana ko cyamunara yari yarahagaritswe n'imanza zinyuranye yagombaga guhita ikomeza kuva igihe urwo rubanza rusomewe. Kuba rero Sikubwabo Raphaël yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi ku wa 20/05/2020, amezi 11 nyuma y'uko cyamunara yemerewe gukomeza, bigaragaza ko yatanze ikirego impitagihe, kikaba kitari gikwiye kwakirwa ngo gisuzumwe mu mizi.

---

<sup>3</sup> Urubanza SIKUBWABO Raphaël yasabyemo gutesha agaciro cyamunara yabaye ku wa 09/06/2017 ku mutungo ufite UPI: 1/02/09/01/844, hakemezwa ko nta mpamvu yagaragaje yatuma iteshwa agaciro, mu bujurire Urukiko Rukuru rukemeza ko nta gihindutse.

[11] Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje kandi ko ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na Bank of Africa n'ubwa Umugiraneza Jean Michel bufite ishingiro, rwemeza ko urubanza N° RCOM 00767/2020/TC rwaciwe ku wa 22/06/2020 n'Urukiko rw'Ubucuruzi ruteshejwe agaciro, rutegeka Sikubwabo Raphaël guha Bank of Africa na Umugiraneza Jean Michel 500.000 Frw y'indishyi zo gusiragizwa mu nkiko, 500.000 Frw y'igihembo cy' Avoka, 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza, yose hamwe akaba 1.300.000 Frw kuri buri wese.

[12] Sikubwabo Raphaël yajuririye imikirize y'urubanza mu Rukiko rw'Ubujurire, asaba gusuzuma niba ikirego cye cyaratanzwe impitagihe nk'uko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabyemeje, kandi urubanza N° RCOMA 00793/2017/HCC rwaciwe ku wa 21/12/2017 rwarategetse ko ibikorwa bijyanye na cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 bihagarara by'agateganyo, hakabanza gutegerezwa icyemezo cy'Urukiko ku rubanza N° RCOM 01971/2017/TC/NYGE. Mu rubanza N° RCOMAA 00061/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/12/2020, hemejwe ko ubujurire bwa SIKUBWABO Raphaël budafite shingiro, ko imikirize y'urubanza rwajuririwe idahindutse.

[13] Sikubwabo Raphaël yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urubanza N° RCOMAA 00061/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/12/2020 rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane, avuga ko mu icibwa ryarwo hirengagijwe amategeko n'ibimenyetso. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yafashe icyemezo ko urwo rubanza rwongera kuburanishwa n'Urukiko rw'Ikirenga, rwandikwa mu

bitabo byabugenewe, ruhabwa No RS/INJUST/RCOM 00007/2021/SC.

[14] Iburanisha ryabereye mu ruhame ku wa 13/04/2022, RDB iburanirwa na Me Nkusi Fred, Bank of Africa iburanirwa na Me Kayiranga Cyrille, Murego Paulin aburanirwa na Me Munderere Léopold, Umugiraneza Jean Michel aburanirwa na Me Matimbano Barton, naho Sikubwabo Raphaël yunganirwa na Me Uwizeyimana Vénuste. Kuri iyo tariki, Urukiko rwabanje kuburanisha ku kibazo cyo kumenya niba ikirego cyo guhagarikisha burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115, cyatanzwe na Sikubwabo Raphaël mu Rukiko rw'Ubucuruzi, cyaratanzwe impitagihe. Rwamenyesheje ababuranyi ko icyemezo kuri icyo kibazo kizasomwa ku wa 29/04/2022.

[15] Ku wa 29/04/2022, Urukiko rwasomye urubanza rubanziriza urundi, rwemeza ko:

- a. Ikirego cyatanzwe na Sikubwabo Raphaël mu Rukiko rw'Ubucuruzi kigamije guhagarikisha burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 cyagombaga kwakirwa;
- b. Urubanza No RCOMAA 00061/2020/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/12/2020, kimwe n'urwarubanjirije N° RCOMA 00398/2020/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 16/07/2020, zivanyweho;
- c. Iburanisha ry'urubanza ku ngingo z'ubujurire Sikubwabo Raphaël yari yashyikirije Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rizakomeza ku munsu Ubwanditsi bw'Urukiko buzamenyesha ababuranyi.

[16] Urubanza rwongeye gushyirwa kuri gahunda y'iburanisha ku wa 13/06/2022, ababuranyi bose baritaba bahagarariwe cyangwa bunganiwe nka mbere. Urukiko rwamenyesheje ababuranyi ibaruwa Sikubwabo Raphaël yarushyikirije ku wa 17/05/2022, asaba ko urubanza N° RCOMAA 00024/2022/CA ruri mu Rukiko rw'Ubujurire<sup>4</sup>, rwahamagazwa rugahuzwa n'uru kubera isano zifitanye.

[17] Nyuma yo kumva icyo buri muburanyi avuga ku cyifuzo cya Sikubwabo Raphaël, Urukiko rwapfundikiye iburanisha kuri icyo kibazo, rubamenyesha ko icyemezo kizasomwa ku wa 15/07/2022.

## II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO.

### a. Kumenya niba urubanza N° RCOMAA 00024/2022/CA ruburanishwa n'Urukiko rw'Ubujurire rwahamagazwa rugahuzwa n'urubanza N° RS/INJUST/RCOM 00007/2021/SC

[18] Sikubwabo Raphaël avuga ko impamvu asaba ko uru rubanza rwahuzwa n'urubanza N° RCOMAA 00024/2022/CA rwahagaze kuburanishwa mu Rukiko rw'Ubujurire, zishingiye ku cyemezo cyafashwe n'uru Rukiko mu rubanza rubanziriza urundi, aho rwavuze ko ibibazo byose birebana n'iki kibazo bikwiye gukemurirwa hamwe kugira ngo hatavuka izindi manza zikazagera nazo mu karengane. Asobanura ko kuba urubanza ruri mu Rukiko rw'Ubujurire rurebana n'icyemezo cyafashwe n'Umwanditsi Mukuru wa RDB cyo kwemeza

---

<sup>4</sup> Uru rubanza rwahagaze kuburanishwa hatagerejwe icyemezo kizafatwa n'uru Rukiko

burundu cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115, kandi aricyo kiburanwa muri uru rubanza, izo manza zombi zikwiye guhuzwa kubera isano zifitanye.

[19] Me Uwizeyimana Vénuste wunganira Sikubwabo Raphaël avuga ko imanza zikwiye guhuzwa kubera ko zifitanye isano, ku buryo rumwe rwagira ingaruka ku rundi ziramutse ziciwe mu buryo bunyuranye. Avuga ko ashingiye ku gika cya 35 cy'urubanza rubanziriza urundi, asanga kuburanisha uru rubanza rudahujwe n'ururi mu Rukiko rw'Ubujurire haba hari igice kimwe cyarwo gisigaye gishobora kuzagaruka mu Rukiko rw'Ikirenga mu karengane; ibyiza rero akaba ari uko izo manza zahuzwa ikibazo kigakemukira rimwe.

[20] Me Nkusi Fred uburanira RDB avuga ko asanga imanza zitahuzwa kubera ko nta sano zifitanye, ko kandi nta bindi bintu Sikubwabo Raphaël yagombye kuzana bitari ibyo yavuze mu nama ntegarubanza.

[21] Umugiraneza Jean Michel n'umwunganira bavuga ko n'ubwo mbere bari basabye ko imanza zitahuzwa, nyuma yo gusuzuma neza bisubiyeho bakaba basanga zahuzwa kuko zifitanye isano. Bavuga ko hamwe Sikubwabo Raphaël asaba guhagarika cyamunara ahandi agasaba kuyitesha agaciro, akaba ari amagambo agenda ahindura ariko ikibazo ari kimwe, ko rero bashingiye ku ngingo ya 94 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, basanga izo manza zigomba guhuzwa kabone n'ubwo zidahuje kamere kuko rumwe ruri mu karengane urundi rukaba ari ubujurire busanzwe. Bongeraho ko kuba ntacyo itegeko rivuga ku bijyanye n'uburyo byagenda mu gihe imanza zidahuje kamere ariko kiburanwa ari kimwe, Urukiko rw'Ikirenga arirwo rukwiye gutanga umurongo.

[22] Bavuga kandi ko n'ubwo mu kirego cya Sikubwabo Raphaël kiri mu Rukiko rw'Ubujurire harimo ibice bibiri, aribyo gutesha agaciro cyamunara ku mutungo ufite UPI: 1/02/13/03/115 no gusubizwa amafaranga yasagutse ku ngwate ya mbere, imanza zifitanye isano ya hafi kuko iby'ibanze ari ugutesha agaciro cyamunara hanyuma ibyo gusubiza amafaranga bigashamikiraho, bikaba rero bitabuza ko imanza zombi zihuzwa.

[23] Me Munderere Léopold uburanira Murego Paulin avuga ko n'ubwo mbere yari yasabye ko imanza zitahuzwa, nyuma yaje gusanga zahuzwa kuko ibirego bisa, Sikubwabo Raphaël akaba yarahinduye gusa amagambo hamwe agasaba gutesha agaciro cyamunara ahandi akaregera kuyihagarika burundu. Asobanura ko ibyiza ari uko imanza zaburanishirizwa hamwe kugira ngo zihutishwe, kuko inzu yaguzwe muri cyamunara mu 2017 ariko uwayiguze akaba atariyahabwa.

[24] Avuga kandi ko kuba urubanza rumwe ruri mu rwego rw'akarengane, urundi rukaba ari ubujurire busanzwe, atari ikibazo kuko igisubizo cyatanze mu rubanza rubanziriza urundi rwasomwe ku wa 29/04/2022 mu gika cyarwo cya 35, hakemezwa ko Urukiko rw'Ikirenga rugomba gukemura ibibazo byose birebana n'uru rubanza. Ku birebana n'amafaranga SIKUBWABO Raphaël asaba gusubizwa mu kirego kiri mu Rukiko rw'ubujurire, avuga ko asanga ari inkurikizi y'ikirego kirebana na cyamunara atari ikirego ukwacyo.

[25] Me Kayiranga Cyrille uhagarariye Bank of Africa avuga ko yabanje gusaba ko imanza zitahuzwa kubera ko abaturanyi atari bamwe, ariko ko nyuma yo gusuzuma agasanga ibirego byose bisa, asaba ko zahuzwa kuko ntacyo byakwangiza.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[26] Ingingo ya 94 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko iteganya ko habaho imanza zisobekeranye, iyo imanza nyinshi, zifitanye isano ku buryo ikemurwa rya rumwe, rigira ingaruka ku rundi kandi ku buryo ziramutse ziciwe, rumwe ukwarwo, urundi ukwarwo, imikirize yazo ishobora kuvuguruzanya.

[27] Ingingo ya 98 y'Itegeko rimaze kuvugwa, yerekeye ibirego bisobekeranye mu nkiko zitandukanye, iteganya ko ibirego byinshi cyangwa ibiburanwa byinshi, byagombye kuburanishwa mu nkiko zitandukanye, bishobora, ku cyemezo cyanditse cya Perezida w'Urukiko cyangwa Perezida w'Inteko iburanisha, kuburanishirizwa mu rubanza rumwe iyo hari ubusobekerane bwabyo. Iyi ngingo ariko ntisobanura ari Perezida w'Inteko y'uruhe rukiko mu zaregewe ufite ububasha bwo gufata icyemezo cyo kuburanishiriza imanza zose mu rubanza rumwe.

[28] Mu Itegeko Ngenga N° 51/2008 ryo ku wa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujjwe, ryasimbuwe n'irikoreshwa ubu, ingingo ya 153<sup>5</sup> yagenaga urukiko rwoherereza urundi urubanza,

---

<sup>5</sup> Ingingo ya 153 igira iti: *Iyo imanza zifite ikiburanwa kimwe kandi zikomoka ku mpamvu imwe, ziburanwa n'ababuranyi bamwe ziri mu nkiko zitandukanye, cyangwa se iyo hari imanza nyinshi zifitanye isano hagati yazo ku buryo ikemurwa rya rumwe ryagira ingaruka ku icibwa ry'urundi, ziri mu nkiko zitandukanye, urukiko rumwe muri izo, bisabwe n'umwe mu baburanyi, ruzohereza urundi rukurikije uburyo bukurikira kandi hubahirijwe uko bukurikirana:*

*1° urukiko rwagize icyemezo rufata mu rubanza kitari kuruca mu mizi yarwo, ni rwo bahitamo ku rutaragira icyemezo rufata mu rubanza;*

*2° bahitamo urukiko rwisumbuye k'urwo hasi yarwo;*

bisabwe n'umwe mu baburanyi, mu gihe hari uburegeke cyangwa ubusobekerane bw'imanza ziburanishwa mu nkiko zitandukanye. Mu Itegeko rishya N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, habayeho gutandukanya ingingo zivuga ku buregeke n'izivuga ku busobekerane bw'imanza, hanyuma ibyateganywaga n'ingingo ya 153 y'Itegeko Ngenga N° 51/2008 ryo ku wa 09/09/2008 bigaruka ku bireba gusa uburegeke<sup>6</sup>, nti hagira igiteganywa ku bijyanye n'ubusobekerane. Urukiko rusanga ibyo byarabaye kwibagirwa, kuko nta cyari gutuma umushingamategeko atagaragaza urukiko rwoherereza urundi urubanza iyo hari ibirego bisobekeranye byaregewe mu nkiko zitandukanye. Niyo mpamvu Urukiko rusanga ibiteganyijwe mu ngingo ya 100 y' Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 ryavuzwe haruguru ku bireba uburegeke, ari nabyo byakoreshwa ku bireba ubusobekerane.

[29] Ingingo ya 100 yavuzwe hejuru iteganya ko rumwe mu nkiko zaregewe rwoherereza urundi urubanza, mu gace kayo ka gatatu (3°) ikagaragaza ko urukiko rwisumbuyeho ku rwo hasi ari rwo rutoranywa kohererezwa urubanza; bivuga ko urukiko ruri ku rwego rwo hasi arirwo rugomba koherereza ururi ku rwego

---

3° bahitamo urukiko rwaregewe mbere, ku rwaregewe nyuma;

4° bahitamo urukiko rusanze ku rukiko rwihariye.

<sup>6</sup> Ingingo ya 100 y' Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko igira iti: Iyo inkiko zitandukanye ziregewe urubanza rumwe kandi zose zirufitiye ububasha, rumwe muri zo rwoherereza urundi. Bahitamo:

1° urukiko rwihariye ku rukiko rusanze;

2° urukiko rwaregewe mu rwego rw'ubujurire ku rukiko rwo mu rwego rwa mbere;

3° urukiko rwisumbuyeho ku rukiko rwo hasi;

4° urukiko rwagize icyo rukora ku rubanza kurusha urutaragira icyo rurukoraho;

5° urukiko rwaregewe mbere y'urundi.

rwo hejuru urubanza igihe hari ubusobekerane bw'imanza zaregewe mu nkiko zombi. Ibi kandi byumvikanisha ko umuburanyi usaba ko imanza zihuzwa, ashyikiriza ubusabe bwe urukiko rugomba kohereza urubanza, ni ukuvuga urukiko ruri ku rwego rwo hasi. Urukiko rusanga ubusabe buramutse bushyikirijwe urukiko ruri ku rwego rwo hejuru, byasaba ko arirwo rwohereza urubanza, kandi atari byo biteganyijwe mu gace ka 3° k'ingingo ya 100 yavuzwe haruguru.

[30] Urukiko rusanga ibimaze kuvugwa mu gika kibanza atari umwihariko w'u Rwanda, nk'uko bigaragara mu ngingo za 101<sup>7</sup> na 102<sup>8</sup> z'Igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano cy'abafaransa, ziteganya ko igihe inkiko zitandukanye zaregewe imanza zifitanye isano, ku buryo zagombye kuburanishirizwa hamwe mu nyungu z'ubutabera, urukiko rumwe rushobora gusabwa kohereza urundi urubanza. Mu gihe inkiko zaregewe zitari ku rwego rumwe, ubusabe bushyikirizwa urukiko ruri ku rwego rwo hasi.

[31] Ku bijyanye n'uru rubanza, Sikubwabo Raphaël yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 13/05/2022, asaba guhamagaza urubanza No RCOMAA 00024/2021/CA rugahuzwa n'urubanza No RS/INJUST/RCOM 00007/2021/SC, kubera ko zifitanye isano. Ikigaragara muri iyi baruwa, ni uko urega yasabye uru Rukiko guhamagaza urubanza ruri mu Rukiko

---

<sup>7</sup> *S'il existe entre des affaires portées devant deux juridictions distinctes un lien tel qu'il soit de l'intérêt d'une bonne administration de la justice de les faire instruire et juger ensemble, il peut être demandé à l'une de ces juridictions de se dessaisir et de renvoyer en l'état la connaissance de l'affaire à l'autre juridiction.*

<sup>8</sup> *Lorsque les juridictions saisies ne sont pas de même degré, l'exception de litispendance ou de connexité ne peut être soulevée que devant la juridiction du degré inférieur.*

rw'Uburire, kandi nyamara nk'uko byasobanuwe mu bika bibanza, yaragombaga gusaba urukiko ruri ku rwego rwo hasi, ni ukuvugaga urukiko rw'Uburire, kohereza urubanza.

[32] Urukiko rusanga ibivugwa na Sikubwabo Raphaël ko ashingira ubusabe bwe ku byasobanuwe n'uru Rukiko mu gika cya 35 cy'urubanza rubanziriza urundi rwaciye ku wa 29/04/2022, ko *ibibazo byose biri mu rubanza bikwiye gukemurirwa mu rukiko ruri ku rwego rwo hejuru kugirango hatabaho imanza zishobora kuzongera kugaruka mu karengane*, ari imyumvire itari yo y'ibyavuzwe muri icyo gika, kuko kidashobora gusomwa cyonyine kitarebwe hamwe n'ibyavuzwe mu bindi bika bikibanziriza. Icyo Urukiko rwashatse kugaragaza muri urwo rubanza, ni uko igihe urukiko rwashyikirijwe ikibazo cy'akarengane kirebana no kuba inkiko zibanza zaranze kwakira ikirego, rugasanga cyaragombaga kwakirwa, ruvanaho imanza zanze kucyakira, rugahita runasuzuma ikirego mu mizi cyari cyashyikirijwe urukiko rwo hasi. Mu gika cya 35, Urukiko rwasobanuye impamvu rufashe uwo murongo<sup>9</sup>, bikaba ntaho bihuriye no kuba izindi manza zose Sikubwabo Raphaël afite mu zindi nkiko, zifitanye isano n'ikiburanwa, zazanwa zigahuzwa n'uru rubanza, nk'uko ashaka kubyumvikanisha.

[33] Hashingiwe ku bisobanuro byose bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga ubusabe bwa Sikubwabo Raphaël bwo guhamagaza urubanza N° RCOMAA 00024/2022/CA

---

<sup>9</sup> Urukiko rwasobanuye ko : inzira yo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane ishyirwaho, igitekerezo cy'Umushingamategeko cyari uko urukiko rwaregewe biciye muri icyo nzira, rukemura ibibazo byose biri **mu rubanza umuburanyi yarugejejeho**, aho kugirango rukemure igice kimwe, ikindi gisubire mu nkiko ziri hasi yarwo, bitume habaho imanza zishobora kuzongera kugaruka mu karengane kandi byashobokaga ko ibibazo birangirizwa rimwe n'urukiko ruri ku rwego rwo hejuru.

ruburanishwa n'Urukiko rw'Ubujurire rugahuzwa n'urubanza N° RS/INJUST/RC 00007/2021/SC kubera isano zifitanye, budakwiye kwakirwa ngo busuzumwe, kuko yabutanze mu nzira zidakurikije amategeko.

[34] Urukiko rurasanga, mu rwego rwo gutanga umurongo wafasha izindi nkiko, ari ngombwa no kugira icyo ruvuga ku bijyanye no kumenya niba imanza ziburanihwa hashingiwe ku birego byashyikirijwe inkiko binyuze mu nzira yo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, zishobora guhuzwa n'imanza zaregewe inkiko binyuze mu nzira zisanzwe.

[35] Ibirego bishyikirizwa inkiko binyuze mu nzira yo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, bitangwa ku manza ziba zamaze kuba itegeko, kandi bikagira inzira yihariye binyuramo kugirango biburanishwe, isobanurwa kuva ku ngingo ya 53 kugeza ku ya 62 z'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko. Bimwe mu biteganywa muri izo ngingo, ni uko hari isuzuma ribanza gukorwa n'Abayobozi b'Inkiko cyangwa Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko, bashingiye ku mpamvu zigenwa n'Itegeko, icyemezo cya nyuma kigafatwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

[36] Urukiko rusanga guhuza imanza ziburanihwa hashingiwe ku birego byatanzwe binyuze muri iyo nzira, n'imanza zirimo kuburanishwa ku birego byatanzwe binyuze mu nzira zisanzwe (bitanyujijwe mu nzira yateganyijwe ku manza z'akarengane), bishobora no kuba birimo kuburanishwa ku rwego rwa mbere, byaba bibangamiye imigendekere myiza y'ubutabera. Ibi birahura n'ibyemejwe n'uru Rukiko mu cyemezo cyafatiwe mu ntebe mu rubanza N° RS/INJUST/RCOM

00005/2019/SC<sup>10</sup>, haburanamo Kigali Ceramica & Furniture Ltd na Guaranty Trust Bank (Rwanda) Plc. Muri urwo rubanza, Urukiko rwasobanuye ko urubanza rwaregewe mu rwego rw'akarengane ari urubanza ruba rwararangije inzira z'ubujurire, rushobora no kuba rwararangijwe, rukaba rudashobora guhuzwa n'urubanza rugifite inzira zisanzwe z'ubujurire.

[37] Urukiko rusanga uburyo bwiza bwo gukuraho impungenge z'uko hashobora kubaho ivuguruzanya hagati y'imanza zaregewe mu rwego rw'akarengane n'izaregewe binyuze mu nzira zisanzwe, ari uko inkiko zaregewe mu nzira zisanzwe zategereza icyemezo cyafatwa n'inkiko zaregewe mu rwego rw'akarengane.

### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[38] Rwemeje ko ubusabe bwa SIKUBWABO Raphaël bwo guhamagaza urubanza N° RCOMAA 00024/2022/CA ruburanishwa n'Urukiko rw'Ubugurire rugahuzwa n'urubanza N° RS/INJUST/RC 00007/2021/SC, budakwiye kwakirwa ngo busuzumwe, kuko yabutanze mu nzira zidakurikije amategeko;

[39] Rwemeje ko iburanisha ry'urubanza rizakomeza ku munsu Ubwanditsi bw'Urukiko buzamenyesha ababuranyi.

---

<sup>10</sup> Reba inyandikomvugo y'iburanisha ryo ku wa 22/06/2020, p. 11



## TWAGIRAYEZU N’ABANDI v TWAGIRAYEZU N’UNDI (ADD)

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RS/INJUST/RC  
00007/2020/SC (Ntezilyayo, P.J., Cyanzayire, Nyirinkwaya,  
Hitiyaremye na Karimunda J.) 25 Kamena 2021]

*Amategeko agenga imiburanishirije y’imanza – Gutsindwa ku rwego rwa mbere n’urwa kabiri ku mpamvu zimwe – Amakosa yo gukoporora ijambo ku rindi inyandiko z’ababuranyi cyangwa ibisobanuro biri mu rundi rubanza (judicial plagiarism) – Ubujurire bwa kabiri – Iyo Urukiko rwajuririwe rukoporoye imyanzuro y’ababuranyi uko yakabaye cyangwa imikirize y’urubanza rwajuririwe ntirunagaragaze aho rwabikuye, ni amakosa yo kwiwitirira cyangwa gukoporora iby’abandi (judicial plagiarism) – Ntibyafatwa ko umuntu yatsinzwe ku mpamvu zimwe mu gihe urukiko rwajuririwe rwakoporoye ijambo ku rindi icyemezo cy’urukiko rubanza kandi ntaho rwabanje kuvuga ko rwemeranya narwo – icyakora gukoporora ijambo ku rindi ntibyakwitiranywa n’impamvu (motivation par référence), kuko yo ibanzirizwa no gusuzuma niba ababuranyi nta bisobanuro bishya batanze mu myanzuro y’ubujurire hanyuma Urukiko rukemeranywa n’impamvu zatanzwe mu rubanza rwajuririwe mu gihe zisa n’izo Urukiko rwajuririwe rwashingiraho.*

**Incamake y’ikibazo :** Uru rubanza rwatangiye Twagirayezu Alice n’abavandimwe be barega undi muvandimwe wabo witwa Twagirayezu Albert mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, basaba ko amasezerano y’ubugure bw’ikibanza cy’umuryango yakoranye na nyakwigendera Niyongira, wari umugabo wa Umumaranyota aseswa agasubiza uwo mutungo kuko

yawugurishije batabizi. Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwasanze Twagirayezu Albert yaragurishije umutungo uburanwa afite ibyangombwa bigaragaza ko ari nyirawo, rusanga ibimenyetso abarega bashingiraho bavuga ko ahaburanwa ari ah'umuryango, byarabonetse nyuma yuko umutungo ugurishijwe, hanyuma rutegeka ko amasezerano yasabirwaga guseswa agumana agaciro kayo.

Twagirayezu Alice n'abavandimwe be, bajuririye Urukiko Rukuru bavuga ko Twagirayezu Albert yahengereye abavandimwe be batakiba mu Rwanda, yiyitirira umutungo w'umuryango, awiyandikishaho, anahita awugurisha, ko Urukiko rwabanje iyo rwikorera iperereza, rugasuzuma n'ibimenyetso barushyikirije, rwari kubona ko Twagirayezu Albert atagaragaza inkomoko y'umutungo yiyitiriye.

Urukiko Rukuru rwemeje ko Urubanza rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rudahindutse kuko Twagirayezu Alice n'abagenzi be batagaragaza ibimenyetso byerekana ko umutungo ari uwabo.

Twagirayezu Alice n'abagenzi be bajuririye Urukiko rw'Ubujurire bavuga ko Urukiko Rukuru rutasuzumye inkomoko y'umutungo wagurishijwe ndetse n'inyandiko Twagirayezu Albert yiyandikiye avuga ko yagurishije umutungo w'umuryango atabihereye uburenganzira.

Umumaranyota yatanze inzitizi yo kutakira ikirego mu rukiko rw'Ubujurire ku mpamvu y'uko agaciro k'ikiburanwa katageze kuri 75.000.000Frw, n'impamvu yuko abatsinzwe, abatsinzwe mu nkiko zombi z'abanje ku mpamvu zimwe.

Urukiko rw'Ubujurire rwemeje ko nubwo abagenagaciro bagaragaje ko agaciro k'ikibanza kiburanwa kari hejuru ya 75.000.000Frw, ariko ingingo zasuzumwe n'Urukiko Rukuru ndetse n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, zihuriye ku kumenya niba umutungo wagurishijwe ari uwa Twagirayezu Albert ku giti cye cyangwa niba wari uw'umuryango wa Twagirayezu Aloys, rwemeza ko izo nkiko zombi zafashe icyemezo zishingiye ku mpamvu zimwe, bityo ko ubujurire butari mu bubasha bwariwo.

Twagirayezu Alice n'abavandimwe be, bandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga basaba ko urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, amaze gusuzuma ubwo busabe, yategetse ko rwongera ruburanishwa. Twagirayezu na Umumaranyota batanze indi nzitizi yo kutakira ikirego kubera ko abarega batagaragaza impamvu z'akarengane zatumye urubanza rusubirishwamo kandi ko abarega batemerewe gusaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure batagizemo uruhare. Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ko, iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga amaze kwemeza ko urubanza rwongera kuburanishwa, nta zindi nzitizi zitangwa zatumye urubanza rutaburanishwa mu mizi uretse inzitizi ndemyagihugu, naho ku bijyanye n'inzitizi y'uko abarega baba batemerewe gusaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure batagizemo uruhare, rwemeje ko iyi nzitizi, igaruka ku mizi y'urubanza, ikaba itasuzumwa hataramenyekana niba Urukiko rw'Ubujurire rwarakoze amakosa rwemeza ko abarega batsinzwe ku mpamvu zimwe mu Rukiko Rwisumbuye no mu Rukiko Rukuru.

Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ko kuba Urukiko Rukuru nta bisobanuro byarwo rwashyize mu rubanza rwaciye, ahubwo rwarateruye ibyo Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo,

rugakoporora ijamba ku rindi, Urukiko rw'Ubururire rutari kuvuga ko impamvu ari zimwe muri izo manza zombi, nyamara urubanza rwatangiywe impamvu ari urwaciye ku rwego rwa mbere rwonyine, bikaba byari gutuma ubururire bwa kabiri bwakirwa.

**Incamake y' icyemezo :** Iyo Urukiko rwajuririwe rukoporoye imyanzuro y'ababuranyi uko yakabaye cyangwa imikirize y'urubanza rwajuririwe ntirunagaragaze aho rwabikuye, ni amakosa yo kwiyitirira cyangwa gukoporora iby'abandi (judicial plagiarism), akosorwa nuko Urukiko ruyavumbuye ruburanisha urwo rubanza kugira ngo akosorwe. Bityo Urukiko ruri gusuzuma ubururire bwa kabiri rwasabwe gufata icyemezo ku nzitizi yo kuba uwajuriye yaratsinzwe ku mpamvu zimwe, ntaho rwahera rugereranya imitekerereze y'Inkiko zombi ngo rwemeze ko zafashe ibyemezo zishingiye ku mpamvu zimwe kandi impamvu zaratanzwe gusa n'Urukiko rwaciye urubanza ku rwego rwa mbere.

**Ubururire bwa kabiri bwagombaga kwakirwa.**

**Amategeko yashingiweho:**

Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo ya 52.

**Imanza zifashishijwe:**

Urubanza RCOMAA0051/14/CS, Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro v SECAM Ltd rwaciye n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 04/12/2015.

Urubanza, RCOMAA0038/16/CS-RCOMAA 0033/2016/SC,  
Bank of Kigali Ltd v Mulisa Kana Martin rwaciwe  
n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/4/2017.

Urubanza RCOMAA0048/16/CS; Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro  
v SODAR Ltd rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa  
19/05/2017.

Urubanza RS/INJUST/RCOM 00002/2020/SC; Road Solution  
Pavement Products na MAILCO Ltd n'Urukiko  
rw'Ikirenga rwaciwe ku wa 25/09/2020.

DiLeo v. Ernst & Young 901 F.2d 624 (7th Cir. 1990)

Cojocar v. B.C. Women's Hosp. & Health Ctr., No. 34304,  
2013 SCC 30 (Can. May 24, 2013).

Stone v. City of Kiowa, 950 P.2d 1305 (Kan. 1997)

State v. McDermott, 810 N.W.2d 237 (Wis. Ct. App. 2012).

### **Inyandiko z'abahanga zifashishijwe.**

Serge Guinchard (sous la dir.) Droit et pratique de la procédure  
civile, Dalloz, Paris, 2014, p.1191.

## **Urubanza**

### **I. IMITERERE Y'URUBANZA**

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique, barega musaza wabo Twagirayezu Albert kuba yaragurishije ikibanza cy'umuryango kibaruye kuri UPI 1/02/10/03/4370, batabizi, basaba ko amasezerano y'ubugure yo ku wa 22/02/2012, yakoranye na nyakwigendera Niyongira Jean Claude, wari

umugabo wa Umumaranyota Agnès aseswa, uyu agasubiza umutungo uburanwa.

[2] Mu rubanza RC00038/2017/TGI/GSBO rwaciwe ku wa 27/07/2018, Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwasanze Twagirayezu Albert yaragurishije umutungo uburanwa afite acte de notoriété imwanditseho, ibyemezo by'umutungo bitangwa n'inzego z'ibanze, fiche cadastrale n'ibyemezo by'umusoro bigaragaza ko ikibanza n° 4370 ari icye, rusanga ibimenyetso abarega bashingiraho bavuga ko ahaburanwa ari ah'umuryango, byarabonetse mu mwaka wa 2014 kandi umutungo waragurishijwe mu mwaka wa 2012 ndetse n'ibyo bavuga ko hari abatangabuhamy bemeza ko umutungo wari uw'ababyeyi bitahabwa ishingiro kuko abo batangabuhamy ntabagaragajwe kandi nubwo bagaragazwa bakaba batanyomoza ibimenyetso bifitwe na Twagirayezu Albert, rwanzura ko nubwo Twagirayezu Albert atagaragaza inkomoko y'umutungo, ibimenyetso yashyikirije Urukiko bitavugurujwe kandi byerekana ko umutungo wari uwe. Urukiko rwategetse ko amasezerano y'ubugure yo ku wa 22/02/2012 agumana agaciro kayo kuko yakozwe mu buryo bukurikije amategeko.

[3] Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine, na Twagirayezu Monique bajuririyeye Urukiko Rukuru bavuga ko Twagirayezu Albert yahengereye batakiba mu Rwanda, yiyitirira umutungo w'umuryango, awiyandikishaho, anahita awugurisha, ko iyo Urukiko rwikorera iperereza, rugasuzuma n'ibimenyetso barushyikirije, rwari kubona ko Twagirayezu Albert atagaragaza inkomoko y'umutungo yiyitiriye akanawugurisha.

[4] Mu rubanza RCA00291/2018/HC/KIG rwaciwe ku wa 31/01/2019, Urukiko Rukuru rwasanze igihe Niyongira Jean

Claude yaguraga, hari ibimenyetso Twagirayezu Albert yamugaragarije byerekana ko umutungo ari uwe ndetse ko byari no mu bubasha bwe kuba yawugurisha, bityo kuba abazungura ba Twagirayezu Aloys na icyimpaye Marie Rose batagaragaza ibimenyetso byerekana ko umutungo ari uwabo, bishimangira ko umutungo Twagirayezu Albert yagurishije wari uwe, rwanzura ko imikirize y'urubanza RC00038/2017/TGI/GSBO rwaciwe n' Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ku wa 27/07/2018, idahindutse, rutegeka abarega guha Umumaranyota Agnès 250.000Frw y'igihembo cya Avoka na 100.000Frw y'ikurikiranarubanza.

[5] Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique bajuririye Urukiko rw'Ubujurire bavuga ko Urukiko Rukuru rutasuzumye inkomoko y'umutungo wagurishijwe ndetse n'inyandiko Twagirayezu Albert yiyandikiye avuga ko yagurishije umutungo w'umuryango atabiherewe uburenganzira, ko inyandiko y'ubugure yabaye ku wa 01/11/1984 hagati ya icyimpaye Marie Rose na Kavamahanga, n'imvugo z'abatangabuhamya ziyishimangira byirengagijwe nyamara ari byo bigaragaza inkomoko y'umutungo.

[6] Umumaranyota Agnès yatanze inzitizi yo kutakira ubujurire bwa kabiri ashingiye ku mpamvu y'uko haburanwa gusesa amasezerano y'ubugure bw'ikibanza cyaguzwe 10.000.000Frw, nyamara agaciro k'ikiburanwa katageze kuri 75.000.000Frw ateganywa n'ingingo ya 52 y'Itegeko No 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, n'iyo kuba impamvu zashingiweho abarega batsindwa mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ari zimwe n'izashingiweho mu Rukiko Rukuru.

[7] Mu rubanza RCAA00020/2019/CA rwaciwe ku wa 26/06/2020, Urukiko rw'Ubujurire rwasanze nubwo abagenagaciro bemeza ko ikibanza UPI 1/02/10/03/4370 gifite agaciro ka 92.825.000Frw, ingingo zasuzumwe n'Urukiko Rukuru ndetse n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, zihuriye ku kumenya niba umutungo wagurishijwe ari uwa Twagirayezu Albert ku giti cye cyangwa niba wari uw'umuryango wa Twagirayezu Aloys, rusanga izo nkiko zombi zarafashe icyemezo zishingiye ku mpamvu zimwe, rwemeza ko ubujurire butari mu bubasha bwari, abajuriye bategekwa gufatanywa kwishyura Umumaranyota Agnès 500.000Frw y'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza.

[8] Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique bandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga basaba ko urubanza RCAA00020/2019/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 26/06/2020 rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Mu cyemezo No 058/CJ/2020 cyo ku wa 19/11/2020, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, amaze gusuzuma ubwo busabe, yategetse ko rwoherezwa mu Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo ruzongere ruburanishwe.

[9] Iburanisha mu ruhame ryabaye ku wa 02/06/2021, Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique bahagarariwe na Me Nshuti Salim hamwe na Me Kazenze Théophile, Twagirayezu Albert ahagarariwe na Me Ngezahayo Bernard, naho Umumaranyota Agnès ahagarariwe na Me Nsengiyumva Viateur.

[10] Urukiko rwabanje gusuzuma inzitizi zatanzwe n'abahagarariye Twagirayezu Albert na Umumaranyota Agnès, bavugaga ko ikirego kidakwiye kwakirwa kubera ko abarega

batagaragaza impamvu z'akarengane zatuma urubanza rusubirishwamo kandi ko abarega batemerewe gusaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure batagizemo uruhare.

[11] Ku bijyanye n'inzitizi y'uko nta mpamvu z'akarengane zagaragajwe zatuma urubanza rusubirwamo, Urukiko rwafatiye icyemezo mu ntebe, rushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 62, igika cya mbere,<sup>1</sup> n'iya 63<sup>2</sup> z'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko no ku isesengura ryazo ryakozwe mu rubanza Busoro Gervais yaburanagamo na Busoro Mugunga Désiré n'abandi, ry'uko iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga amaze kwemeza ko urubanza rwongera kuburanishwa, nta zindi nzitizi zitangwa zatuma urubanza rutaburanishwa mu mizi uretse inzitizi ndemyagihugu,<sup>3</sup> rwanzura ko iyo nzitizi itakiriwe.

[12] Naho ku bijyanye n'inzitizi y'uko abarega baba batemerewe gusaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure batagizemo uruhare, rusanga nubwo iyi ngingo yatanzwe nk'inzitizi, igaruka ku mizi y'urubanza, ikaba itasuzumwa hataramenyekana niba Urukiko rw'Ubujurire rwarakoze

---

<sup>1</sup> “Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asuzumye raporo yashyikirijwe ku rubanza rw'akarengane, akemeza ko rwongera kuburanishwa, ayohereza Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo urwo rubanza rushyirwe kuri gahunda y'iburanisha ...”

<sup>2</sup> “Iyo Urukiko rw'Ikirenga cyangwa urundi rukiko Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agena rushyikirijwe urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, rurusuzuma mu mizi bundi bushya abarubayemo ababuranyi bose bahamagajwe.”

<sup>3</sup> Urubanza R S/INJUST/RC 00022/2018/SC hagati ya Busoro Gervais na Busoro Mugunga Désiré n'abandi, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 28/06/2019, igika cya 18.

amakosa rwemeza ko abarega batsinzwe ku mpamvu zimwe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no mu Rukiko Rukuru.

[13] Nyuma yo kwemeza ko inzitizi yatanzwe n'ababuranira Twagirayezu Albert na Umumaranyota Agnès itakiriwe, Urukiko rwakomereje ku kibazo cyo kumenya niba ubujurire bwa kabiri bwaragombaga kwakirwa n'Urukiko rw'Ubujurire.

## **II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYACYO.**

**Kumenya niba ubujurire bwa Twagirayezu Alice na bagenzi be bwaragombaga kwakirwa n'Urukiko rw'Ubujurire**

[14] Me Nshuti Salim, uburanira Twagirayezu Alice na bagenzi be, avuga ko mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo hasuzumwe ibibazo byo kumenya niba Twagirayezu Albert yari afite uburenganzira bwo kugurisha ubutaka buburanwa no kumenya niba ubwo butaka bwari umutungo usangiwe, mu bujurire ibyo bibazo bisuzumwa hibazwa inkomoko y'umutungo Twagirayezu Albert yagurishije, ariko Urukiko Rukuru rwongeraho ikindi kibazo cyo kumenya niba amasezerano y'ubugure hagati ye na Niyongira Jean Claude yateshwa agaciro, iyi ngingo ikaba itari yasuzumwe ku rwego rwa mbere, ariyo mpamvu asanga mu gihe ingingo zasuzumwe n'inkiko zombi atari zimwe n'impamvu zashingiweho zidashobora kuba zimwe kabone nubwo inkiko zombi zaba zarahuriye ku cyemezo kimwe. Asaba uru Rukiko gusuzuma niba koko Urukiko Rwisumbuye n'Urukiko Rukuru zarabajijwe ibibazo bimwe ndetse zikabisesengura kimwe, rwasanga atari uko bimeze rukemeza ko abo aburanira batatsinzwe ku mpamvu zimwe, bityo ko ubujurire

bwa kabiri bwagombaga kwakirwa kubera ko ikiburanwa gifite agaciro ka 92.825.000Frw.

[15] Me Kazeneza Théophile nawe uburanira Twagirayezu Alice na bagenzi be, asaba uru Rukiko kuzabona ko ibibazo byasuzumwe n'Urukiko Rwisumbuye n'ibyasuzumwe n'Urukiko Rukuru bitandukanye, ko mu Rukiko Rukuru abarega bagaragaje ko n'ubwo ikibanza cyari cyanditse kuri Twagirayezu Albert, aterekanye aho agikomora, nyamara kubigaragaza byari inshingano ze, akaba asanga ubujurire bwaragombaga kwakirwa kubera ko impamvu zashingiweho n'izo Nkiko zombi atari zimwe.

[16] Me Nsengiyumva Viateur, uburanira Umumaranyota Agnès, avuga ko mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no mu Rukiko Rukuru habanje gusuzumwa ikibazo cyo kumenya niba Twagirayezu Albert yari afite uburenganzira bwo kugurisha umutungo uburanwa hamwe no kumenya aho awukomora, inkiko zombi zisanga afite ibimenyetso bitavuguruzwa by'uko umutungo ari uwe, harongerera hasuzumwa ikibazo cyo kumenya niba amasezerano y'ubugure akwiye guseswa, inkiko zombi zemeza ko agumana agaciro kayo kuko yakozwe mu buryo bukurikije amategeko, akaba asanga nta makosa yakozwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwemeza ko abarega batsinzwe ku mpamvu zimwe.

[17] Me Ngezahayo Bernard, uburanira Twagirayezu Albert, avuga ko yemeranya na Me Nsengiyumva Viateur kuko nawe asanga ubujurire butaragombaga kwakirwa.

## UKO URUKIKO RUBIBONA.

[18] Ingingo ya 52, igika cya 3, y' Itegeko No 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko iteganya ko “[...] icyakora kandi ubujurire bwa kabiri ntibushobora kwakirwa ku manza z’ababuranye bemera ibyo baregwa, cyangwa ku muburanyi watsinzwe mu nkiko zombi hashingiwe ku mpamvu zimwe. [...]”

[19] Mu gusobanura impamvu mu rubanza icyo aricyo, uru Rukiko rwatanze umurongo w’uko impamvu itakwitiranwa n’icyemezo, ahubwo ko ari ibisobanuro buri Rukiko rwashingiyeho mu gufata icyemezo cyarwo rugendeye ku byabayeno ku byo amategeko abiteganyaho, ko impamvu arizo zishingirwaho mu kugaragariza no gusobanurira ababuranyi icyatumye Urukiko rufata icyemezo, akaba ari nazo ziherehaye ababuranyi basuzuma niba imiburanire yabo yarasesenguwe n’Urukiko bitewe n’uko buri cyemezo cy’urukiko kigomba kuba cyasobanuriwe impamvu.<sup>4</sup>

[20] Naho ku bijyanye n’impamvu zimwe, mu rubanza Road Solutions Pavement Products yaburanagamo na Mailco Ltd, uru Rukiko rwavuze ko mu gusuzuma niba impamvu ari zimwe “harebwa icyaburanwaga n’imitekerereze ya buri rukiko mu

---

<sup>4</sup> Reba urubanza n° RCOMAA 0051/14/CS hagati y’Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro na SECAM Ltd rwaciwe ku wa 04/12/2015, igika cya 22, urubanza, RCOMAA0038/16/CS-RCOMAA 0033/2016/SC hagati ya Bank of Kigali Ltd na Mulisa Kana Martin rwaciwe ku wa 21/4/2017, igika cya 21, urubanza n° RCOMAA 0048/16/CS hagati y’Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro na SODAR Ltd rwaciwe ku wa 19/05/2017, igika cya 17.

kugaragaza impamvu zashingiweho, kugira ngo (Urukiko) rugere ku cyemezo rwafashe, hitawe ku kureba niba ingingo zaburanywe mbere arizo zagarutsweho mu bujirire kandi ko inkiko zombi zazisubijeho mu buryo bumwe. »<sup>5</sup>

[21] Dosiye y'urubanza igaragaza ko Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwasuzumye ikibazo cy'iremezo cyo kumenya niba Twagirayezu Albert hari uburenganzira yari afite bwo kugurisha ikibanza kiburanwa, impamvu Urukiko rwatanze zikaba zigaragara mu gika cya 6 n'icya 7 cy'urubanza RC00038/017/TGI/GSBO, mu Rukiko Rukuru iki kibazo cyahindutse gusuzuma inkomoko y'umutungo uburanwa kugira ngo hagaragare nyirawo w'ukuri, icyakora nk'uko bigaragara mu bika bya 9 na 10 by'urubanza RCA00291/2018/HC/KIG, Urukiko Rukuru rwakoporoye ijamba ku rindi ibyari byavuzwe mu gika cya 6 n'icya 7 by'urubanza rwajuririwe.

[22] Urukiko rurasanga akamaro k'ibisobanuro mu rubanza ari ukugira ngo Urukiko rugaragaze ibyo rwashingiyeho rukemura ikibazo rwashyikirijwe n'ababuranyi, iyo rero ibyo bisobanuro bidashobora kwitirirwa Urukiko kubera ko rwabikoporoye ahandi uko byakabaye kandi ntiruvuge naho rwabikuye, byaba ari ugukoporora imikirize y'urubanza rwajuririwe cyangwa imyanzuro y'ababuranyi, abahanga bavuga ko bidakwiye gufatwa nk'ibisobanuro ahubwo ari amakosa yo kwiyitirira cyangwa gukoporora iby'abandi (judicial plagiarism).<sup>6</sup> Iki kibazo

<sup>5</sup> Urubanza RS/INJUST/RCOM 00002/2020/SC hagati ya Road Solution Pavement Products na MAILCO Ltd, rwaciwe ku wa 25/09/2020, igika cya 24. Reba kandi urubanza RCOMAA0048/16/CS hagati y'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro na SODAR Ltd rwaciwe ku wa 19/05/2017, igika cya 18.

<sup>6</sup>“*If an opinion or order cannot fairly be attributed to the court, describing the process of its production and adoption as judicial plagiarism is perfectly apt.*”

cyagarutsweho kandi n'Inkiko z'ibindi bihugu nkaho mu rubanza DiLeo yaburanaga na Ernest & Young, Urukiko rw'Ubujurire rwa the Seventh Circuit rw'i Chicago rwasanze umuco w'Inkiko z'Uturere (District Court) wo gukoporora ibice bimwe by'imyanzuro y'ababuranyi zikayiyitirira udakwiye guhabwa intebe kubera ko bitesha ishema ibisobanuro Urukiko ruba rwatanze kandi bikagaragaza Urukiko nk'igikoresho cy'ababuranyi, kabone nubwo muri uko gukoporora hamwe na hamwe Urukiko ruba rwongeyemo amagambo yarwo.<sup>7</sup>

[23] Urukiko rurasanga mu rubanza Cojocarú yaburanaga na British Columbia Women's Hospital & Health Center, Urukiko rw'Ubujurire rwa British Columbia muri Canada rwasanze ku mpapuro 105 zigize urubanza rwari rwajuririwe, 84 zari zakoporoye imyanzuro y'ababuranyi uko yakabaye, byakoporowe n'Urukiko rubanza, naho ku bika 222 bigize urubanza, 30 gusa aribyo by'Urukiko, nabyo bikaba byari ku iriburiro, kuvuga muri make imiterere y'urubanza n'imyanzuro y'ababuranyi, bituma Urukiko rw'Ubujurire ruvuga ko impamvu zatanzwe n'Urukiko rubanza zidashobora kwitirirwa isesengura ryarwo ku bibazo rwari rwabajijwe cyangwa ngo zigaragaze ko isesengura rwakoze ariryo ryarugejeje ku cyemezo rwafashe, iki kibazo cyatumye Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada rushyiraho

---

Reba Douglas R. Richmond, "UNORIGINAL SIN: The Problem of Judicial Plagiarism" (2014) Arizona State Law Journal 177 at 179.

<sup>7</sup>"A district judge could not photocopy a lawyer's brief and issue it as an opinion. Briefs are argumentative, partisan submissions. Judges should evaluate briefs and produce a neutral conclusion, not repeat an advocate's oratory. From time to time district judges extract portions of briefs and use them as the basis of opinions. We have disapproved this practice because it disguises the judge's reasons and portrays the court as an advocate's tool, even when the judge adds some words of his own." Reba DiLeo v. Ernst & Young 901 F.2d 624 (7th Cir. 1990).

ihame ry'uko iyo gukoporora iby'abandi byakozwe ku buryo umuntu usanzwe (reasonable person) abona ko Urukiko ubwarwo rutigeze rusesengura ibimenyetso n'ibibazo rwashyikirijwe kandi bigatuma rudafata icyemezo mu bwigenge bwarwo, urwo rubanza rushobora guteshwa agaciro.<sup>8</sup>

[24] Urukiko rurasanga icyakora muri Amerika, mu rubanza Stone yaburanaga n'Umujyi wa Kiowa rwaciwe mu mwaka wa 1997, Urukiko rw'Ikirenga rwa Kansas rwarasanze nubwo ibyo gukoporora iby'abandi atari umuco wo kwihanganirwa, bitatuma urubanza ruteshwa agaciro, ahubwo rwasubirwamo (review), rugakosorwa,<sup>9</sup> ibi ni nako Urukiko rw'Ikirenga rwa Wisconsin rwabisanze mu rubanza Leta yaburanaga na

---

<sup>8</sup>*A judgment should be set aside “only if the [judge’s] copying is of such a character that a reasonable person apprised of the circumstances would conclude that the judge did not put her mind to the evidence and the issues and did not render an impartial, independent decision.”* *Reba Cojocar v. B.C. Women’s Hosp. & Health Ctr.*, No. 34304, 2013 SCC 30 (Can. May 24, 2013).  
<sup>9</sup>*“There is nothing inherently wrong with a trial court’s adopting a party’s findings and conclusions in their entirety as long as they had been individually considered, but it is the sort of shorthand that would be susceptible to abuse. Thus, although not a practice to be encouraged, it is not, standing alone, a violation of Supreme Court Rule 165 [ “In a contested matter submitted to the court without a jury -and when the court grants a motion for summary judgment -the court must state its findings of fact and conclusions of law in compliance with K.S.A. 60- 252.” Rule 165 - Reasons for Decision, Kan. R. Rel. Dist. Ct. 165] or K.S.A. 60-252 [ (1) In general. In an action tried on the facts without a jury or with an advisory jury or upon entering summary judgment, the court must find the facts specially and state its conclusions of law separately. The findings and conclusions may be stated on the record after the close of evidence, or may appear in an opinion or a memorandum of decision filed by the court. Judgment must be entered under K.S.A. 60-258, and amendments thereto].”* *Reba urubanza Stone v. City of Kiowa*, 950 P.2d 1305 (Kan. 1997).

McDermott,<sup>10</sup> ahanini izi nkiko zashingiye iki cyerekezo ku kuba nubwo Urukiko ruba rwarakoze amakosa rugakoporora ijambo ku rindi inyandiko z'abandi rutabivuze, nta tegeko runaka rigenga imiburanishirize y'imanza ruba rwishe ku buryo byatuma urubanza rwaciye ruteshwa agaciro. Uru Rukiko narwo rukaba rusanga amakosa yo gukoporora ijambo ku rindi inyandiko z'ababuranyi cyangwa ibisobanuro biri mu rundi rubanza adakwiye kwihanganirwa, ariko akaba atari impamvu yatuma urubanza ayo makosa yakozwemo ruteshwa agaciro, ahubwo yatuma Urukiko ruyavumbuye ruburanisha urwo rubanza kugira ngo akosorwe.

[25] Urukiko rurasanga ibyo gukoporora ijambo ku rindi bitakwitiranywa n'icyitwa motivation par référence aho Urukiko rwajuririwe rushobora kwiyitirira ibisobanuro byatanzwe n'Urukiko rwabanje kubera ko motivation par référence ibanzirizwa no gusuzuma niba ababuranyi nta bisobanuro bishya batanze mu myanzuro y'ubujurire no kwemeranya n'impamvu zatanzwe mu rubanza rwajuririwe kubera ko zitanyuranye n'izo Urukiko rwajuririwe rwari gutanga,<sup>11</sup> ku bijyanye n'uru rubanza bikaba bigaragara ko ibisobanuro bijyanye n'inkomoko y'umutungo byari bishya mu bujurire, byongeye kandi ntaho Urukiko Rukuru rwigeze ruvuga ko kwemeranya n'impamvu zatanzwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ku buryo

---

<sup>10</sup>State v. McDermott, 810 N.W.2d 237 (Wis. Ct. App. 2012) para 25.

<sup>11</sup>“*En appel, la motivation par référence est admise en cas de confirmation du jugement La Cour est réputée avoir adopté les motifs du jugement qu'elle confirme, et qui ne sont pas contraires aux sien La Cour d'Appel n'a pas à expliquer sa décision par d'autres motifs que ceux des premiers juges lorsque les parties ne présentent pas de moyens nouveaux. Dans le cas contraire, le juge doit les analyser.*” Reba Serge Guinchard (sous la dir.) Droit et pratique de la procédure civile, Dalloz, Paris, 2014, p.1191.

byafatwa ko rwazigize izarwo, ahubwo Urukiko Rukuru nta bisobanuro rwatangiye ikibazo cya mbere rwasuzumye.

[26] Urukiko rurasanga, mu gihe Urukiko rwajuririwe rwakoporoye ijambo ku rindi nta na gito rusize cyangwa ruhinduye ku bisobanuro byatanzwe mu rubanza rwari rwajuririwe kandi ntaho rwabanje kuvuga ko rwemeranya narwo, ntibyafatwa ko Urukiko rwajuririwe hari impamvu zarwo rwatangiye icyemezo rwafashe. Iyo bimeze bityo, nubwo nta mategeko runaka aba yishwe ahubwo haba habayeho kutubahiriza amahame agenga imyandikire, ntaho Urukiko rurimo gusuzuma ubujurire bwa kabiri rwasabwe gufata icyemezo ku nzitizi yo kuba uwajuriye yaratsinzwe ku mpamvu zimwe, rwahera rugereranya imitekerereze y'Inkiko zombi ngo rwemeze ko zafashe ibyemezo zishingiye ku mpamvu zimwe kandi impamvu zaratanzwe gusa n'Urukiko rwaciye urubanza ku rwego rwa mbere.

[27] Urukiko rurasanga mu gihe byagaragaye ko nta bisobanuro byarwo Urukiko Rukuru rwashyize mu bika bya 8 na 9 by'urubanza rwaciye, ahubwo rwarateruye ibyo Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwari rwanditse mu bika bya 6 na 7 by'urubanza rwarwo, rugakoporora ijambo ku rindi ntacyo rusize cyangwa ruhinduye, bivuze ko Urukiko Rukuru nta mpamvu rwatangiye icyemezo rwafashe muri ibyo bika, bityo Urukiko rw'Ubugurire rukaba rutari kuvuga ko impamvu ari zimwe muri izo manza zombi nyamara urubanza rwatangiwe impamvu ari urwaciye ku rwego rwa mbere rwonyine, bikaba byari gutuma ubujurire bwa kabiri bwakirwa.

[28] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine, Twagirayezu Monique na Twagirayezu Albertine bataratsinzwe

ku mpamvu zimwe mu Rukiko Rwisumbuye no mu Rukiko Rukuru, bityo ubujurire bwabo bukaba bwaragombaga kwakirwa.

### **III. ICYEMEZO CY'URUKIKO.**

[29] Rwemeje ko Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique batatsinzwe ku mpamvu zimwe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no mu Rukiko Rukuru;

[30] Rwemeje ko ubujurire bwa kabiri bwa Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique mu rubanza RCAA00020/2019/CA, bwagombaga kwakirwa n'Urukiko rw'Ubururire, urubanza rukaburanishwa mu mizi;

[31] Ruvuze ko iburanisha mu mizi rizakomeza ku wa 08/09/2021.

**IMANZA ZACIWE MU MIZI**



**URUBANZA MBONEZAMUBANO**



**TWAGIRAYEZU N’ABANDI v  
TWAGIRAYEZU N’UNDI (Fond)**

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RS/INJUST/RC  
00007/2020/SC– (Ntezilyayo, P.J., Nyirinkwaya, Cyanzayire,  
Muhumuza na Karimunda, J.) 10 Ukuboza 2021]

*Amategeko agenga imanza mbonezamubano – Amasezerano y’ubugure – Umutungo utimukanwa – Kuregera kugaruza umutungo wagurishijwe n’utari nyirawo – Iyo ikibazo gisuzumwa gikomoka ku masezerano y’ubugure bw’umutungo utimukanwa, nyir’umutungo afite uburenganzira bwo kuwukurikirana kuwo awusanganye, atabanje gusaba ko amasezerano y’ubugure yabaye hagati y’uwo awusanganye n’uwawugurishije ateshwa agaciro kuko nta ruhare aba yaragize muri ayo masezarano.*

*Amategeko agenga imanza mbonezamubano – Umutungo utimukanwa – Inkomoko y’umutungo utimukanwa – Uregwa kugurisha ibitari ibye ntashobora gutsimbarara gusa ku kuba afite ibyangombwa by’umutungo atabanje kwerekana uburyo umutungo wageze mu maboko ye.*

*Amategeko agenga amasezerano – Kugurisha ikintu cy’undi – Inkurikizi zo kugurisha ikintu cy’undi – Umuguzi uvukijwe ibyo yaguze asubizwa n’uwamugurishije agaciro kabyo ku munsu abivukijweho, ni ukuvuga ku munsu icyemezo kiwumuvutsa cyafatiweho; ibyo kandi ntibivanaho ko ashobora gusaba uwamugurishije indishyi zo kuba atarubahirije inshingano ze zo kwishingira ko adahungabanywa mu burenganzira yari afite ku mutungo yaguze cyangwa gusaba ko nyir’umutungo nyakuri, uwusubiranye, yishyura agaciro k’ibyongereweho n’uwari uwutunze.*

*Amategeko agenga imanza mbonezamubano – Umutungo utimukanwa – Amasezerano y'ubugure – Igurisha ry'umutungo uhuriweho ryakozwe n'umwe mu bawusangiye – Iyo uwagurishije adahakana amasezerano y'ubugure kandi akaba yemera ko yagurishije umutungo azi ko usangiwe, igurisha rigira agaciro ku bireba igipande kigize umugabane we gusa.*

**Incamake y'ikibazo:** Twagirayezu Albert yagurishije Niyongira ikibanza abanje kumugaragariza ibyemezo by'umutungo bihamya ko icyo kibanza ari icye. Nyuma y'ubwo bugure, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique bavuze ko icyo kibanza cyari icy'umuryango wa Twagirayezu Aloys na icyimpaye Marie Rose, ko musaza wabo yakigurishije batabizi, baregera Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo barusaba gutesha agaciro amasezerano y'ubugure kugira ngo umutungo ugaruke mu maboko y'abazungura bose.

Urukiko Rwisumbuye rwasanze abarega nta bimenyetso barugaragariza bivuguriza ibya Twagirayezu Albert byerekana ko umutungo uburanwa ari uwe bwite. Twagirayezu Alice na bagenzi be bajuririye Urukiko Rukuru, narwo rwemeza ko ubujurire nta shingiro bufite. Bajuririye kandi Urukiko rw'Ubujurire, bavuga ko inkiko zabanje zitasuzumye ikibazo cy'inkomoko y'umutungo, ko Twagirayezu Albert atagaragaza aho akomora umutungo uburanwa. Urukiko rwemeje ko ubujurire butari mu bubasha bwawo kubera ko abarega batsinzwe mu Rukiko Rwisumbuye no mu Rukiko Rukuru ku mpamvu zimwe.

Twagirayezu Alice na bagenzi be basubirishijemo urubanza ku mpamvu z'akarengane mu Rukiko rw'Ikirenga maze Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeza ko ruzongera kuburanishwa. Mu

iburanisha mu ruhame Twagirayezu Albert n'Umumaranyota batanze inzitizi bavugaga ko ikirego cy'Abarega kidakwiye kwakirwa kubera ko batagaragaza impamvu z'akarengane zatumu urubanza rusubirishwamo kandi ko batanemerewe gusaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure batagizemo uruhare. Urukiko rwafatiye icyemezo mu ntebe rwemeza ko iyo nzitizi nta shingiro ifite kubera ko Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga amaze kwemeza ko urubanza rwongera kuburanishwa, nta zindi nzitizi zitangwa zatumu urubanza rutaburanishwa mu mizi uretse inzitizi ndemyagihugu. Ku nzitizi ya kabiri, Urukiko rwemeje ko iyo nzitizi igaruka ku mizi y'urubanza, ikaba itasuzumwa hataramenyekana niba Urukiko rw'Ubujuje rwarakoze amakosa rwemeza ko abarega batsinzwe ku mpamvu zimwe mu nkiko zabanje. Umumaranyota yatanze indi nzitizi ndemyagihugu avuga ko abarega badafite ububasha bwo gusaba gusesa amasezerano y'ubugure batagizemo uruhare ariko Urukiko rwafatiye icyemezo mu ntebe rwemeza ko idakwiye kwakirwa kuko itigeze itangwa nk'impamvu y'akarengane ndetse n'imanza ziza mu karengane ziba zaraciwe burundu.

Iburanisha mu mizi ryarakomeje, habanza gusuzumwa ikibazo kijyanye no kumenya niba Twagirayezu Alice n'Abagenzi be bafite ububasha bwo gusaba ko amasezerano y'ubugure yakozwe hagati ya Twagirayezu Albert na Niyongira ateshwa agaciro. Kuri iki kibazo Abarega bavuga ko ayo masezerano akwiye guteshwa agaciro kuko Twagirayezu Albert nawe ubwe yiyemerera ko yagurishije ibitari ibye. Bavuga kandi ko nubwo abagiranye amasezerano aribo bemerewe gusaba ko aseswa, iryo hame rifite irengayobora ry'uko nta kibuzo nyir'umutungo kuwukurikirana mu maboko y'uwo awusanganye, asaba iseswa ry'amasezerano uwufite yawuguriyeho.

Umumaranyota na Twagirayezu Albert bavuga ko iseswa ry'amasezerano risabwa n'abayagizemo uruhare, bityo iyi ngingo ikaba itari ikwiye kwakirwa kubera ko nta kimenyetso na kimwe abarega bashingiraho bavuga ko umutungo ari uw'abazungura ba Icyimpaye Marie Rose ndetse ko ntacyo bakoze ngo bateshe agaciro inyandiko mpamo zatanzwe n'inzego zibifitiye ububasha zihamya ko ubutaka buburanwa ari ubwe. Ikindi ni uko ayo masezerano atateshwa agaciro kuko yakozwe mu buryo bukurikije amategeko kandi impande zombi zayagiranye zikaba ntacyo ziyakemangaho.

Ku kibazo cyo kumenya niba Twagirayezu Albert yaragurishije umutungo asangiye n'abandi bazungura ba Twagirayezu Aloys na Icyimpaye batabyumvikanyeho n'ingaruka zabyo, Abarega bavuga ko bagaragarije inkiko zabanje ibimenyetso bigaragaza ko ubutaka buburanwa bwari ubwa Kavamahanga, bugurwa na Icyimpaye, umugore wa Twagirayezu Aloys, aba akaba ari ababyeyi babo, bityo bukaba bukwiye kuba ubwabo nk'abazungura babo.

Umumaranyota avuga ko akomora umutungo uburanwa ku bugure bwakozwe n'umugabo we Niyongira kandi ko bwabaye amaze kugaragarizwa ibyangombwa bihamya ko uwo mutungo ari uwa Twagirayezu Albert. Avuga kandi ko amasezerano y'ubugure yo ku wa 01/11/1984 Abarega bashingiraho adakwiye guhabwa agaciro kubera ko handitsemo ko uguze ari Kimpaye Marie Rose, nyamara bo bavuga ko nyina yitwa Icyimpaye Marie Rose.

Mu nama ntegurarubanza, Twagirayezu Albert yemeye ko yagurishije ubutaka asangiye na bashiki be ndetse yemera gusubiza amafaranga yakiriye, akaba yarabikoze mu rwego rwo gushaka guhuguza Umumaranyota Agnès. Yavuze ko gusubiza

amafaranga atari kubiterwa no kuba yaragurishije icy'undi ahubwo ari uko yashakaga kugaruza umutungo we bwite.

Ku kibazo cyo kumenya ingaruka zo kuba umutungo wagurishijwe wari uhuriweho n'abazungura ba Twagirayezu Aloys na Icyimpaye Abarega bavuga ko mu gihe Urukiko rusanze Twagirayezu Albert yaragurishije umutungo bari basangiye, Umumaranyota yasubiza umutungo ba nyirawo akikurikiranira uwamugurishije ku gaciro umutungo ugezeho hashingiwe ku igenagaciro ryashyizwe muri dosiye cyane cyane ko uyu nawe yemera kumusubiza amafaranga yakiriye.

Umumaranyota avuga ko ntacyo yabashije kugira icyo akora kuri ubwo butaka nyuma y'urupfu rw'umugabo we ku buryo kugeza ubu ntacyo yubatshe nta n'icyahindutse ku buso bwabwo ariko ko ibyo bitabujije uwo mutungo kuzamura agaciro, bityo mu gihe uru Rukiko rwasanga, umutungo ugomba gusubizwa mu maboko y'Abarega, Twagirayezu Albert yategekwa kumusubiza agaciro uwo mutungo ugezeho uyu muni.

**Incamake y'icyemezo:** 1 Kugira ngo nyir'umutungo aregere kugaruza ibye byagurishijwe n'utari nyirabyo ntibisaba kubanza gusaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure kuko nta ruhare aba yaragize muri ayo masezerano. Ku birebana n'uru rubanza, bikaba ari uburenganzira bwa Twagirayezu Alice na bagenzi be gusaba ko umutungo bumva ko bafiteho uruhare ufitwe na Umumaranyota Agnès ugaruzwa.

2. Uregwa kugurisha ibitari ibye ntashobora gutsimbarara gusa ku kuba afite ibyangombwa by'umutungo atabanje kwerekana uburyo umutungo wageze mu maboko ye; bityo mu gihe Twagirayezu Albert atabasha kugaragaza uburyo umutungo uburanwa wavuye mu maboko ya nyina Icyimpaye Marie Rose, wari nyirawo, ugahinduka uwe ku giti cye, bikwiye gufatwa ko

uwo mutungo yari awusangiye n'abandi bazungura, agurisha uruhare rwabo kuri uwo mutungo batabimuhereye uburenganzira.

3. Umuguzi uvukijwe ibyo yaguze asubizwa n'uwamugurishije agaciro kabyo ku muni abivukijweho, ibyo kandi ntibivanaho ko ashobora gusaba uwamugurishije indishyi zo kuba atarubahirije inshingano ze zo kwishingira ko adahungabanywa mu burenganzira yari afite ku mutungo yaguze cyangwa gusaba ko nyir'umutungo nyakuri, uwusubiranye, yishyura agaciro k'ibyongereweho n'uwari uwutunze. Bityo, Umumaranyota Agnès agomba gusubizwa na Twagirayezu Albert agaciro umutungo uburanwa ugezeho uyu muni kuko ntacyo yawongereyeho.

4. Iyo uwagurishije adahakana amasezerano y'ubugure kandi akaba yemera ko yagurishije umutungo azi ko usangiwe, igurisha rigira agaciro ku bireba igipande kigize umugabane we gusa., bityo uruhare rwa Twagirayezu Albert ku mutungo uburanwa ruhwaye na kimwe cya gatanu (1/5) cyawo kikaba kigomba guhabwa Umumaranyota Agnès, bine bya gatanu byawo (4/5) bigasubizwa Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine, Twagirayezu Monique na Twagirayezu Albertine, hanyuma Twagirayezu Albert agasubiza Umumaranyota Agnès agaciro kabyo (4/5).

**Ikirego cy'ubujurire cyatanzwe mu Rukiko rw'Ubujurire  
gifite ishingiro kuri bimwe.**

**Urubanza rwaciye n'Urukiko Rukuru ruhindutse kuri  
bimwe.**

**Amategeko yashingiweho:**

Itegeko Ngenga N° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n' imicungire y' ubutaka mu Rwanda, ingingo ya 5.

Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw' inkiko, ingingo ya 52, 62, n' iya 63.

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018, ryerekeye imiburanishirize y' imanza z' imbenezamubano, iz' ubucuruzi, iz' umurimo n' iz' ubutegetsi, ingingo ya 111.

Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 64 n' iya 113.

Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n' itangwa ryabyo, ingingo ya 3.

**Imanza zifashishijwe:**

RS/INJUST/RC 00022/2018/SC, Busoro Gervais na Busoro Mugunga Désiré n' abandi, , rwaciwe n' Urukiko rw' Ikirenga ku wa 28/06/2019.

RCAA 00045/2016/SC, Kold v Nyirahabimana rwaciwe n' Urukiko rw' Ikirenga ku wa 24/05/2019.

RS/ INJUST/ RC 00011/2018/ SC rwaciwe n' Urukiko rw' Ikirenga ku wa 09/06/2021

RCAA 0018/13/CS rwaciwe n' Urukiko rw' Ikirenga ku wa 24/12/2014.

RS/REV/INJUST/CIV 0003/14/CS, Mukagatare Grace na Succession Bwanakeye Francois, rwaciwe n' Urukiko rw' Ikirenga ku wa 03/03/2017.

RS/REV/INJUST/RC 00038/2017/CS, Itangishaka Leonidas na Nyiramahane Rachel n' undi, rwaciwe n' Urukiko rw' Ikirenga ku wa 22/06/2018.

- RS/INJUST/RC 00008/2019/SC, Gahire Athanase na Mukarushakiro Gloriose na bagenzi be, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 12/11/2021.  
rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 12/11/2021.
- RCOMAA 0051/14/CS, Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro na SECAM Ltd rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 04/12/2015.
- RCOMAA 0038/16/CS-RCOMAA 0033/2016/SC, Bank of Kigali Ltd na Mulisa Kana Martin, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/4/2017.
- RCOMAA, 0048/16/CS Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro v SODAR Ltd rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/05/2017.
- RS/INJUST/RCOM 00002/2020/SC, Road Solution Pavement Products na MAILCO Ltd, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/09/2020.
- RCOMAA 0048/16/CS, Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro na SODAR Ltd, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/05/2017.

**Inyandiko z'abahanga zifashishijwe:**

- Douglas R. Richmond, unoriginal sin: The Problem of Judicial Plagiarism, (2014) Arizona State Law Journal 177 at 179.
- Serge Guinchard (sous la dir.) Droit et pratique de la procédure civile, Dalloz, Paris, 2014, p.1191.

## Urubanza

### I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique, barega musaza wabo Twagirayezu Albert kuba yaragurishije ikibanza cy'umuryango kibaruye kuri UPI 1/02/10/03/4370, batabizi, basaba ko amasezerano y'ubugure yo ku wa 22/02/2012, yakoranye na nyakwigendera Niyongira Jean Claude, wari umugabo wa Umumaranyota Agnès aseswa, uyu agasubiza umutungo uburanwa.

[2] Mu rubanza RC 00038/2017/TGI/GSBO rwaciwe ku wa 27/07/2018, Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwasanze Twagirayezu Albert yaragurishije umutungo uburanwa afitwe acte de notoriété imwanditseho, ibyemezo by'umutungo bitangwa n'inzego z'ibanze, fiche cadastrale n'inyemezabwishyu yishyuriyeho umusoro bigaragaza ko ikibanza numero 4370 ari icye, rusanga ibimenyetso abarega bashingiraho bavuga ko ahaburanwa ari ah'umuryango, byarabonetse mu mwaka wa 2014 kandi umutungo waragurishijwe mu mwaka wa 2012 ndetse n'ibyo bavuga ko hari abatangabuhamya bemeza ko umutungo wari uw'ababyeyi babo bitahabwa ishingiro kuko abo batangabuhamya ntabagaragajwe, kandi nubwo bagaragazwa bakaba batanyomoza ibimenyetso bifitwe na Twagirayezu Albert, rwanzura ko nubwo Twagirayezu Albert atagaragaza inkomoko y'umutungo uburanwa, ibimenyetso yashyikirije Urukiko bitavugurujwe kandi byerekana ko wari uwe. Urukiko rwategutse ko amasezerano y'ubugure yo ku wa 22/02/2012

agumana agaciro kayo kuko yakozwe mu buryo bukurikije amategeko.

[3] Twagirayezu Alice, Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alphonsine, na Twagirayezu Monique bajuririyeye Urukiko Rukuru bavuga ko Twagirayezu Albert yahengereye batakiba mu Rwanda, yiyitirira umutungo w'umuryango, awiyandikishaho, anahita awugurisha, ko iyo Urukiko rwikorera iperereza, rugasuzuma n'ibimenyetso barushyikirije, rwari kubona ko Twagirayezu Albert atagaragaza inkomoko y'umutungo yiyitiriye akanawugurisha.

[4] Mu rubanza RCA 00291/2018/HC/KIG rwaciwe ku wa 31/01/2019, Urukiko Rukuru rwasanze igihe Niyongira Jean Claude yaguraga, hari ibimenyetso Twagirayezu Albert yamugaragarije byerekana ko umutungo ari uwe ndetse ko byari no mu bubasha bwe kuba yawugurisha, bityo kuba abazungura ba Twagirayezu Aloys na icyimpaye Marie Rose batagaragaza ibimenyetso byerekana ko umutungo ari uwabo, bishimangira ko umutungo Twagirayezu Albert yagurishije wari uwe, rwanzura ko imikirize y'urubanza RC 00038/2017/TGI/GSBO rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ku wa 27/07/2018, idahindutse, rutegeka abarega guha Umumaranyota Agnès 250.000 Frw y'igihembo cya Avoka na 100.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

[5] Twagirayezu Alice, Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique bajuririyeye Urukiko rw'Ubujurire bavuga ko Urukiko Rukuru rutasuzumye inkomoko y'umutungo wagurishijwe ndetse n'inyandiko Twagirayezu Albert yiyandikiye avuga ko yagurishije umutungo w'umuryango atabihereye uburenganzira, ko inyandiko y'ubugure yabaye ku wa 01/11/1984 hagati ya icyimpaye Marie

Rose na Kavamahanga, n'imvugo z'abatangabuhamya ziyishimangira byirengagijwe nyamara ari byo bigaragaza inkomoko y'umutungo.

[6] Umumaranyota Agnès yatanze inzitizi yo kutakira ubujurire bwa kabiri ashingiye ku mpamvu y'uko haburanwa gusesa amasezerano y'ubugure bw'ikibanza cyaguzwe 10.000.000 Frw, bityo ko agaciro k'ikiburanwa katageze kuri 75.000.000 Frw ateganywa n'ingingo ya 52 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko. Yatanze kandi inzitizi yo kuba impamvu zashingiweho abarega batsindwa mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ari zimwe n'izashingiweho mu Rukiko Rukuru.

[7] Mu rubanza RCAA 00020/2019/CA rwaciwe ku wa 26/06/2020, Urukiko rw'Ubujurire rwasanze nubwo abagenagaciro bemeza ko ikibanza UPI 1/02/10/03/4370 gifite agaciro ka 92.825.000 Frw, ingingo zasuzumwe n'Urukiko Rukuru ndetse n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, zihuriye ku kumenya niba umutungo wagurishijwe ari uwa Twagirayezu Albert ku giti cye cyangwa niba wari uw'umuryango wa Twagirayezu Aloys na icyimpaye Marie Rose, rusanga izo nkiko zombi zarafashe icyemezo zishingiye ku mpamvu zimwe, rwemeza ko ubujurire butari mu bubasha bw'arwo, abajuriye bategekwa gufatanywa kwishyura Umumaranyota Agnès 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza.

[8] Twagirayezu Alice, Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique bandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga basaba ko urubanza RCAA 00020/2019/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 26/06/2020, rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Mu cyemezo nimeru 058/CJ/2020 cyo ku wa 19/11/2020, Perezida

w'Urukiko rw'Ikirenga, amaze gusuzuma ubwo busabe, yategetse ko rwoherezwa mu Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo ruzongere ruburanishwe.

[9] Iburanisha mu ruhame ryabaye ku wa 02/06/2021, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique bahagarariwe na Me Nshuti Salim hamwe na Me Kazenza Théophile, Twagirayezu Albert ahagarariwe na Me Ngezahayo Bernard, naho Umumaranyota Agnès ahagarariwe na Me Nsengiyumva Viateur.

[10] Urukiko rwabanje gusuzuma inzitizi zatanzwe n'abahagarariye Twagirayezu Albert na Umumaranyota Agnès, bavugaga ko ikirego kidakwiye kwakirwa kubera ko abarega batagaragaza impamvu z'akarengane zatuma urubanza rusubirishwamo kandi ko batanemerewe gusaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure batagizemo uruhare.

[11] Ku bijyanye n'inzitizi y'uko nta mpamvu z'akarengane zagaragajwe zatuma urubanza rusubirwamo, Urukiko rwafatiye icyemezo mu ntebe, rushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 62, igika cya mbere,<sup>1</sup> n'iya 63<sup>2</sup> z'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko no ku isesengura ryazo ryakozwe mu rubanza Busoro Gervais yaburanagamo na Busoro Mugunga Désiré n'abandi, ry'uko iyo Perezida w'Urukiko

---

<sup>1</sup>Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asuzumye raporo yashyikirijwe ku rubanza rw'akarengane, akemeza ko rwongera kuburanishwa, ayohereza Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo urwo rubanza rushyirwe kuri gahunda y'iburanisha ...

<sup>2</sup> Iyo Urukiko rw'Ikirenga cyangwa urundi rukiko Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akena rushyikirijwe urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, rurusuzuma mu mizi bundi bushya abarubayemo ababuranyi bese bahamagajwe.

rw'Ikirenga amaze kwemeza ko urubanza rwongera kuburanishwa, nta zindi nzitizi zitangwa zatuma urubanza rutaburanishwa mu mizi uretse inzitizi ndemyagihugu,<sup>3</sup> rwanzura ko iyo nzitizi itakiriwe.

[12] Naho ku bijyanye n'inzitizi y'uko abarega baba batemerewe gusaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure batagizemo uruhare, rusanga nubwo iyi ngingo yatanzwe nk'inzitizi, igaruka ku mizi y'urubanza, ikaba itasuzumwa hataramenyekana niba Urukiko rw'Ubujurire rwarakoze amakosa rwemeza ko abarega batsinzwe ku mpamvu zimwe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no mu Rukiko Rukuru.

[13] Nyuma yo kwemeza ko inzitizi yatanzwe n'ababuranira Twagirayezu Albert na Umumaranyota Agnès itakiriwe, Urukiko rwakomereje ku kibazo cyo kumenya niba ubujurire bwa kabiri bwaragombaga kwakirwa n'Urukiko rw'Ubujurire. Mu rubanza rubanziriza urundi rwaciwe ku wa 25/06/2021, Urukiko rwasanze Twagirayezu Alice na bagenzi be bataratsinzwe ku mpamvu zimwe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no mu Rukiko Rukuru, rwemeza ko ubujurire bwabo bwagombaga kwakirwa n'Urukiko rw'Ubujurire.

[14] Iburanisha mu mizi ryashyizwe ku wa 08/09/2021, uwo muni ugeze, Urukiko rusanga Twagirayezu Albert yarambuye Me Ngezahayo Bernard inshingano zo kumuburanira kandi ntawundi Avoka yashatse, ahanishwa ihazabu yo gutinza urubanza, iburanisha ryimurirwa ku wa 15/11/2021.

---

<sup>3</sup> Urubanza RS/INJUST/RC 00022/2018/SC hagati ya Busoro Gervais na Busoro Mugunga Désiré n'abandi, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 28/06/2019, igika cya 18.

[15] Kuri uwo munsu iburanisha ryabereye mu ruhame, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alphonsine, Twagirayezu Monique ndetse na Umumaranyota Agnès bahagarariwe nka mbere, naho Twagirayezu Albert atitabye kandi nta na Avoka umuburanira yashatse, Urukiko rwemeza ko ku bimureba, urubanza ruburanishwa adahari.

[16] Iburanisha rigitangira, Me Nsengiyumva Viateur, uburanira Umumaranyota Agnès, yavuze ko hari indi nzitizi ndemyagihugu afite. Asobanura ko abarega badafite ububasha bwo gusaba gusesa amasezerano y'ubugure batagizemo uruhare, bityo ko hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 129 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, n'ingingo ya 116 y'Itegeko rigenga amasezerano no ku murongo watanzwe n'uru Rukiko mu gika cya 35 cy'urubanza Mukaruhanga Alexia yaburanaga na Nyirahabimana Emertha na Kold Hansen Jesper,<sup>4</sup> ikirego cya Twagirayezu Albertine na bagenzi be kitagombaga kwakirwa n'inkiko zabanje na n'ubu kikaba kidakwiye kwakirwa.

[17] Me Nshuti Salim na Me Kazenze Théophile baburanira Twagirayezu Albertine na bagenzi be, bavuze ko inzitizi itanzwe na Me Nsengiyumva Viateur ku nshuro ya mbere mu Rukiko rw'Ikirenga idakwiye kwakirwa ngo isuzumwe keretse ariyo akarengane gashingiyeho cyane cyane ko iby'inzitizi byari byarangiye, Urukiko rukemeza ko urubanza rukomeza mu mizi. Basobanura ko iramutse yakiriwe, Urukiko rukwiye gusanga nta shingiro ifite kubera ko nubwo abagiranye amasezerano aribo bemerewe gusaba ko aseswa, iryo hame rifite irengayobora

---

<sup>4</sup> Reba urubanza RCAA 00045/2016/SC rwaciye n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 24/05/2019.

ry'uko nta kibuzza nyir'umutungo kuwukurikirana mu maboko y'uwo awusanganye.

[18] Urukiko rwafatiye icyemezo mu ntebe, rusanga inzitizi yatanzwe na Me Nsengiyumva Viateur idakwiye kwakirwa kuko itigeze itangwa nk'impamvu y'akarengane, bitewe n'uko imanza ziza mu karengane ziba zaraciwe burundu, zifite abaziburanye, ari nabo bagaruka mu rubanza rw'akarengane, inzitizi yo kutakira ikirego ikaba yakirwa gusa iyo ariyo akarengane gashingiyeho, uyu akaba ari nawo murongo rwafashe mu manza zinyuranye harimo n'urubanza Nyirahabimana Umwali Roselyne aburana na Habimana Jean Léo Pasteur na bagenzi be,<sup>5</sup> rwemeza ko iburanisha rikomeza hasuzumwa ibibazo bigize imizi y'urubanza.

## **II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO**

### **1. Kumenya niba Twagirayezu Alice, Twagirayezu Albertine, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Monique bafite ububasha bwo gusaba ko amasezerano y'ubugure yakozwe hagati ya Twagirayezu Albert na Niyongira Jean Claude ateshwa agaciro**

[19] Me Nshuti Salim na Me Kazenze Théophile, baburanira abarega, bavuga ko amasezerano y'ubugure hagati ya Twagirayezu Albert na Niyongira Jean Claude akwiye guteshwa agaciro kuko Twagirayezu Albert nawe ubwe yiyemerera ko yagurishije ibitari ibye. Bavuga ko nubwo abagiranye amasezerano aribo bemerewe gusaba ko aseswa, iryo hame rifite

---

<sup>5</sup> Reba icyemezo cyafatiwe mu ntebe mu rubanza n° RS/ INJUST/ RC 00011/2018/ SC ku wa09/06/2021.

irengayobora ry'uko nta kibuzza nyir'umutungo kuwukurikirana mu maboko y'uwo awusangaye, asaba iseswa ry'amasezerano uwufite yawuguriyeho.

[20] Me Nsengiyumva Viateur, uburanira Umumaranyota Agnès, avuga ko hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 113 y'Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano no ku murongo watanzwe n'uru Rukiko mu rubanza Mukaruhanga Alexia yaburanaga na Nyirahabimana Emertha na Kold Hansen Jesper w'uko iseswa ry'amasezerano risabwa n'abayagizemo uruhare, iyi ngingo itari ikwiye kwakirwa. Asobanura kandi ko mu gihe nta kimenyetso na kimwe abarega bashingiraho bavuga ko umutungo ari uw'abazungura ba icyimpaye Marie Rose, bakaba ntacyo bakoze kugira ngo bateshe agaciro inyandiko mpamo zatanzwe n'inzeho zibifitiye ububasha zihama ko ubutaka buburanwa ari ubwa Umumaranyota Agnès, asaba uru Rukiko gushimangira ibyemejwe n'inkiko zabanje by'uko amasezerano y'ubugure hagati ya Niyongira Jean Claude na Twagirayezu Albert afite agciro.

[21] Mu nama ntegururubanza, Me Ngezahayo Bernard waburaniraga Twagirayezu Albert yavuze ko asanga nta cyatuma amasezerano y'ubugure Twagirayezu Albert yakoranye na Niyongira Jean Claude aseswa kuko yakozwe mu buryo bukurikije amategeko kandi impande zombi zayagiranye zikaba ntacyo ziyakemangaho.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[22] Ku bijyanye n'ibyo Twagirayezu Alice na bagenzi basaba byo gusesa amasezerano y'ubugure yabayeho hagati ya Twagirayezu Albert na Niyongira Jean Claude, ingingo ya 64

y'Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano iteganya ko amasezerano akozwe mu buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayagiranye, akaba yaseswa ari uko abayagiranye babyumvikanyeho cyangwa ku zindi mpamvu zemewe n'amategeko. Naho ingingo ya 113, igika cya mbere y'iryo Tegeko iteganya ko amasezerano agira inkurikizi hagati y'abayagiranye gusa, akaba atabangamira undi cyangwa ngo amugirire akamaro hejuru y'ibyayateganyijwemo bimufitiye akamaro.

[23] Izi ngingo zasesenguwe n'uru Rukiko mu buryo burambuye mu manza zitandukanye ariko cyane cyane mu rubanza Mukaruhanga Alexia yaburanaga na Nyirahabimana Emertha na Kold Hansen Jesper, rusanga iyo ikibazo gisuzumwa gikomoka ku masezerano y'ubugure bw'umutungo utimukanwa, nyir'umutungo afite uburenganzira bwo kuwukurikira ku wo awusanganye, atabanje gusaba ko amasezerano y'ubugure yabaye hagati y'uwo awusanganye n'uwawugurishije ateshwa agaciro. Rwasobanuye ko icyatuma amasezerano y'ubugure ateshwa agaciro ari igihe byaba bisabwe n'uwaguze ukurikanywe na nyir'umutungo nyakuri ushaka kugaruza ibye, kuko uwagurishije atatanga bene icyo kirego kandi afite inshingano yo kwishingira uwaguze kugira ngo atunge uwo mutungo nta nkomyi (*garantie contre l'éviction*), na nyir'umutungo nyakuri ntiyasaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure atagizemo uruhare.<sup>6</sup>

[24] Hagendewe ku bisobanuro bimaze kugaragazwa haruguru, Urukiko rurasanga ibyo Me Nshuti Salim avugaga ko hari

---

<sup>6</sup> Reba urubanza RCAA 00045/2016/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 24/05/2019, kuva ku bika bya 25 kugeza ku cya 34.

irengayobora ku biteganywa n'ingingo ya 64 n'iya 113, igika cya mbere, y'Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano ku buryo umuntu utarebwa n'amasezerano yasaba iseswa ryayo nta shingiro bifite.

[25] Urukiko rurasanga rero ibisabwa n'ababuranira Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine, Twagirayezu Monique na Twagirayezu Albertine by'uko kugira ngo babashe gukurikirana umutungo wabo wagurishijwe na Twagirayezu Albert ari ngombwa ko amasezerano y'ubugure hagati ye na Niyongira Jean Claude abanza guseswa nta gaciro bikwiye guhabwa kuko kugira ngo nyir'umutungo aregere kugaruza ibye byagurishijwe n'utari nyirabyo ntibisaba kubanza gusaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure.

**2. Kumenya niba Twagirayezu Albert yaragurishije umutungo asangiye n'abandi bazungura ba Twagirayezu Aloys na Icyimpaye Marie Rose batabyumvikanyeho n'ingaruka zabyo**

[26] Me Nshuti Salim na Me Kazenze Théophile, baburanira Twagirayezu Alice na bagenzi be, bavuga ko ubutaka buburanwa bwari ubwa Kavamahanga, bugurwa na Icyimpaye Marie Rose, umugore wa Twagirayezu Aloys, aba akaba ari ababyeyi ba Twagirayezu Albert, Twagirayezu Alice, Twagirayezu Monique, Twagirayezu Alphonsine na Twagirayezu Albertine. Basobanura ko amasezerano y'ubugure yo ku wa 01/11/1984, icyemezo cy'umutungo gakondo cya Icyimpaye Marie Rose cyo ku wa 13/08/2014, inyandiko ya Twagirayezu Albert yo ku wa 15/11/2014 ivuga ko yagurishije umutungo asangiye na bashiki be batabyumvikanyeho, n'imvugo z'abatangabuhamya bihamya

ko umutungo ukwiye kuba uw'abazungura ba icyimpaye Marie Rose na Twagirayezu Aloys.

[27] Bavuga ko ibimenyetso bimaze kuvugwa haruguru byagaragarijwe inkiko, aho kubiha agaciro, zishingira ibyemezo byazo ku kuba umutungo uburanwa wanditse kuri Twagirayezu Albert, nyamara umurongo watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza Harerimana Emmanuel yaburanaga na Sebukayire Tharcisse ubwo rwasesenguraga ibiteganywa n'ingingo ya 10 y'Itegeko N° 43/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka ari uko uregwa ataburanisha gusa kuba ubutaka bumwanditseho atabanje kugaragaza aho abukomora.

[28] Me Nsengiyumva Viateur, uburanira Umumaranyota Agnès, avuga ko uyu akomora umutungo uburanwa ku bugure bwakozwe n'umugabo we Niyongira Jean Claude kandi ko bwabaye amaze kugaragarizwa ibyangombwa bihamya ko uwo mutungo ari uwa Twagirayezu Albert. Avuga ko amasezerano y'ubugure yo ku wa 01/11/1984 abarega bashingiraho adakwiye guhabwa agaciro kubera ko handitsemo ko uguze ari Kimpaye Marie Rose, nyamara abarega bavuga ko nyina yitwa icyimpaye Marie Rose, bikaba bitumvikana uburyo icyimpaye Marie Rose wari ujijutse kuko yari umuforomokazi, yari gusinya amasezerano y'ubugure ku mazina atari aye ndetse agahindagura n'imikono, akaba asanga mbere yo kwemeza ko ayo masezerano ari ukuri, hakwiye gupimwa imikono iyariho (*vérification de signature*).

[29] Avuga kandi ko inyandiko ya Twagirayezu Albert yo ku wa 15/11/2014 idakwiye guhabwa agaciro kuko Avoka we yavugiye mu nama ntegarurubanza ko ayandika, kari agakino yakoranye na bashiki be kugira ngo bahuguze Niyongira Jean Claude umutungo we, ariko ko amaze kumenya ko yapfuye,

yivanye muri ako gakino. Asobanura ko ikindi gikwiye gutuma iyo nyandiko idahabwa agaciro ari uko itanyujijwe muri Ambassade y'u Rwanda mu Bufaransa. Asoza avuga ko umutungo uburanwa utari kuba ari uwa icyimpaye Marie Rose guhera mu mwaka wa 1984, ngo abe yarabuze kuwiyandikishaho muri MINITRAPE, bityo mu gihe cyose abarega batagaragaza ifishi ya MINITRAPE ihamya ko ahaburanwa hari aha icyimpaye Marie Rose, asaba uru Rukiko kwemeza ko nta karengane kabaye mu manza zisubirishwamo kuko Niyongira Jean Claude yaguze na nyir'umutungo.

[30] Mu nama ntegururubanza, Me Ngezahayo Bernard waburaniraga Twagirayezu Albert, yavuze ko kuba mu nyandiko yo ku wa 15/11/2014, Twagirayezu Albert yaremeye ko yagurishije ubutaka asangiye na bashiki be ndetse akemera gusubiza amafaranga yakiriye byari mu rwego rwo gushaka guhuguza Umumaranyota Agnès. Yavuze ko gusubiza amafaranga atari kubiterwa no kuba yaragurishije icy'undi ahubwo ari uko yashakaga kugaruza umutungo we bwite. Avuga ko inyandiko yo ku wa 15/11/2014 Twagirayezu Albert yayikoze ashutswe na bashiki be bashakaga ko amasezerano y'ubugure aseswa bakongera kugurisha mu rwego rwo gucuruza ubwo butaka. Yasobanuye ko mu mwaka wa 2009, mushiki wa Twagirayezu Albert witwa Twagirayezu Marie Louise yagurishije ubwo butaka 5.000.000 Frw, hanyuma bigeze mu mwaka wa 2012, bumvikana ko amasezerano y'ubugure aseswa, uwaguze agasubizwa amafaranga ye kuko bari babonye umuguzi utanga 10.000.000 Frw. Yavuze ko Twagirayezu Albert amaze kumenya ko Niyongira Jean Claude yapfuye, umutima wamukomanze akanga guhemukira umupfakazi n'imfubyi, aribwo yatangiye kugaragaza ukuri.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[31] Ingingo ya 5 y'Itegeko Ngenga N° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imirungire y'ubutaka mu Rwanda ryakoreshwaga ubwo Niyongira Jean Claude yaguraga ubutaka na Twagirayezu Albert yateganyaga ko umuntu wese, ku giti cye cyangwa ishyirahamwe rifite ubuzima gatozi, batunze ubutaka, baba barabubonye ku bw'umuco, cyangwa se barabuhawe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha cyangwa se barabuguze, bemerewe kubutungira ku buryo bw'ubukode burambye, hakurikijwe ibiteganywa n'iri Tegeko Ngenga.

[32] Ingingo ya 3, igika cya mbere, y'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganywa ko "Buri muburanyi agomba kugaragaza ukuri kw'ibyo aburana.

[33] Dosiye y'urubanza igaragaza ko ibimenyetso Umumaranyota Agnès aburanisha ashaka kwerekana ko umugabo we Niyongira Jean Claude yaguze na nyir'umutungo ari ibi bikurikira:

- *Acte de notoriété* yatanzwe n'Akarere ka Gasabo ku wa 18/01/2012 igaragaza ko umutungo ugizwe n'ikibanza gifite 52m x 103 m uri mu Kagali ka Kagugu ari uwa Twagirayezu Albert.
- icyemezo cy'umutungo gakondo cyatanzwe n'Umurenge wa Kinyinya ku wa 20/01/2012 kigaragaza ko umutungo ufite ubuso bungana na 103 m x 52 m ari gakondo ya Twagirayezu Albert.

- *Fiche Cadastrale* yakozwe ku wa 31/01/2012 igaragaza ko ikibanza nimeru 4370 ari icya Twagirayezu Albert.
- Inyemezabwishyu y'umusoro ku kibanza nimeru 4370 yo ku wa 16/02/2012 igaragaza ko Twagirayezu Albert yishyuriraga icyo kibanza umusoro.

[34] Urukiko rurasanga Twagirayezu Alice na bagenzi baratsinzwe mu nkiko zabanje biturutse ku kuba icyemezo cy'umutungo gakondo cya icyimpaye Marie Rose cyo ku wa 13/08/2014 ndetse n'inyandiko ya Twagirayezu Albert yo ku wa 15/11/2014 ihamya ko yagurishije umutungo w'umuryango atabyumvikanyeho n'abavandimwe be byarabonetse nyuma y'uko uwo mutungo ugurishijwe, inkiko zikaba zaravuze ko bitari ngombwa kuri Twagirayezu Albert kugaragaza inkomoko y'umutungo afitiye ibyangombwa. Nyamara kandi, umurongo watanze n'uru Rukiko mu manza zitandukanye harimo n'urwo Harerimana Emmanuel yaburanaga na Sebukayire Tharcisse,<sup>7</sup> ubwo rwasesenguraga ingingo ya 5 y'Itegeko Ngenga N° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 ryavuzwe haruguru ni uko umushingamategeko yateganyije uburyo umuntu abona umutungo utimukanwa, uregwa kuba yaragurishije ibitari ibye

---

<sup>7</sup> Reba urubanza RCAA 0018/13/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 24/12/2014, igika cya 21. Uyu murongo ni nawo wagarutseho mu rubanza RS/REV/INJUST/CIV 0003/14/CS hagati ya Mukagatare Grace na *Succession* Bwanakeye Francois, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 03/03/2017 no mu rubanza RS/REV/INJUST/RC 00038/2017/CS hagati ya Itangishaka Leonidas na Nyiramahane Rachel n'undi rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 22/06/2018, igika cya 19. Reba kandi urubanza Gahire Athanase yaburanaga na Mukarushakiro Gloriose na bagenzi be, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 12/11/2021, igika cya 67.

akaba atatsimbarara ku kuba afite ibyangombwa atabanje kwerekana uburyo umutungo wageze mu maboko ye.

[35] Urukiko rurasanga icyemezo cy'umutungo gakondo cya icyimpaye Marie Rose cyo ku wa 13/08/2014 gishingiye ku masezerano y'ubugure yo ku wa 01/11/1984, icyimpaye Marie Rose yakoranye na Kavamahanga, ibi bimenyetso hamwe n'urwandiko Twagirayezu Albert yanditse ku wa 15/11/2014 kandi Avoka we yemereye mu nama ntegururubanza bihamya ko umutungo uburanwa waguzwe na icyimpaye Marie Rose, bityo ukaba ugisangiwe n'abazungura be. Kuba mu masezerano y'ubugure yo ku wa 01/11/1984 handitsemo Kimpaye aho kuba icyimpaye cyangwa kuba Me Ngezahayo Bernard yaravugiye mu nama ntegururubanza ko urwandiko Twagirayezu Albert yanditse ku wa 15/11/2014 ari agakino, sibyo byatuma ibikubiye muri izo nyandiko bidahabwa agaciro nk'uko Me Nsengiyumva Viateur abivuga kuko nta kibazo kiri hagati y'abakoranye ayo masezerano cyangwa hagati y'abazungura ba icyimpaye Marie Rose ku kuba mu izina rya nyina haranditswe K mu mwanya ICY, ndetse nta n'ikimenyetso kigaragaza ko Twagirayezu Albert yaba yarasubiye ku mvugo ye iri mu nyandiko yo ku wa 15/11/2014.

[36] Urukiko rurasanga nubwo mu masezerano y'ubugure Twagirayezu Albert yagize ati: njyewe Twagirayezu Albert ngurishije ikibanza cyanjye kiri mu Kagali ka Kagugu, gifite nimero 4370..., akabishingira kuri *fiche cadastrale, parcel number confirmation na acte de notoriété* nkuko bigaragazwa n'ayo masezerano, ntabasha kwerekana uburyo ubwo butaka bwavuye mu maboko ya nyina icyimpaye Marie Rose ngo bube ubwe nko kuba yaramuzunguye, kuba yarabuguze cyangwa se indi nzira yari gutuma buva kuri nyirabwo wari warabuguze ngo

bube umutungo we bwite nk'uko byateganywaga n'ingingo ya 5 y'Itegeko Ngenga N° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 ryibukijwe haruguru ryakoreshwaga igihe cy'ubugure, bikaba byumvikana ko kuba yari afite ibyo byangombwa bitari byihagije mu gihe cyose atabasha kugaragaza inkomoko y'umutungo ibyo byangombwa bihamya.

[37] Hashingiwe ku bimaze gusobanurwa haruguru, Urukiko rurasanga ikibanza kibaruye kuri UPI 1/02/10/03/4370 gihereye mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Kinyinya, Akagali ka Kagugu, Umudugudu wa Rukingu ari icya Icyimpaye Marie Rose, kuva aho apfiriye ku wa 21/11/2000 nk'uko byemezwa n'inyandiko y'uwapfuye yo ku wa 02/03/2020, uwo mutungo ukaba waragiye mu maboko y'abazungura be, bivuze ko Twagirayezu Albert awugurisha ku wa 22/02/2012, yagurishije umutungo asangiye n'abandi bazungura batabyumvikanyeho.

### **3. Kumenya ingaruka (*conséquences*) zo kuba umutungo wagurishijwe wari uhuriweho n'abazungura ba Twagirayezu Aloys na Icyimpaye Marie Rose**

[38] Me Nshuti Salim na Me Kazenza Théophile baburanira abarega bavuga ko mu gihe Urukiko rusanze Twagirayezu Albert yaragurishije umutungo bari basangiye, Umumaranyota Agnès yasubiza umutungo ba nyirawo akikurikiranira Twagirayezu Albert ku gaciro umutungo ugezeho hashingiwe ku igenagaciro ryashyizwe muri dosiye cyane cyane ko uyu nawe yemera kumusubiza amafaranga yakiriye.

[39] Me Nsengiyumva Viateur avuga ko Umumaranyota Agnès atabashije kugira icyo akora kuri ubwo butaka nyuma

y'urupfu rw'umugabo we, ku buryo kugeza ubu ntacyo yubatseho nta n'icyahindutse ku buso bwabwo. Asobanura ariko ko ibyo bitabujije uwo mutungo kuzamura agaciro, bityo mu gihe uru Rukiko rwasanga, umutungo ugomba gusubizwa mu maboko y'abazungura ba Twagirayezu Aloys na Icyimpaye Marie Rose, twagirayezu Albert yategekwa gusubiza Umumaranyota Agnès agaciro kangana na 92.825.000 Frw umutungo ugezeho uyu muni.

[40] Mu nama ntegururubanza, Me Ngezahayo Bernard, waburaniraga Twagirayezu Albert, yavuze ko Urukiko rukwiye kugendera ku bimenyetso rwahawe, Umumaranyota Agnès akagumana umutungo we kuko umugabo we yawuguze mu buryo bukurikije amategeko.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[41] Ku bijyanye n'inkurikizi zo kuba uwaguze umutungo awusubije nyirawo kandi akaba awusubije ntacyo yawongereyeho, ntacyo amategeko y'u Rwanda ateganya kuri icyo kibazo, icyakora inkiko z'ibindi bihugu zishimangira ko iyo agaciro k'icyagurishijwe kiyongereye igihe uwakiguze agiye kukivutswa, hatitawe kucyo uwacyeguriwe yakoze, umugurisha agomba kumwishyura amafaranga arimo n'agaciro kacyo karenga ku ko cyari gifite igihe cy'igurisha. Ibi byemejwe n'Urukiko Rusesa Imanza mu Bufaransa mu manza zitandukanye aho rwavuze ko abagurishije bagomba gusubiza abaguzi bavukijwe ibyo baguze agaciro kabyo ku muni babivukijweho,

kandi ko hagomba gushingirwa ku gaciro uwo mutungo ubwawo ugezeho bitagizwemo uruhare n'uwaguze.<sup>8</sup>

[42] Urukiko rurasanga ibimaze kuvugwa haruguru byumvikanisha ko umuguzi uvukijwe ibyo yaguze asubizwa n'uwamugurishije agaciro kabyo ku munsu abivukijweho, ni ukuvuga ku munsu icyemezo kiwumuvutsa cyafatiweho; ibyo kandi ntibivanaho ko ashobora gusaba uwamugurishije indishyi zo kuba atarubahiriye inshingano ze zo kwishingira ko adahungabanywa mu burenganzira yari afite ku mutungo yaguze cyangwa gusaba ko nyir'umutungo nyakuri, uwusubiranye, yishyura agaciro k'ibyongereweho n'uwari uwutunze. Ku bireba uru rubanza bikaba bigaragara ko ntacyo Umumaranyota Agnès yongereye kuri uwo mutungo, bityo akaba agomba gusubizwa agaciro ugezeho uyu munsu.

[43] Urukiko rurasanga dosiye y'urubanza irimo igenagaciro ryakozwe ku busabe bwa Twagirayezu Alice na bagenzi be, rikorwa na Ir Dushimimana David ku wa 18/04/2019. Agaragaza

---

<sup>8</sup> ... si la chose vendue se trouve avoir augmenté de prix à l'époque de l'éviction, indépendamment même du fait de l'acquéreur, le vendeur est tenu de lui payer ce qu'elle vaut au dessus du prix de la vente..., Reba Cour de Cassation, Chambre civile 3, du 16 janvier 1991. "...les vendeurs sont tenus d'indemniser leurs acquéreurs de la valeur du bien dont ils sont évincés à la date de la décision d'éviction..." Reba Cour de cassation, Chambre civile 3, 07 juillet 2010. "Mais attendu qu'ayant exactement retenu qu'en application de l'article 1633 du code civil, qui vise l'augmentation du prix, indépendamment même du fait de l'acquéreur, M. B... pouvait réclamer à ses vendeurs l'augmentation de la valeur de la parcelle, la cour d'appel, qui a ordonné une expertise afin de déterminer si le prix avait augmenté entre la vente et la décision constatant l'éviction, a, par ce seul motif, légalement justifié sa décision..." Reba Cour de cassation, civile, Chambre civile 3, 27 octobre 2016.

ko agaciro ka m<sup>2</sup> ari 21.000 Frw, bityo ku buso bwose bwa 3.652 m<sup>2</sup>, ubutaka buburanwa bufite agaciro ka 76.692.000 Frw. icyakora yibeshye ku buso kuko icyangombwa cy'umutungo kigaragaza ko ari 3.713 m<sup>2</sup>, bityo agaciro kawo kakaba kari kuba  $21.000 \text{ Frw/m}^2 \times 3.713 \text{ m}^2 = 77.973.000 \text{ Frw}$ . Dosiye irimo na none igenagaciro ryakozwe na Ir Bazina Jean Yves ku wa 02/06/2020 ku busabe bwa Umumaranyota Agnès. Bigaragara ko agaciro kuri m<sup>2</sup> ari 25.000 Frw, bityo ku buso bwa 3.713 m<sup>2</sup>, ubutaka bwose bukagira agaciro ka 92.825.000 Frw.

[44] Urukiko rurasanga nyuma y'izo raporo z'igenagaciro, ku wa 01/12/2021, Urugaga rw'Abagenagaciro ku Mutungo Utimukanwa mu Rwanda (IRPV) rwaratangaje mu Igazeti ya Leta, Ibiciro Fatizo by'Ubutaka mu Rwanda mu mwaka wa 2021, ku bijyanye n'imitungo iherereye mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Kinyinya, Akagari ka Kagugu, Umudugudu wa Rukingu aho ikibanza nimeru UPI 1/02/10/03/4370 gihereye, icyo cyegeranyo kikaba kivuga ko igiciro mpuzandengo kuri m<sup>2</sup> y'ubutaka bwagenewe guturwa nk'uko bimeze ku mutungo uburanwa ari 20.769 Frw, bityo ku birebana n'uru rubanza iki giciro fatizo akaba aricyo cyashingirwaho kubera ko bigaragarira uru Rukiko ko raporo z'abagenagaciro zakozwe bidasabwe n'Urukiko kandi bakaba baratanze agaciro gatandukanye cyane nyamara raporo zarakozwe mu bihe byegeranye cyane.

[45] Urukiko rurasanga rero ubuso bwa 3.713 m<sup>2</sup>, bufite agaciro ka 77.117.297 Frw, aka akaba ariko gakwiye gufatwa nk'agaciro fatizo k'ubutaka buburanwa kuri uyu munsu.

[46] Ku bireba agaciro nyako kagomba gusubizwa uwaguze nta buryarya mu gihe hagurishijwe umutungo usangiwe, uru Rukiko rwabisobanuye na none mu rubanza Gahire Athanase yaburanaga na Mukarushako Gloriose na bagenzi be, aho

rwavuze ko iyo uwagurishije adahakana amasezerano y'ubugure kandi akaba yemera ko yagurishije umutungo azi ko usangiwe, igurisha rigira agaciro ku bireba igipande kigize umugabane we gusa.<sup>9</sup> Ibi bivuze ko amasezerano y'ubugure yakozwe na Twagirayezu Albert afite agaciro ku bireba igipande kigize umugabane we gusa ku mutungo uburanwa, ni ukuvuga kimwe cya gatanu cyawo (1/5) gihwanye na 742,6 m<sup>2</sup> hafite agaciro ka 15.423.459 Frw, uyu akaba ariwo mutungo Umumaranyota Agnès agomba kugumana nyuma yo kuzibukira 4/5 bisigaye ku butaka buburanwa.

[47] Urukiko rurasanga rero mu gihe byagaragaye ko Twagirayezu Albert yagurishije umutungo uburanwa atabyumvikanyeho n'abavandimwe be Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine, Twagirayezu Monique na Twagirayezu Albertine, aba bavandimwe be bagomba gusubirana uruhare rwabo ku mutungo rungana na 4/5 byawo, nawe agasubiza Umumaranyota Agnès agaciro k'ibyo 4/5 avukijwe gahwanye na 77.117.297 Frw- 15.423.459 Frw = 61.693.838 Frw. Ibi byumvikanyishye kandi ko icyangombwa cy'umutungo cyanditswe kuri Niyongira Jean Claude na Umumaranyota Agnès kigomba guteshwa agaciro, 1/5 cy'ubutaka bubaruye kuri UPI 1/02/10/03/4370 kikandikwa kuri Umumaranyota Agnès, naho 4/5 bikandikwa kuri Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine, Twagirayezu Monique na Twagirayezu Albertine.

#### **4. Kumenya niba indishyi zisabwa zifite ishingiro**

---

<sup>9</sup> Reba urubanza RS/INJUST/RC 00008/2019/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 12/11/2021, ibika bya 82-84.

[48] Me Nshuti Salim, uburanira Twagirayezu Alice na bagenzi be, avuga ko abarega bakwiye kugenerwa 5.000.000 Frw y'igihembo cy'aba Avoka batatu baburanye uru rubanza na 700.000 Frw y'ikurikiranarubanza kuva uru rubanza rubayeho, bakanasubizwa amafaranga bategetswe n'inkiko zabanje guha Umumaranyota Agnès.

[49] Me Nsengiyumva Viateur avuga ko Umumaranyota Agnès ari we wakomeje gusiragizwa mu nkiko kuva 2014 ku bw'amaherere, akaba abisabira indishyi zingana na 5.000.000 Frw hiyongereyeho

[50] Mu nama ntegarurubanza, Me Ngezahayo Bernard waburanigara Twagirayezu Albert, yavuwe ko abarega bakwiye kumuha 3.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza kubera kumushora mu manza z'amaherere.

[51] Me Nshuti Salim avuga ko Umumaranyota Agnès nta ndishyi akwiye kuko nawe azi ko umutungo waguzwe n'umugabo we mu buriganya bitewe n'uko atagize amakenga yo gushaka amakuru ahagije ku mutungo uburanwa mbere yo kugura ndetse ntagurire imbere ya Noteri w'ubutaka, bityo akaba agomba kwirengera ingaruka z'amakosa ye. Ku bijyanye n'indishyi zisabwa na Twagirayezu Albert, Me Nshuti Salim na Me Kazeneza Theophile, bavugiye mu nama ntegarurubanza ko

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[52] Ingingo ya 111 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018, ryerekeye imiburanishirize y'ianza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu iteganya ko ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza ni

ikirego gishamikira ku kirego cy'iremezo kigamije kwishyuzwa ibyakoreshejwe mu rubanza. Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza kiburanishirizwa rimwe n'ikirego cy'iremezo. Gishobora kandi kwakirwa kikanaburanishwa n'iyoyi ikirego cy'iremezo cyaba kitakiriwe.

[53] Urukiko rurasanga amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza Twagirayezu Alice na bagenzi be basaba bagomba kuyahabwa kuko byabaye ngombwa gukurikirana urubanza no gushaka ababunganira. icyakora kubera ko 5.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka na 700.000 Frw y'ikurikiranarubanza basaba batagaragaza uburyo ariyo yagiye kuri uru rubanza, mu bushishozi bw'Urukiko bakaba bagenewe 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka na 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza, yose hamwe akaba 800.000 Frw, agatangwa na Twagirayezu Albert.

[54] Urukiko rurasanga na none nk'uko byaragajwe haruguru, nyakwigendera Niyongira Jean Claude wari umugabo wa Umumaranyota Agnès yaguze ubutaka buburanwa nta buryarya, kuba Twagirayezu Albert yaramugurishije uwo mutungo azi neza ko awusangiye n'abavandimwe be, byatumye Umumaranyota Agnès, asiragira mu nkiko ashaka kumvikanisha uburenganzira ashaka n'abavoka bamuburanira kandi babihemberwa, bityo amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza asaba akaba agomba kuyahabwa. icyakora ntagaragaza uburyo 5.000.000 Frw y'ikurikiranarubanza cyangwa 1.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka ariyo yagiye kuri uru rubanza. Mu bushishozi bw'Urukiko, akaba agenewe 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka na 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza, yose hamwe akaba 800.000 Frw, agomba gutangwa na Twagirayezu Albert.

[55] Urukiko rurasanga kandi uburiganya bwakozwe na Twagirayezu Albert aribwo bwatumye bashiki be bagana inkiko kugira ngo barengere uburenganzira bwabo, bityo mu gihe bigaragaye ko ikirego cyabo cyari gifite ishingiro kuva mu ntangiriro, Twagirayezu Albert akaba ariwe ukwiye kubasubiza indishyi batagetswe n'inkiko guha Umumaranyota Agnès zingana na 1.500.000 Frw mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, 350.000 Frw mu Rukiko Rukuru na 500.000 Frw mu Rukiko rw'Ubujurire, yose hamwe akaba 2.350.000 Frw.

### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[56] Rwemeje ko ikirego cy'ubujurire cyari cyaratanzwe na Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine, Twagirayezu Monique na Twagirayezu Albertine mu Rukiko rw'Ubujurire gifite ishingiro kuri bimwe.

[57] Rwemeje ko RCA 00291/2018/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Kigali ku wa 31/01/2012 ruhindutse ku birebana n'ingano y'ubutaka Umumaranyota Agnès agomba kugumana ku kibanza nimeru UPI 1/02/10/03/4370.

[58] Rwemeje ko icyangombwa cy'umutungo w'ikibanza UPI 1/02/10/03/4370 gihereye mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka Gasabo, Umurenge wa Kinyinya, Akagali ka Kagugu, Umudugudu wa Rukingu giteshejwe agaciro, kimwe cya gatanu (1/5) kikaba kigomba kwandikwa kuri Umumaranyota Agnès naho bine bya gatanu byacyo bikandikwa kuri Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine, Twagirayezu Monique na Twagirayezu Albertine;

[59] Rutegetse Twagirayezu Albert guha Umumaranyota Agnès agaciro ka bine bya gatanu (4/5) by'ikibanza nimeru UPI 1/02/10/03/4370 gahwanye na 61.693.833 Frw.

[60] Rutegetse Twagirayezu Albert gusubiza Twagirayezu Alice, Twagirayezu Alphonsine, Twagirayezu Monique na Twagirayezu Albertine, bose hamwe, 2.350.000 Frw y'indishyi baciwe n'inkiko zabanje na 800.000 Frw y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza kuri uru rwego, yose hamwe akaba angana na 3.150.000 Frw.

[61] Rutegetse Twagirayezu Albert guha Umumaranyota Agnès 800.000 Frw y'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza kuri uru rwego.

[62] Rutegetse Twagirayezu Albert kwishyura ihazabu mbonezamubano yo gutinza urubanza ingana na 200.000 Frw yaciwe mu iburanisha ryabaye ku wa 14/09/2021.

**URUBANZA RW'UBUCURUZI**



# NSENGIYUMVA v BANKI YA KIGALI PLC (BK)

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RCOM  
00005/2021/SC (Ntezilyayo, PJ, Cyanzayire, Hitiyaremye,  
Karimunda na Nyirinkwaya, J.) 07 Ukwakira 2022]

*Amategeko agenga imanza z'ubucuruzi – Inguzanyo ya banki – Inyungu – Inyungu ku nguzanyo banki ziha abakiliya bazo zikomeza kubarwa kugeza umwenda wose wishyuwe zipfa kutarenga umwenda shingiro wagaragajwe igihe inguzanyo yageraga mu rwego rwo kutishyurwa.*

*Amategeko agenga imanza z'ubucuruzi – Amasezerano y'inguzanyo – Gusesa amasezerano y'inguzanyo (résiliation du contrat) ntabwo bikuraho inshingano y'uwahawe umwenda ko igihe cyose atarishyura inyungu zikomeza kubarwa hubahirizwa ihame ry'uko inyungu zitagomba kurenga umwenda shingiro usigaye kwishyurwa (in duplum rule).*

*Amategeko agenga imiburanishirije y'imanza zasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane – Imbibi z'ikiburanwa – Ibitari mu mbibi z'icyaburanyweho urubanza rugitangira ntibisuzumwa mu rubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.*

**Incamake y'ikibazo:** Banki ya Kigali Plc yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi, isaba ko Nsengiyumva Fulgence yategekwa kwishyura umwenda remezo ayibereyemo ungana na 155.308.448 Frw, hiyongereyeho inyungu zibazwe kugera ku mwenda remezo, yose hamwe akaba 310.616.976 Frw. Urukiko rw'Ubucuruzi rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Banki ya Kigali Plc gifite ishingiro, rumutegeka kwishyura 300.000.000

Frw. Nsengiyumva Fulgence yajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ruca urubanza rwemeza ko agomba kwishyura 155.301.368 Frw aho kuba 300.000.000 Frw. Banki ya Kigali Plc yajuririye Urukiko rw'Ubujurire, rwemeza ko ubujurire bwayo bufite ishingiro, ko Nsengiyumva Fulgence agomba kwishyura 310.616.896 Frw, Nsengiyumva Fulgence yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, arabyemeza, ruburanishwa ku wa 15/02/2022.

Nsengiyumva Fulgence ko icyo atemera ari inyungu zibazwe nyuma y'uko Banki ya Kigali Plc imwandikiye ku wa 12/10/2012 imumenyesha ko ihagaritse imikoranire isanzwe yari ifitanye nawe kandi ko dosiye ishyizwe mu maboko y'umukozi wayo kugirango yishyuzwe ku ngufu kuko igihe ingwate yari igurishijwe muri cyamunara ntihavemo ubwishyu bwose, banki yagombaga guhita iregera inkiko aho gukomeza kubara inyungu mu gihe cy'imyaka 5 kandi amasezerano yari afitanye na banki yaravuyeho. Avuga kandi ko asanga banki igomba kuryozwa amafaranga bamuhombeje agera kuri 275.400.000 Frw agahuzwa n'umwenda ayibereyemo ungana na 146.543.891 Frw bakishyurana.

BK ivuga ko muri iyo myaka 5 impande zombi zari mu mishyikirano yo kureba uburyo umwenda wakwishyurwa, ndetse ko hari amabaruwa impande zombi zagiye zandikirana, ku buryo itari kuregera inkiko bakiri mu biganirwa kandi ko nta cyari kubuza ko inyungu zikomeza kubarwa igihe cyose umwenda utarishyurwa, zipfa gusa kutarenga umwenda remezo. Ku birebana n'ibyo asaba ko Banki ya Kigali Plc yaryozwa igihombo yatejwe na cyamunara, ivuga ko ari ikirego gishya kuko ikiburanwa muri uru rubanza kuva rutangira ari ingano

y'umwenda akwiye kwishyura banki kubera inguzanyo yamuhaye atishyuye.

**Incamake y'icyemezo:** 1 Ibitari mu mbibi z'icyaburanyweho urubanza rugitangira ntibisuzumwa mu rubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

2. Inyungu ku nguzanyo banki ziha abakiliya bazo zikomeza kubarwa kugeza umwenda wose wishyuwe zipfa kutarenga umwenda shingiro wagaragajwe igihe inguzanyo yageraga mu rwego rwo kutishyurwa.

3. Gusesa amasezerano y'inguzanyo (résiliation du contrat) ntabwo bikuraho inshingano y'uwahawe umwenda ko igihe cyose atarishyura inyungu zikomeza kubarwa hubahirizwa ihame ry'uko inyungu zitagomba kurenga umwenda shingiro usigaye kwishyurwa (in duplum rule).

**Ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane gifite ishingiro kuri bimwe Uregwa agomba kwishyura Banki 293.087.782 Frw, akubiyemo 146.543.891 Frw y'umwenda remezo na 146.543.891 Frw y'inyungu.**

**Amategeko yashingiweho:**

Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 60.

**Imanza zifashishijwe:**

Urubanza Umutesi Kaberuka Espérance na I&M Rwanda Ltd;  
N°RCOM A 0166/12/CS rwaciwe n'Urukiko  
rw'Ikirenga ku wa 28/04/2017.

- Urubanza RCOM A 0044/12/CS, Ndayambaje v Ecobank; rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 07/11/2014.
- Urubanza N°RS/INJUST/RC 00007/2018/SC, Nditiribambe Samuel v Gatera Jason et Crts; rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 13/03/2020.
- Urubanza N°RS/INJUST/RSOC 00001/2018/SC, Ukwibishaka Alexis na Banki y'Abaturage y'u Rwanda rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 02/07/2021.
- Urubanza N°RS/INJUST/RAD 00003/2021/SC, Tabaruka Dieudonné v Akarere ka Gicumbi; rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 20/05/2022.

## Urubanza

### I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ku wa 08/10/2010, Banki ya Kigali Plc yahaye Nsengiyumva Fulgence umwenda wa 181.182.303 Frw wagombaga kwishyurwa mu myaka 7 ibarwa guhera ku wa 31/11/2010, yishyura 3.770.444 Frw buri kwezi. Nsengiyumva Fulgence ntiyashoboye kwishyura, ajya mu birarane, nyuma asaba ko umwenda uvugururwa (restructuration), ku wa 14/04/2011 yemererwa umwenda wa 196.660.736 Frw wagombaga kwishyurwa mu mezi 120 abarwa guhera ku wa 30/04/2011, yishyura 3.482.715 Frw buri kwezi n'inyungu zingana na 17,25% ku mwaka, nabwo ntiyashobora kwishyura akomeza kujya mu birarane.

[2] Ku wa 12/10/2012, Banki ya Kigali Plc yandikiye Nsengiyumva Fulgence imumenyesha ko ihagaritse uburyo yari asanganywe bwo kwishyura (dénonciation de votre programme

de remboursement) imusaba guhita yishyura umwenda wose ayibereyemo ugeze kuri 247.546.466 Frw, akubiyemo umwenda remezo n'inyungu ziwukomokaho. Yamumenyeshaga kandi ko inyungu zingana na 19,25% zizakomeza kubarwa kugeza umwenda wose wishyuwe, ndetse ko dosiye ye yashyikirijwe ubishinzwe kugira ngo atangire kumwishyuzza ku ngufu amafaranga ayibereyemo.

[3] Ku wa 19/09/2014, inzu Nsengiyumva Fulgence yari yaratanze ingwate muri Banki ya Kigali Plc yagurishijwe muri cyamunara, iyo banki aba ari nayo iyegukana ku mafaranga 100.000.000, ku itariki ya 08/10/2014 hashyirwaho 92.320.310 Frw kuri konte ye.

[4] Nyuma yaho tariki ya 13/10/2017, Nsengiyumva Fulgence yandikiye Banki ya Kigali Plc ayisaba kwigurishiriza ingwate akishyura umwenda ayibereyemo wabarirwaga muri 300.000.000 Frw, Banki ya Kigali Plc imusubiza ku wa 11/12/2017 ko ibimwemereye, amafaranga avuyemo agakuramo 300.000.000 Frw yo kwishyura umwenda, inamubwira ko ibyo imwemereye bizata agaciro niba itabonye ubwishyu mu minsi 60, ibyo akaba ari nabyo byaje kuba.

[5] Ku wa 10/10/2019, Banki ya Kigali Plc yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi, isaba ko Nsengiyumva Fulgence yategekwa kwishyura umwenda remezo ayibereyemo ungana na 155.308.448 Frw, hiyongereyeho inyungu zibazwe kugera ku mwenda remezo, yose hamwe akaba 310.616.976 Frw. Nsengiyumva Fulgence yireguye avuga ko yemera umwenda ungana na 247.546.466 Frw, ariko ko inyungu zabazwe nyuma y'uko Banki ya Kigali Plc ihagaritse imikoranire isanzwe bari bafitanye ikanagurisha muri cyamunara ingwate yari yarayihaye atazemera.

[6] Urukiko rw'Ubucuruzi rwaciye urubanza N° RCOM 02129/2019/TC ku wa 23/01/2020, rwemeza ko ikirego cya Banki ya Kigali Plc gifite ishingiro, rutegeka Nsengiyumva Fulgence kwishyura 300.000.000 Frw, akubiyemo umwenda remezo n'inyungu zawo, hiyongereyeho 560.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.

[7] Urukiko rwashingiye icyemezo cyarwo ku ngingo ya 112 -2° y'Itegeko N° 47/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki iteganya ko mu kwishyura imyenda itishyurwa, inyungu zitagomba kurenga umwenda shingiro igihe inguzanyo yageraga ku rwego rwo kutishyurwa, ndetse no ku ngingo ya 28 y'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo rushingiye ku kuba Nsengiyumva Fulgence yaremeye umwenda mu nyandiko yandikiye Banki ya Kigali Plc ku wa 13/10/2017.

[8] Nsengiyumva Fulgence yajuririyeye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ruca urubanza N° RCOMA 00175/2020/HCC ku wa 27/11/2020, rwemeza ko umwenda Nsengiyumva Fulgence agomba kwishyura Banki ya Kigali Plc ari 155.301.368 Frw aho kuba 300.000.000 Frw yari yemejwe ku rwego rwa mbere.

[9] Urukiko rwasobanuye ko Banki ya Kigali Plc imaze kugurisha ingwate ntikuremo ubwishyu bwose, itagombaga kumara imyaka igera kuri 5 ibara inyungu kandi yarahagaritse imikoranire isanzwe yari ifitanye na Nsengiyumva Fulgence, ahubwo ko yari guhita yitabaza inkiko igasaba ubwishyu busigaye. Rwasobanuye kandi ko kuba Nsengiyumva Fulgence yaremeye kwishyura 300.000.000 Frw mu ibaruwa yo ku wa 13/10/2017 bidakwiye kugenderwaho kuko ayo mafaranga atayemeye nk'uwemera umwenda nyakuri afitiye Banki ya

Kigali Plc, ahubwo ko impande zombi zayemeranyijweho mu gihe zageragezaga kumvikana ngo zikemure ikibazo nta manza zibaye.

[10] Banki ya Kigali Plc yajuririye Urukiko rw'Ubujurire, ruca urubanza N° RCOMAA 00104/2020/CA ku wa 30/04/2021, rwemeza ko ubujurire bwayo bufite ishingiro, ko Nsengiyumva Fulgence agomba kwishyura umwenda remezo n'inyungu ziwukomokaho zibazwe kugera ku ngano y'umwenda remezo, yose hamwe akishyura 310.616.896 Frw, hiyongereyeho 700.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.

[11] Urukiko rwasobanuye ko inyungu zikomeza kubarwa igihe cyose umwenda zikomokaho utarishyurwa, ariko ntizirenze ingano y'umwenda remezo nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 112- 2° y'Itegeko N° 47/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki.

[12] Ku bijyanye n'ibaruwa yo ku wa 13/10/2017, Nsengiyumva Fulgence yandikiye Banki ya Kigali Plc, Urukiko rw'Ubujurire rwasanze nta mpamvu ukwiyemerera kwe muri iyo nyandiko kutashingirwaho nk'uko biteganywa n'ingingo ya 28 y'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryavuzwe haruguru.

[13] Nyuma y'aho urwo rubanza ruciriwe, Nsengiyumva Fulgence yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Nyuma yo gusuzuma icyo kibazo, mu cyemezo cye N° 227/CJ/2021 cyo ku wa 20/09/2021, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urwo rubanza rwoherezwa mu bwanditsi bw'Urukiko kugira ngo ruzongere ruburanishwe, dosiye ihabwa N° RS/INJUST/RCOM 00005/2021/SC.

